IBYIGISHO BYA BIBILIYA MU ISHURI
RYO KU ISABATO
BY'ABAKUZE



# UBUTUNZI BW'UKURI (I)

# *Ukujyinama n'umuremyi wacu*

Vol. 99 No. 1
Mutarama – Werurwe, 2023

# IBIRIMO

1. Ijambo ry'Imana ku Bantu muri iki Gihe.........................................5
2. Ijambo ry'Imana ry'Irinyembaraga....10
3. Inzoka z'Ubusagwe Butwika......15
4. Mpa Amavuta mu Itabaza Ryanjye..20
5. Ubutumwa Bwiza mu Isezerano rya Kera..............................................26
6. Amategeko ahoraho y'Imana.......31
7. Ubwiru bw'Ubutumwa Bwiza....36
8. Byabambwe ku Musaraba We....41
9. Nitwatūra....................................... 47
10. "Ubereshe Ukuri"..........................52
11. Isezerano rya Kera........................57
12. Nimuze Tujye Inama....................62

Ibyigisho bya bibiliya mu ishuri ryo ku isabato, Ni porogarame y' ibyigisho bya buri munsi.

Ibi byigisho by' ishuri ryo ku isabato bishingiye kuri Bibiliya n' umwuka w' ubuhanuzi gusa. Kwiga byimbitse muri iki gihe bigomba gushishikariza buri wese witegura kugaruka k' umukiza wacu Yesu.

Ibi byigisho by' Ishuri ryo kw'Isabato binaboneka mu kinyarwanda kuri iyi website:
**www.sdarm.org/sbl**

**„WIBYIGISHO BYA BIBILIYA MU ISHURI RYO KU ISABATO"**
Bitegurwa n'inteko y'ubuyobozi bukuru bw'itorero ry'abadivantisite b'Umunsi wa 7 Bavugurura

**General Conference**
5240. Hollins Road Roanoke - Virginia
24019
5048 USA
Internet: www.sdarm.org
E-mail: gc@sdarm.org

## Ijambo ry'Ibanze.

Ni irema ryo kubahwa bitangaje Ishoborabyose yaboneje bihebuje maze arishimangira hano ku isi mu myaka isāga 6000. Kandi ikamba rikomeye ry'irema rihebuje ry'Ishoborabyose; ni inyokomuntu yaremwe mu ishusho y'Imana! Uyu niwe mu byaremwe waremewe gutura kuri uyu mubumbe no gutegeka ibiwuriho. Hakurikijwe imbaraga z'ubwenge no gutekereza zahawe abantu, ubu bwoko bw'Abahomosapiye [Homo sapiens]' nibo bari mu byaremwe baragijwe iri hirwe; nyamara ikiruta byose, ni we kiremwa cyonyine ku isi cyahawe amahirwe yo kubaho iteka ryose mu munezero ari imbere y'Umuremyi w'icyubahiro mu bihe bidashira.

Kimwe nk'andi mahirwe yose n'inshingano iyo ariyo yose, ibi biza bifite ikigombero. Umuremyi w'ijuru n'isi w'umunyembabazi kandi ukiranuka, adushyira imbere ibyo byangombwa bisabwa mu buryo bwumvikana, maze akaturarikira kujya inama na We kugirango dushobore gusobanukirwa n'ubuntu bw'isezerano Rye.

None rero mu mezi atatu akurikiyeho, abigishwa b'Ishuri ryo ku Isabato ku isi yose baziga insanganyamatsiko y'ingenzi, "Ukujyinama n'Umuremyi wacu". Uyu ni umugabane wa mbere w'insanganyamatsiko izamara umwaka yitwa "Ubutunzi bw'Ukuri", iduha ubwenge bw'ingirakamaro cyane ku kuri gutangaje kurimo iby'agaciro ntagereranywa, bwo kuduha ibyadutegurira iby'ibihe bidashira. Abantu bose baba barakijijwe bakwiriye kugira ukwizera nyakuri, kwimbitse mu Mana n'imibereho ya gikristo inesha kugirango bazihanganire ibigeragezo byo mu isaha iheruka amateka y'isi.

"Iyobokamana ryagenewe ibyaremwe rizatanga ibihamya bisobanutse by'ukuri kwaryo, kuko ingaruka zaryo zizaba mu mutima no mu mico. Ubuntu bwa Kristo buzagaragarizwa mu myitwarire yabo ya buri munsi. Dushobora kubaza ntacyo twishisha abavuga ko bejejwe, duti 'mbese imbuto z'Umwuka zigaragarira mu mibereho yanyu?' Mbese mugaragaza ubugwaneza no kwicisha bugufi bya Kristo, kandi muhishura ingingo ihamya ko mwigira mu ishuri rya Kristo buri munsi, mugatunganyiriza imibereho yanyu gukurikiza icyitegererezo cy'imibereho Ye itikanyiza?

"Igihamya cyiza kuruta ibindi ni uko buri wese muri twe ashobora kugira umushyikirano dufitanye n'Imana yo mu ijuru kugirango twitondere amategeko Yayo. Igihamya cyiza kuruta ibindi cyo kwizera muri Kristo ni ukutiyiringira ahubwo tukishingikiriza ku Mana. Igihamya rukumbi cy'ishingiro ry'uko turi muri Kristo ni ukugaragaza ishusho Ye. Uko dukomeza kugenza dutya, dutanga igihamya cy'uko twejejwe n'ukuri, kuko ukuri ari urugero rw'imibereho yacu ya buri munsi." – Muzahabwa Imbaraga, p.121.

"Hariho abantu benshi bafite amahoro n'ibyishimo bike nubwo baharanira kumvira amategeko y'Imana. Uyu mworera mu mibereho yabo ni ingaruka yo kunanirwa gushyira kwizera mu bikorwa. Bagenda nk'abagenda ku butaka bw'umunyu, mu butayu bw'umutarwe. Basaba bike aho bagasabye byinshi kubera ko amasezerano y'Imana atagira urubibi." – Ibyakozwe n'Intumwa, p.563.

Isengesho ryacu ni uko twese twashobora gukungahazwa n'Ibyigisho bya Bibiliya by'Ishuri ryo ku Isabato by'iki gihembwe, kandi kwizera kwacu kukarushaho kubonezwa no kujyinama n'Umenyabyose.

*Icyiciro cy'Ishuri ryo ku Isabato mu Nteko Nkuru Rusange*

## Amaturo y'Isabato ya Mbere Azagenerwa kubaka Ishuri n'Ikigo nderabuzima muri Adigeya, mu Majyaruguru ya Kawukasusi, mu Burusiya




Igihugu cy'Uburusiya gifite ubuso bw'ibirometero 17,125,191 by'umurambararo, kikaba gituwe n'abaturage benda kungana na 146,780,000; muri bo miliyoni 111 ni Abarusiya. Muri miliyoni 35 zisigaye, zihagarariwe n'abantu bafite ubwenegihugu burenga 180. Idini ryiganje ni Orutodogisi (42%); irikurikiraho ni Ubuyisilamu (30%). Andi madini ahari ni Ubugatulika (3%); Abizera ba Kera (ishami ry'abakristo b'Abarutodogisi b'iburasirazuba) n'Ubuporotositanti (2%); Abasenga Buda; idini rya Kiyuda na Gatulika ya Kigiriki (1%).

Kuva mu mwaka wa 1925, ubutumwa bw'Ivugurura bwabwirijwe hano mu buryo buruhije cyane. Bene data benshi bashyizwe mu nzu z'imbohe bazira Ijambo ry'Imana. Bamwe batanze ubugingo bwabo kubera ukuri. Mu myaka ya 1990 itorero ryacu ryagize amahirwe yo kubwiriza mu mudendezo kandi bakoresheje neza aya mahirwe. Muri Kamena 2018, hashyizweho Iniyo y'Uburusiya. Mu gihe cy'imyaka mike ishize, amahirwe yacu yo kubwiriza mu bwisanzure yararangiye rwose, none duhanze amaso isambu ntoya idafite ibyaremwe yo gukomeza amateraniro makuru no kuboneza umurimo w'ibwirizabutumwa. Uwiteka yatwemereye kugura hegitare eshanu mu ibanga ry'umusozi wo mu misozi ya Kawukasusi igaragara nk'agace k'imisozi itangaje. Nkuko biruhije kubona amazi mu karere k'imisozi, igiciro cy'ikibanza cyari hasi ho gato. Ariko Uwiteka ibi yabyitayeho maze adufasha kubona iriba ry'amazi muri iyo sambu, atari amazi yo kunywa gusa ahubwo n'ayo kurunda hamwe akazakoreshwa. Turashimira Uwiteka kubw'uyu mugisha ukomeye w'ubuntu Bwe! Mu mpeshyi yo mu mwaka wa 2019, nibwo twagize amateraniro makuru ya mbere muri iki gihugu; nubwo twashoboraga gushyiraho imimerere y'amateraniro yo mu mpeshyi, inzu mberabyombi n'inzu nto y'ibyumba bibiri. Dogiteri yararikiwe kuyobora umwiherero w'iby'amagara mazima aho ngaho. Hakurikijwe umucyo uturuka muri Mwuka w'Ubuhanuzi no kuzirikana ibyo duhura nabyo, tubona imbaraga ikomeye y'umurimo wo kubwiririsha ubutumwa umurimo w'ubuvuzi iyo amazu abonerejwe uyu mugambi yubatswe.

Twizera ko kubw'imbabazi z'Imana n'ubufasha bwa bene data bo ku isi yose, Uwiteka azadufasha gusohoza uyu mushinga bene data batuye ino aha badashobora kwiyishyurira ubwabo. Uwiteka ahe umugisha umuntu wese ushaka gushyigikira uyu mushinga binyuze mu masengesho n'inkunga y'amafaranga.

*Bene so na bashiki banyu bo muri Iniyo y'Uburusiya*

# Ijambo ry'Imana ku Bantu muri iki Gihe

**Isomo ryo kuzirikanwa: "Uku ni ko Uwiteka avuga ati: Havumwe umuntu wiringira undi muntu akishima amaboko ye, mu mutima we akimūra Uwiteka." Yeremiya 17:5.**

"Mu mbabazi Zayo n'ubudahemuka Bwayo, Imana ihora yemera ko abo twiringira badutenguha, kugirango dushobore kwiga uburyo kwiringira umuntu ari ubupfapfa no kwishingikiriza ku maboko yacu y'umubiri." – *Umurimo wo Gukiza,* p.486.

**Ibitabo byifashishijwe:** *Inama ku Babyeyi, Abigisha n'Abanyeshuri,* p.460 – 463; *Amahameshingiro y'Uburezi bwa Gikristo*, p.129 – 137.

## *Kuwa Mbere* *01 Mutarama*

### 1. MBESE NI GUTE BIBILIYA YATANZWE?

**a. Mbese Ibyanditswe Byera byatanzwe mu buhe buryo? (Buvuge wahuranyije). 2Timoteyo 3:16; 2Petero 1:21; Kubara 12:6.**

---

"Ntabwo amagambo ya Bibiliya ari yo yahumetswe, ahubwo abantu ni bo bahumekewe. Guhumekerwa ntikugira icyo gukora ku magambo y'umuntu cyangwa ku mvugo ye ahubwo gukora ku muntu ubwe wuzuzwa ibitekerezo kubw'imbaraga y'Umwuka Wera. Nyamara amagambo yo arangwa n'imiterere y'imitekerereze by'umuntu wahumekewe. Uko ni ko ubwenge mvajuru bukwirakwizwa. Ubwenge bw'Imana n'ubushake Bwayo byivanga n'intekerezo n'ubushake bya muntu; uko ni ko ibyo umuntu avuga ari ijambo ry'Imana." – *Ubutumwa Bwatoranyijwe,* vol 1, p.21.

**b. Igihe turi gushaka ukuyoborwa guturutse ku Mana, mbese ni iki dukwiriye gusobanukirwa cyerekeye inzozi n'amayerekwa? Gutegeka kwa Kabiri 13:1 – 5; Yeremiya 29:8.**

---

**c. Mbese ni ibihe bintu bindi bitera kurota? Umubwiriza 5:2,6.**

---

**d. Mbese ni gute dusuzuma abahanuzi? 1Abakorinto 14:32; Yesaya 8:19,20.**

---

---

## 2. MBESE IBYANDITSWE BYERA NTIBYIBESHYA?

**a. Mbese dushobora kwiringira ubutungane bw'Ijambo ry'Imana ku rugero rungana iki? Zaburi 12:6,7.**

---

"Dufite Bibiliya yuzuyemo ukuri kw'agaciro kenshi. Ikubiyemo alufa na omega wo kujijuka." – Ababwiriza b'Ubutumwa Bwiza, p.309.

"Muri Bibiliya tuhafite inama y'Imana itibeshya. Ibyigisho byayo nibishyirwa mu bikorwa, bizatuma abantu baba abakwiriye inshingano iyo ariyo yose. Ni ijwi ry'Imana rivugana n'umuntu buri munsi. Mbega uburyo urubyiruko rugomba kwiga Ijambo ry'Imana rwitonze maze bagakungahazwa n'imimerere yaryo mu mutima, kugirango amabwiriza yaryo ashobore kugenga imyitwarire yabo yose!" – *Ibihamya by'Itorero,* vol 4, p.441.

"Mu Ijambo Ryayo, Imana yahaye abantu ubwenge bukenewe kubw'agakiza. Bagomba kwemera Ibyanditswe Byera nk'ihishurwa ry'ubushake Bwayo rifite ububasha kandi ritarimo kwibeshya. Ni byo rugero fatizo rw'imico iboneye, ni byo byerekana inyigisho n'amahame bikwiriye, kandi ni byo gipimo cy'imibereho y'abantu." – *Ukwizera Kumbeshejeho,* p.13.

"[Abasore] bakeneye umujyanama utibeshya, umuyobozi utayobya. Uyu bazamubona mu Ijambo ry'Imana. Keretse gusa nibaba abigishwa b'iryo jambo badakebakeba, naho ubundi bazakora amakosa akomeye azangiza umunezero wabo n'uw'abandi, haba muri ubu buzima bwa none n'ubwo mu gihe kizaza." – *Ubutumwa ku Basore,* p.443.

**b. Mbese amahame aboneka mu Byanditswe azamara igihe kingana iki? Matayo 24:35; Zaburi 119:160; Yesaya 40:8.**

---

"[Kristo] yigishije ko Ijambo ry'Imana rigomba kumenywa n'abantu bose. Yahaye agaciro Ibyanditswe Byera avuga yuko bifite ubutware budasubirwaho. Natwe dukwiriye kubigenza dutyo. Bibiliya igomba kwigishwa nk'Ijambo ry'Imana ihoraho, nk'ishyiraho iherezo ry'intambara zose kandi ikaba urufatiro rw'ukwizera kose." – Imigani ya Kristo, p.39,40.

"Bibiliya, iyo yakiriwe mu buryo bwuzuye kandi ikigwa nk'ijwi ry'Imana, ibwira umuryango wa muntu uburyo bwo kugera mu munezero w'ijuru udashira no kubungabunga ubutunzi bw'ijuru." – Amahameshingiro y'Uburezi bwa Gikristo, p.444.

"Mbese uburezi butangirwa mu mashuri yacu ntibuzaba imico izageza umuntu mu kugirana umushyikirano muzima n'Imana, no kugumisha Imana mu bwenge tuyihanze amaso no gukangura buri marangamutima y'umuntu arushijeho kuba meza? Ubu nibwo burezi buramba kugeza ku bihe bidashira." – *General Conference Daily Bulletin,* March 06,1899.

## 3. UKWAKIRA INYANDIKO ZAHUMETSWE N'IMANA

**a. Mbese ni iki dukwiriye gusobanukirwa igihe Imana ivuze binyuze mu bahanuzi Bayo? Yeremiya 1:4 – 9; 1Abatesalonike 2:13.**

---

"Kristo yigishije abigishwa Be ko bakwiriye gufungurira ubwenge bwabo kwigishwa no kuba biteguye kwizera. Yababwiye ko bahirwa kuko bemeye kurebesha amaso yabo no kumvisha amatwi bakizera…

"Umwigishwa nyakuri gusa ni uwakira Ibyanditswe nk'aho ari Imana ivugana na we. Ahindishwa umushyitsi n'ijambo kuko kuri we ari ukuri kuzima." – *Imigani ya Kristo,* p.59.

"Bibiliya yerekana ko yakomotse ku Mana; nyamara yanditswe n'ibiganza by'abantu; kandi mu ngeri zinyuranye z'imyandikire y'ibitabo bitandukanye biyigize, yerekana imico yarangaga abanditsi bayo benshi. Ukuri kose kwahishuriwe umuntu "kwahumetswe n'Imana" (2 Timoteyo 3:16), ariko kwasobanuwe mu magambo y'abantu. Uwiteka yamurikiye ibitekerezo n'imitima by'abagaragu Be akoresheje Umwuka Wera. Yabahaye kurota inzozi no kugira amayerekwa, yabahishuriye ukuri mu bimenyetso n'amashusho; nuko abo bahishuriwe uko kuri bakagaragaza igitekerezo gikubiye mu byo bahishuriwe bakoresheje imvugo ya kimuntu." – *Ubutumwa Bwatoranyijwe,* vol 1, p.25.

**b. Mbese ni iki Imana ihora ihishura binyuze mu bahanuzi Bayo kugirango idufashe gusobanukirwa ukumenya kose na kamere ihoraho y'Ubumana? Amosi 3:7; Yesaya 46:9,10.**

---

"Amateka n'ubuhanuzi bihamya ko Imana y'isi yose yahishuye amabanga binyuze mu bagaragu Bayo babaye abatwaramucyo ku b'isi. Isi itizera, ibivugwa n'ibyandikwa n'abafite ubumenyi buhanitse, biratanga ubwenge buke ku bintu bidashobora gusobanuka. Ntibabona ko ubwenge nyakuri kandi bw'ikirenga butahura mu buryo burushijeho gutungana ukumenya Imana na Yesu Kristo, Uwo yatumye. Hari abantu bake basobanukiwe ko ubwenge bwose nyakuri bw'umuntu buturuka ku Mana y'ubwenge kandi ko Imana igaragariza isi ko ari Umwami utegeka byose." – *Bible Training School,* December 01, 1912.

"Mu byandikwa bivuga ku mateka ya muntu, gukura kw'amahanga, gukomera no kugwa k'ubwami, ibi byose bisa n'aho bishingiye ku bushake n'ubuhanga buhanitse bwa muntu. Usanga ku rwego rukomeye uko ibintu bigenda bisa n'aho bigenwa n'imbaraga za muntu, umugambi we cyangwa imyanzuro yihuse afata. Ariko rero mu ijambo ry'Imana umwenda ukingiriza ukurwaho maze tukareba hirya cyane, n'inyuma kandi amaso akahuranya akareba umukino wose w'ibigirira umuntu akamaro, imbaraga ze n'ibimushishikaza kandi ibyo byose bikaba ari ibikoresho by'Imana y'inyembabazi bikora bucece no mu buryo bwo kwihangana bigashyira mu bikorwa inama z'ubushake Bwayo bwite." – *Abahanuzi n'Abami*, p.499,500.

## 4. MBESE NI IKI CYANGOMBWA KU RUHARE RWACU?

**a. Mbese ni iyihe nyifato dukwiriye kugira mu gihe turi kwiga Bibiliya? Yesaya 66:1,2; Yohana 7:17; Ibyakozwe n'Intumwa 17:10,11.**

---

---

"Iyo umuntu yiyeguriye Kristo, imbaraga nshya itura mu mutima wahindutse mushya. Habaho impinduka we ubwe atabasha kwigezaho. Uwo ni umurimo w'indengakamere uzana muri kamere ya muntu imbaraga y'indengakamere. Umuntu wihaye Kristo amuhindukira igihome Cye bwite aturamo muri iyi si yigometse, kandi agashaka ko nta bundi butegetsi bukirangwamo usibye Ubwe. Umuntu wigaruriwe n'imbaraga zo mu ijuru muri ubwo buryo ntabasha guterwa ngo aneshwe n'ibitero bya Satani. Ariko nitutiha Kristo byimazeyo ngo abe ari We utuyobora, tuzigarurirwa n'Umubi." – *Uwifuzwa Ibihe Byose,* p.324.

"Uburezi abantu benshi bahawe kandi bakera imbuto zabwo ni uguhangana, gushidikanya, kunegurana no gusuzugura. Banga kwemera igihamya. Umutima wa kamere urwanya umucyo, ukuri, n'ubumenyi. Yesu Kristo yabaye muri buri cyumba cyose cyo kuryamamo aho mwishimira kuba. Mbese ni amasengesho angahe azamuka mu ijuru avuye muri ibyo byumba?" – Ellen G. White 1888 Materials, p.140.

"Nta bundi bwishingizi bwatuma inyigisho yacu ibonera kandi igatandukanywa n'imyanda yose no kugwa mu makosa kose niba tudakora buri munsi iby'Imana ishaka. Nidukora ibyo Ishaka, tuzamenya ibyo twigishwa. Tuzabona ukuri mu bwiza bwako bwejejwe. Tuzakwakira tukubashye kandi twubashye Imana, maze ubwo nibwo tuzaba dushobora kwamamaza icyo tuziko ari ukuri ku bandi. Ntihazabaho kwiyumvamo isumbwe ryo kuruta abandi cyangwa se kwishyira hejuru muri uyu murimo ukomeye." – Ibid, p.46.

**b. Ni uwuhe mugabane wa Bibiliya w'ingirakamaro cyane kuruta indi isigaye? Abaroma 15:4; Luka 24:27; Yesaya 28:10.**

---

---

"Buri mugabane wose wa Bibiliya wahumetswe n'Imana kandi tuwungukiramo. Isezerano rya kera ntirirushwa agaciro n'Irishya, [yombi] akwiriye kwakirwa yitondewe. Uko twiga isezerano rya kera tuzabonamo imigezi ibeshaho aho umusomyi utagize icyo yitayeho abona ari ikidaturwa gusa.

"Isezerano rya kera rimurikira Irishya, ndetse n'isezerano Rishya rimurikira irya Kera. Yombi ni ihishurwa ry'ubwiza bw'Imana muri Kristo." – *Inama ku Babyeyi, Abigisha n'Abanyeshuri*, p.462.

## *Kuwa Gatanu* **05 Mutarama**

### 5. GUSOMA NO KWIGA NTIBIHAGIJE

**a. Mbese ni iki tugomba gukoresha ibyo tumenye mu gihe turi kwiga Ibyanditswe Byera? Imigani 2:1 – 5; Zaburi 119:11,16.**

---

"Umwuka Wera akunda kuvugisha abasore no kubahishurira ubutunzi n'ubwiza by'Ijambo ry'Imana. Amasezerano yatanzwe n'Umwigisha Mukuru azakurura ibyumviro by'umuntu kandi atume ubugingo buba buzima kubw'imbaraga z'umwuka ziva ku Mana. Mu ntekerezo hazazamukamo igitekerezo cyo gushaka kwimenyereza iby'Imana bizababera nk'uruzitiro rubarinda ibishuko.

"Amagambo y'iby'ukuri azaba ingirakamaro kandi azahabwa icyubahiro n'agaciro gakomeye atigeze ahabwa. Ubwiza n'ubutunzi bw'ijambo ry'Imana bifite imbaraga yo guhindura ubwenge n'ingeso; ibishashi by'urukundo rwo mu ijuru bizagwa ku mutima bihumetswe n'Imana." – *Imigani ya Kristo,* p.132.

**b. Niba ibyo tubyakiriye mu mutima, ese ubwo tugereranywa n'iki? Luka 6:46 – 49.**

---

"Umutima ubitswemo ukuri kw'agaciro gakomeye kw'Ijambo ry'Imana urindwa ibishuko bya Satani, ukarindwa ibitekerezo byanduye n'ibikorwa bidatunganye." – *Imibereho yanjye ya None,* p.28.

**c. Mbese ni iki dusaba Uwiteka kudukorera kandi ni ukubera iki? Zaburi 119:133.**

---

"Ubwenge mvajuru buzashyira kuri gahunda intambwe z'abashyira ibyiringiro byabo mu Uwiteka. Urukundo mvajuru ruzababumbatira, maze nibwo bazumva bari n'Umufasha, ariwe Umwuka Wera." – *Umuhamagaro wacu Uhebuje*, p.324.

## *Kuwa Gatandatu* **06 Mutarama**

### IBIBAZO BYO KUZIRIKANWA

1. **Ni gute abantu bahawe ibyahumetswe n'Imana?**
2. **Mbese tugomba kwiringira Bibiliya ku rugero rungana iki, kandi ni ukubera iki?**
3. **Ni uwuhe mugambi w'itangwa ry'inyandiko za gihanuzi kandi uhesha ubuhe butware inyandiko zose zahumetswe?**
4. **Ni gute inyifato igira ingaruka ku kwiga Bibiliya?**
5. **Ni gute twubakira ubugingo bwacu ku rufatiro ruhamye?**

# Ijambo ry'Imana ry'Irinyembaraga

**Isomo ryo kuzirikanwa: "Mana, undememo umutima wera, Unsubizemo umutima ukomeye." Zaburi 51:10.**

"Kenshi ibishuko bisa nk'ibitari ibyo gutsindwa bitewe n'uko ugeragezwa yirengagiza gusenga no kwiga Bibiliya, maze ntiyitegure kwibuka amasezerano y'Imana no guhangana na Satani yitwaje intwaro zo mu Byanditswe." – *Intambara Ikomeye*, p.600.

**Ibitabo byifashishijwe:** *Amahameshingiro y'Uburezi bwa Gikristo,* p.123 – 128.

## *Kuwa Mbere* *08 Mutarama*

### 1. ABASIRIKARE B'UMUSARABA

**a. Mbese ni iki dukwiriye guhora twirinze muri uru rugendo rwacu rwo ku isi? 1Petero 5:8. Mbese ni gute noneho Pawulo agereranya imibereho y'umukristo? 2Timoteyo 2:3.**

---

"Nta kintu gishobora kurushaho kuba impezamajyo, nta kintu gishobora kurushaho kuba icyihagije kuruta umuntu wumva ntacyo bivuze kwishingikiriza ku bugiraneza bw'amaraso y'Umukiza wabambwe akazuka. Imibereho ya gikristo ni imibereho y'intambara n'ubushyamirane budashira. Ni urugamba n'urugendo. Ariko buri gikorwa cyose cyo kumvira Kristo, buri gikorwa cyo kwigomwa ku Bwe, buri kigeragezo cyihanganiwe neza [kigatsindwa], ni intambwe mu rugendo rugana mu bwiza bw'insinzi iheruka." – *That I may know Him,* p.253.

**b. Mbese ni gute ku iherezo dushobora kuba abaneshi gusa? Abefeso 6:11 – 17.**

---

"Abantu bazambara intwaro zose z'Imana maze bagatanga igihe cyabo buri munsi bagasenga kandi bakiga Ibyanditswe byera bazagirana umushyikirano n'ijuru ndetse bazagira imbaraga ikiza ikanahindura ababazengurutse. Ibitekerezo bihanitse, imigambi itunganye, gusobanukirwa ukuri neza n'inshingano bafite ku Mana, bizaba ibyabo…. Iki cyiciro kizahabwa ugushira amanga kwejejwe kugirango bajye imbere y'Imana ihoraho. Baziyumvamo ko umucyo w'ijuru n'ubwiza bwaryo ari ibyabo, kandi bazatunganywa, bazahurwe ndetse bahabwe umwanya w'icyubahiro kubw'uku kubana n'Imana. Ayo niyo mahirwe y'abakristo nyakuri." – *Ibihamya by'Itorero*, vol 5, p.112,113.

## 2. IMBARAGA MU IJAMBO

**a. Ni gute Ijambo ry'Imana ricengera igihe ryakiriwe by'ukuri mu mutima? Abaheburayo 4:12.**

---

---

"Amagambo y'Imana, atekerejweho mu mutima, azaba nk'imigezi itemba ivuye mu ruzi rw'amazi y'ubugingo. Umukiza wacu yasabye kugirango imitima y'abigishwa ishobore gukingukira gusobanukirwa Ibyanditswe Byera. Kandi igihe cyose twiga Bibiliya dufite umutima usenga, Umwuka Wera atuba hafi kugirango adufuturire ubusobanuro bw'amagambo dusoma." – Umuhamagaro wacu Uhebuje, p.205.

"Ukuri gushyizwe mu bikorwa gukwiriye kugaragarira mu mibereho, kandi Ijambo ry'Imana rimeze nk'inkota ityaye amugi yombi, rikwiriye guhinguranya rigakuraho inarijye ikiri mu mico yacu.

"Ijambo ry'Imana ricisha bugufi abibone, abanyabibi bakaba abagwaneza n'abafite imitima imenetse, abatumvira bakaba abumvira. Akamenyero ka kamere ikora ibyaha ku muntu biboheranyije ku migirire ya buri munsi. Ariko Ijambo ry'Imana rikuraho irari ry'umubiri. Ribangukira kugenzura ibyo umutima wibwira ukagambirira. Rirahuranya rikagabanya ingingo n'umusokoro, rikuraho irari ry'umubiri, rituma abantu bagira ubushake bwo kubabarizwa Umwami wabo." – *Ubusobanuro bwa Bibiliya,* vol 7, p.928.

**b. Ni gute mbere na mbere, Ijambo ryaremye ijuru n'isi vuba? Itangiriro 1:1; Zaburi 33:6,9.**

---

**c. Mbese ni ikihe gikoresho Imana yifashishije ubwo yaremaga isi ikoresheje Ijambo Ryayo? Abaheburayo 11:3. Nyuma yo kuremwa kw'isi, mbese Imana yaretse irema ririkoresha ubwaryo? Abaheburayo 1:3.**

---

"Imbaraga yo kurema yatumye ibiri ku isi bibaho, niyo igifashe ibiremwa kandi ikomeza kuramira ibyaremwe. Ukuboko kw'Imana kuyobora amasi kandi kukayakomereza mu myanya yayo hakurikijwe gahunda yo mu kirere. Ntabwo ari ukubera imbaraga karemano isi itanga umwero wayo uko umwaka utashye, kandi ngo ikomeze kuzenguruka izuba, maze itange umusaruro. Ijambo ry'Imana niryo rigenga ibiriho, "Itwikiriza ijuru ibicu, Itunganiriza ubutaka imvura, Imeza ubwatsi ku misozi" (Zaburi 147:8), itera ibishanga kurumbuka bikera imyaka. Binyuze mu mbaraga y'Imana, ibimera birakura, amababi yabyo agatohagira n'indabyo zikabumbura." – *Inama ku Babyeyi, Abigisha n'Abanyeshuri,* p.185,186.

## 3. GUSOBANUKIRWA ICYAHA

**a. Mbese ni ikihe cyifuzo Dawidi yagize ubwo yari amaze gucumura ku Mana no kuri Batisheba? Zaburi 51:1 – 4.**

---

**b. Mu gusoma ibyerekana ukwihana kwa Dawidi kwashyizwe mu bitabo byo mu ijuru, mbese ni ibiki byari bimuremereye cyane, ni izihe ngaruka yagize, cyangwa se ni iki cyongeye kugarura umubano yari afitanye n'Imana? Zaburi 51:5 – 10.**

---

"Nyuma yo gukora icyaha kwe, Dawidi yamaze umwaka wose afite umutekano. Nta gihamya cyagaragaraga cy'uko Imana itamwishimiye. Ariko igihano cy'Imana cyari kimutegereje. Byanze bikunze umunsi w'urubanza no guhanwa waregerezaga kandi nta kwihana kwajyaga kuwigizayo. Umubabaro no gukorwa n'isoni byajyaga kwijimisha imibereho ye yose yo ku isi byari byegereje. Abafata urugero rwa Dawidi maze bakagerageza koroshya uburemere bw'ibyaha byabo, bakwiriye kwigira mu mateka ya Bibiliya yuko inzira yo kugomera Imana ikomeye. Nubwo bahindukira bakava mu byaha byabo nk'uko Dawidi yabikoze, ingaruka z'ibyaha, ndetse no muri ubu bugingo, zizaba ari mbi kandi kuzihanganira bikomere" – Abakurambere n'Abahanuzi, p.723,724.

"Kwihana kwa Dawidi kwari kuvuye ku mutima. Ntiyagerageje guhisha icyaha cye. Ntabwo icyifuzo cyo guhunga ibihano yari yabwiwe ari cyo cyamuteye gusenga. Ahubwo yabonye uburemere bw'icyaha yakoreye Imana; yabonye uburyo ubugingo bwe bwari bwanduye maze azinukwa icyaha cye. Ntiyasengeye kubabarirwa gusa, ahubwo yanasabiye ko umutima we wezwa. Ntabwo Dawidi yigeze areka urugamba kubwo kwiheba. Mu masezerano Imana yasezeraniye abanyabyaha bihana, yabonyemo igihamya cy'uko yababariwe n'uko yemewe." – Ibid, p.725.

"Dawidi yababariwe igicumuro cye kubera ko yacishije bugufi umutima we imbere y'Imana afite umutima wihana kandi umenetse. Yizeraga ko isezerano ry'Imana ryo kubabarira ryari gusohozwa. Yatūye icyaha cye, aracyihana ndetse yongera kucyihana. Mu kwiyumvamo ubwishingizi bwo kubabarirwa, yaravuze ati: 'Hahirwa uwababariwe ibicumuro bye, Ibyaha bye bigatwikirwa. Hahirwa umuntu Uwiteka atabaraho gukiranirwa, Umutima we ntubemo uburiganya' (Zaburi 32:1,2). Guhirwa kuza guturutse ku kubabarirwa, kandi kubabarirwa kubaho binyuze mu kwizera ko icyaha cyihanwe, gishyirwa ku Uwishyizeho Icyaha cy'abantu. Bityo rero imigisha yacu yose ituruka kuri Kristo. Urupfu Rwe ni igitambo gihongerera ibyaha byacu. Kristo ni we Cyungo gikomeye Imana inyuzamo imbabazi n'ineza duhabwa." – Umuhamagaro wacu Uhebuje, p.83.

## 4. UBUBASHA BWO GUHINDURA UMUTIMA W'UMUNTU

**a. Mbese ni iki gitanga ibyiringiro yuko guhinduka kw'imibereho yanduye y'ubunyacyaha igatungana bishoboka? Yobu 14:4; Yeremiya 13:23; Ezekiyeli 36:26,27.**

---

"Ni iby'ukuri ko hari ubwo twagira ingeso nziza zigaragara, tudafite imbaraga ya Kristo ihindura umuntu mushya. Gukunda icyubahiro no gushaka kuratwa n'abandi, hari ubwo bibasha gutuma tugira ukubaho kuboneye. Kwiyubaha kwashobora gutuma umuntu yigengesera ngo adasa n'ukora ibibi. Haba n'ubwo umutima wikanyiza ugira ubuntu. None se ubwo bigenze bityo, twabwirwa n'iki uruhande turimo?" – *Kugana Yesu,* p.58.

"Imana yatanze ibyangombwa bihagije kugira ngo umuntu abashe gutsinda ikibi kiri mu isi. Bibiliya ni ububiko bw'intwaro aho dushobora gukura intwaro dukoresha mu ntambara." – Ibyakozwe n'Intumwa, p.502.

**b. Mbese ni iyihe nzira rukumbi yatuma umutima w'umuntu wanduye ushobora guhinduka ukaba uwishimira gukiranuka? Yohana 3:3.**

---

"Ibyo bangaga kera, noneho ubu barabikunda, kandi ibyo bakundaga kera, noneho nibyo banga. Uwirariraga akishyira imbere, noneho azaba umugwaneza, wicisha bugufi mu mutima. Umupfapfa n'umunyagasuzuguro, azahinduka umuntu witonda, utibona. Abasinzi bazahinduka abirinda, inzererezi zihinduke abantu baboneye." – Kugana Yesu, p.58.

**c. Mbese ni ibihe bihamya by'uko guhinduka? Abagalatiya 5:22,23.**

---

"Kamere ya kera, yabyawe n'amaraso n'ubushake bw'umubiri, ntishobora kuragwa ubwami bw'Imana. Imico tuvukana n'ingeso za kera bikwiriye kurekwa; kuko ubuntu atari umurage. Kuvuka bundi bushya bigizwe no kugira imigambi mishya, ibyo mwishimira bishya, no kugira imico mishya. Abantu bavukiye mu bugingo bushya babyawe n'Umwuka Wera, babaye abasangiye kamere mvajuru, kandi mu kamenyero kabo kose no mu migirire yabo yose bazatanga igihamya cy'umushyikirano bafitanye na Kristo. Igihe abantu bavuga ko ari abakristo bagumanye ubusembwa bw'imico yabo n'imiterere yabo, none se ubwo umwanya wabo waba utandukaniye he n'uw'ab'isi? Ntabwo bishimira ukuri nk'ukwabeza, kukabatunganya. Ntibavutse ubwa kabiri." – *Ubusobanuro bwa Bibiliya,* vol 6, p.1101.

## *Kuwa Gatanu* — 12 Mutarama

### 5. KUBYARWA N'IJAMBO RY'IMANA

**a. Mbese ni iki gifite imbaraga yo gutera guhinduka by'ukuri mu mutima w'umunyabyaha wanduye? Abaroma 1:16; Yohana 1:1; 15:3; 1Petero 1:23.**

---

"Bibiliya ihebuje ibitabo byose by'amateka, kuko yo ikomoka ku Mana, ntabwo ituruka ku muntu urama igihe gito. Ituma dusubiza amaso inyuma mu binyejana byo ku ntangiriro y'ibintu byose, ikagaragaza amateka y'ibihe n'ibyabaye bitari kuba byaramenyekanye. Ihishura ubwiza bw'Imana mu kuba yarasohoje ubuntu Bwayo kugirango ikize isi yaguye mu cyaha. Mu mvugo yoroheje, igaragaza imbaraga ifite ubushobozi y'ubutumwa bwiza, ya yindi iyo yakiriwe, ica iminyururu iboheye abantu ku igare rya satani." – *Amahameshingiro y'Uburezi bwa Gikristo*, p.377.

**b. Mbese ni iki Ijambo ry'Imana rikorera muri twe, kandi ni ukubera iki ari ingirakamaro cyane ku nsinzi y'ubuzima? Abaroma 10:17; 1Yohana 5:4. Ni gute dushobora kugira insinzi nk'iyo mu buzima bwacu busigaye? Abakolosayi 2:6.**

---

"Kubera ko kwizera kwakira amahame y'ukuri, ayo mahame ahinduka igice kigize umuntu kandi agahinduka imbaraga ikomeza ubugingo. Ijambo ry'Imana, iyo ryakiriwe mu mutima, ritunganya intekerezo, kandi rikinjira mu mikurire y'imico.

"Nidukomeza kurebesha Kristo amaso yo kwizera, tuzarushaho gukomezwa. Imana izereka ibikomeye abantu bayo bafite inzara n'inyota. Bazabona neza ko Kristo ari Umukiza wabo. Uko bakomeza kugaburirwa n'ijambo Rye, barushaho kubona ko ari umwuka n'ubugingo. Ijambo Rye risenya iby'isi n'ibya kamere yayo, maze rigatanga ubugingo bushya muri Kristo Yesu. Umwuka Wera aza mu mutima ari Umuhumuriza. Binyuze mu mbaraga ihindura y'ubuntu Bwe, ishusho y'Imana yigaragaza mu bigishwa; maze bagahinduka ibyaremwe bishya. Ahari urwango hajya urukundo, maze umutima ukakira ubwiza bw'ijuru." – *Uwifuzwa Ibihe Byose,* p.391.

## *Kuwa Gatandatu* — 13 Mutarama

### IBIBAZO BYO KUZIRIKANWA

1. **Ni gute intambara y'umukristo urwanya ikibi ikomeye?**
2. **Mbese ni uwuhe mwanya w'ingirakamaro Ijambo ry'Imana rifite muri iyi ntambara?**
3. **Ni gute bishoboka gusobanukirwa uburebure bw'ubujyakuzimu bwa kamere kirimbuzi y'icyaha?**
4. **Mbese guhinduka k'umutima kubaho gute?**
5. **Ni gute twakomeza umushyikirano wacu na Kristo?**

# Inzoka z'Ubusagwe Butwika

**Isomo ryo kuzirikanwa: "Mwese abarushye n'abaremerewe, nimuze munsange ndabaruhura. Mwemere kuba abagaragu banjye munyigireho, kuko ndi umugwaneza kandi noroheje mu mutima, namwe muzabona uburuhukiro mu mitima yanyu, kuko kunkorera kutaruhije, n'umutwaro wanjye utaremereye." Matayo 11:28 – 30.**

"Ubumuntu bw'Umwana w'Imana ni byose kuri twe. Ni umurunga w'izahabu uhuza imitima yacu na Kristo, kandi binyuze muri Kristo ukaduhuza n'Imana. Iki gikwiye kuba icyigisho cyacu." – Ubutumwa Bwatoranyijwe, vol 1, p.244.

**Ibitabo byifashishijwe: Uwifuzwa Ibihe Byose, p.48,49,114 – 123.**

## *Kuwa Mbere* *15 Mutarama*

### 1. URUBYARO RWA ABURAHAMU

**a. Sobanura inyifato iteye akaga gashishana igira ingaruka ku mibereho y'iby'umwuka. Yohana 8:33.**

**b. Mbese ni iki kitugira imbata z'icyaha? Yohana 8:34, 39 – 44.**

"Abafarisayo bari baravuze ko ari abana ba Aburahamu. Yesu yababwiye ko ibyo bishoboka gusa ari uko bakoze ibikorwa nk'ibya Aburahamu. Abana nyakuri ba Aburahamu bagombaga kubaho nk'uko yabayeho, bakagira imibereho yo kumvira Imana. Ntibari bakwiye kugerageza kwica Uwabagezagaho ukuri yahawe n'Imana. Igihe bacuriraga Kristo umugambi mubisha, abigisha b'Abayuda ntibakoraga imirimo ya Aburahamu. Kuba igisekuruza cyabo cyari gishamikiye kuri Aburahamu ntacyo byari bimaze. Ntabwo bari abana ba Aburahamu mu gihe batari bafitanye na Aburahamu isano y'umwuka, kuko iyo sano yagombaga kugaragarira mu kugira umwuka nk'uwe no gukora nk'uko yakoraga." – *Uwifuzwa Ibihe Byose,* p.466,467.

**c. Ni gute bishoboka ko twarokorwa muri ubu bucakara bukomeye bwa databuja w'umugome? Yohana 8:32,36; Abagalatiya 3:29.**

## 2. MBESE "KUMENYA" BISOBANUYE IKI?

**a. Mbese ni ibihe bibazo byose by'ingenzi Pilato yabajije mu rukiko? Yohana 18:38 (ahabanza). Ni ikihe gisubizo yahawe niba ako kanya yararetse kumva igisubizo cy'Umukiza? Yohana 14:6.**

---

"Pilato yari afite ubwuzu bwo kumenya ukuri. Intekerezo ze zagize urujijo. Yategeye amatwi amagambo y'Umukiza, hanyuma umutima we wifuza kumenya ubusobanuro bwayo, ndetse n'uburyo yashobora kuyageraho. Yarabajije ati, "Ukuri ni iki?" Ariko ntiyategereje ko ahabwa igisubizo. Urusaku rwari hanze rwamwibukije ibyo barimo muri iyo saha; kuko abatambyi bari bamutitirije ngo agire icyo akora ku buryo bwihuse. Arasohoka ajya aho Abayuda bari, ababwira akomeje ati, "Jyewe nta cyaha mubonyeho". – *Uwifuzwa Ibihe Byose*, p.727.

**b. Sobanura uko bishobora kugenda igihe umuntu yize Ijambo ry'Imana nyamara ntasobanukirwe Imana. Mariko 12:24; 2Timoteyo 3:7.**

---

"Abasadukayo bajyaga bishimagiza bavuga ko ari bo bonyine bakurikiza Ibyanditswe mu buryo butunganye. Ariko Yesu yerekanye ko batigeze bamenya ubusobanuro bwabyo nyakuri." – *Uwifuzwa Ibihe Byose,* p.605.

**c. Ni gute bishoboka ko twegerezwa Uwo kamere yacu yacumuye itajya yifuza? Yohana 12:32; 8:28; Matayo 11:28 – 30.**

---

"Igihe cyose amategeko agaragarijwe imbere y'abantu, nimutyo umwigisha w'ukuri yerekane intebe y'ubwami igoswe n'umukororombya w'isezerano, ugukiranuka kwa Kristo. Ubwiza bw'amategeko ni Kristo; Yaje gushimangira amategeko no kuyubahiriza. Mushimangire ko imbabazi n'ukuri bihuriye muri Kristo, gukiranuka n'amahoro birahoberanye. Bibaho igihe muhanze amaso intebe Ye y'ubwami, mukihana ku Mana, muyihimbaza kandi mukayishima, kugirango muboneze imico ya gikristo kandi ab'isi mubagaragarize Kristo. Kristo ari muri mwe, namwe mukaba muri We; mufite ayo mahoro ahebuje rwose ayo umuntu yamenya. Dukeneye guhora dutekereza kuri Kristo no ku rukundo Rwe rutwireherezaho. Dukeneye kuyobora abantu kuri Yesu, tukabamwerekezaho tudatindiganyije. Muri buri kiganiro cyose hakwiriye kubonekamo imico y'Imana." – *Ellen G. White* 1888 Materials, p.730.

"Nimwige mwitonze imico y'Uwabaye umuntu akaba n'Imana, maze uhore wibaza uti: 'Mbese iyo Yesu aza kuba mu mwanya wanjye, aba abikoze' " – *Umurimo wo Gukiza,* p.491.

## 3. INZOKA MU BUTAYU

**a. Mbese ni uwuhe muti Imana yahaye abantu barumwe n'inzoka zifite ubumara mu butayu? Mbese ni iki cyari gikenewe kugirango bakire? Kubara 21:6 – 9.**

---

"Kubera ko bari bararinzwe n'imbaraga z'Imana, [abana ba Isirayeli] ntibari bazi ibyago bitabarika byahoraga bibazengurutse. Mu kuba indashima kwabo no kutizera bari barifuje urupfu, none ubu Uwiteka yemeye ko urupfu rubageraho. Inzoka zifite ubumara zari mu butayu hose zitwaga inzoka z'ubusagwe butwika kubw'ingaruka zikomeye zakomokaga ku kurumwa nazo. Byateraga ubusagwe butuma aho yariye habyimbagana kandi umuntu agapfa vuba. Ubwo Imana yakuraga ukuboko kwayo kurinda ku Bisirayeli, abantu benshi cyane bariwe n'ibyo biremwa bifite ubumara…

"Mose yategetswe n'Imana gucura inzoka y'umuringa isa n'izo nzima maze akayimanika mu nkambi y'abantu. Abantu bose bari bariwe n'inzoka bagombaga kureba iyo nzoka maze bagakira. Mose yagenje atyo maze iyo nkuru inejeje isakazwa mu nkambi hose ko abari bariwe n'inzoka bose bagomba kureba kuri iyo nzoka y'umuringa maze bakabaho. Benshi bari bamaze gupfa, kandi igihe Mose yamanikaga iyo nzoka ku giti, bamwe ntibizeye yuko kureba kuri icyo gishushanyo cy'umuringa gusa byajyaga kubakiza. Bene abo barimbukiye mu kutizera kwabo. Nyamara habayeho abandi benshi bizeye uburyo bwo gukira Imana yari yabateguriye.… Nubwo babaga batakivuga kandi bari gusamba, iyo bashoboraga kuyireba rimwe gusa, barakiraga rwose.

"Abantu bari bazi neza ko mu nzoka y'umuringa nta mbaraga irimo ishobora gukiza uyirebye bene aka kageni. Imbaraga ikiza yaturukag ku Mana yonyine. Mu bwenge Bwayo, Imana yahisemo gukoresha ubu buryo bwo kugaragaza ubushobozi Bwayo. Kubw'ubwo buryo bworoheje, abantu babashije kumenya ko ibyaha byabo ari byo byabateje ako kaga. Bahawe icyizere kandi ko nibumvira Imana nta mpamvu yo kugira ubwoba kubera ko yari kubarinda." – *Abakurambere n'Abahanuzi*, p.429,430.

**b. Ni gute ibi byabaye birenguriza ku bantu bazahajwe no kurumwa n'inzoka ya kera (Ibyahishuwe 12:9) kandi bakaba bifuza gukira? Yohana 3:14,15; 1:29.**

---

"Umunyabyaha wihannye niyerekeze amaso ye kuri "Ntama w'Imana ukuraho ibyaha by'abari mu isi" (Yohana 1:29); kandi namwitegereza azahinduka by'ukuri. Kugira ubwoba kwe guhindukamo umunezero, gushidikanya kwe kukavamo ibyiringiro. Umutima we ugasabwa no gushima Imana. Umutima w'ibuye ukoroha. Urukundo rugasaba mu mutima. Kristo akamubera umugezi w'amazi y'ubugingo buhoraho." – *Uwifuzwa Ibihe Byose*, p.439.

## 4. MBESE YESU NI NDE?

**a. Kristo yabayeho imibereho iboneye hano ku isi (1Petero 2:21,22), ariko se ni iki abantu benshi bamwituye, mu cyimbo cyo kumwegera no kumubera abayoboke b'indahemuka? 2Timoteyo 3:12; Yohana 3:19,20.**

---

"Abakristo bo mu itorero rya mbere bari abantu badasanzwe. Imyitwarire yabo itagira amakemwa no kwizera kwabo kudakebakeba byahoraga ari ugucyaha kubuza amahoro abanyabyaha. Nubwo bari bake, batagira umutungo mwinshi, badafite imyanya ihanitse n'ibyubahiro bikomeye, bateraga ubwoba inkozi z'ibibi z'ahantu hose imico yabo n'inyigisho zabo byamenyekanaga. Ni yo mpamvu abanyabyaha babanganga nk'uko umunyabibi Kayini yanze murumuna we Abeli. Impamvu yatumye Kayini yica Abeli ni yo yatumye abanze kumva ijwi ry'Umwuka Wera bica ubwoko bw'Imana. Ni cyo cyatumye Abayuda banga Umukiza bakanamubamba; kuko ubutungane n'ukwera kw'imico Ye byahoraga bicyaha ukwikunda no kononekara kwabo. Kuva mu gihe cya Kristo kugeza ubu, abigishwa be b'indahemuka bagiye bangwa kandi bakarwanywa n'abakunda inzira z'icyaha kandi bakazikurikiza." – *Intambara Ikomeye,* p.46.

**b. Mbese ni iyihe mbaraga y'ikirenga yagaragarijwe mu Mukiza w'isi ifite ubwo bushobozi bwo kwireherezaho abantu? 1Timoteyo 3:16; Yohana 1:1 – 3; Abaheburayo 1:8.**

---

"Niba Kristo yararemye ibintu byose, ni ukuvuga ko yabayeho mbere ya byose. Amagambo yavuzwe ku bijyanye n'ibi arabyemeza ku buryo nta n'umwe ukwiriye gukomeza gushidikanya. Ikiruta ibindi byose ni uko Kristo yari Imana, kandi mu buryo bwumvikana kurusha ubundi. Yari kumwe n'Imana kuva kera kose, Imana isumba byose, ifite imigisha y'ibihe byose." – *Ubutumwa Bwatoranyije,* vol 1, p.247.

"Muri uwo mwijima w'icuraburindi, Imana yahishe kubabazwa guheruka k'Umwana Wayo. Ababonye Kristo mu mubabaro We bemeye ubumana Bwe. Abantu bashoboye kubona mu maso he, ntibigeze bahibagirwa. Nk'uko mu maso ha Kayini hagaragazaga ko ari umwicanyi, ni ko no mu maso ha Kristo herekanaga umututuzo, kugira neza, n'ubugwaneza, kandi herekanaga ishusho y'Imana. Ariko abamuregaga ntibigeze bita ku kimenyetso giturutse mu ijuru. Mu gihe cy'amasaha menshi yo kubabazwa, Kristo yakomeje kurebwa n'abantu benshi bari baje kumushungera. Ariko noneho mu mbabazi nyinshi, Imana yamuhishe mu gishura cyayo." – *Uwifuzwa Ibihe Byose,* p.754.

"Mutekereze uko Kristo yicishije bugufi. We ubwe yafashe kamere y'umuntu wacumuye, wangijwe ndetse akanduzwa n'icyaha. Yishyizeho imibabaro yacu, agahinda kacu no gukozwa isoni. Yihanganiye ibishuko byose byari byugarije umuntu arabitsinda. Yafatanyije ubumuntu n'ubumana; umwuka w'ubumana watuye mu rusengero rw'umubiri." – *Ubusobanuro bwa Bibiliya,* vol 4, p.1147.

## *Kuwa Gatanu* *19 Mutarama*

**5. IMANA YABAYE UMUNTU**

**a. Mbese iki Kiremwamvajuru cyahindutse iki kugirango kivane ikiremwamuntu mu mibabaro y'interagahinda no mu bwihebe? Yohana 1:14; Abaheburayo 2:9.**

---

**b. Sobanura icyo Kristo yafashe kuri kamere ye y'ubumana itagira ikizinga. Abaheburayo 2:10,11,14,17.**

---

**c. Mbese Kristo yagombaga kwicisha bugufi ku rugero rungana iki kugirango haboneke imbaraga yegereza abantu umusaraba w'i Kaluvari? Abaheburayo 2:14; Abafilipi 2:6 – 8; 2Timoteyo 2:8.**

---

"Mu gutekereza kuri ibi, mbese hari akantu ko kwishyira hejuru abantu bashobora kugira? Nkuko byagaragajwe mu mibereho, imibabaro no kwicisha bugufi bya Kristo, mbese bashobora kuzamura ubwibone bwabo nkaho batigeze bagira ibigeragezo, gukorwa n'isoni no gucishwa bugufi? Ndabwira abayoboke ba Kristo nti, muhange amaso Kaluvari, kandi muterwe ipfunwe n'ibitekerezo byo kubagirira akamaro ubwanyu gusa. Uku kwicisha bugufi kose k'Umutware w'ijuru kwagiriwe umuntu waciriweho iteka, w'umunyabyaha. Mu kwicisha bugufi Kwe yaracupiye agera hasi cyane, kugera ku rwego umuntu uri hanyuma y'abandi atashoboraga kugeraho, kugirango akure mu muntu guhumana ko mu buryo bw'intekerezo." – *Ubusobanuro bwa Bibiliya,* vol 5, p.1127,1128.

"Ariko twebweho, iyo dutanze byose, mbese tuba turetse iki? Nta kindi keretse umutima uhumanijwe n'ibyaha, kugirango Yesu awuboneze, awejeshe amaraso Ye, no kuwukirisha urukundo Rwe rutagira akagero. Nyamara abantu bibwira ko kureka byose biruhije! Kubyumva ntyo bintera kumirwa; ndetse mfite isoni zo kubyandika.

"Imana ntiyatubuza kureka ikintu cyose, iyaba yari iziko cyatubera cyiza tukigumanye. Mu byo ikora byose, icyo ishaka ni uko abana Bayo bagubwa neza. Icyampa abatarahisemo Kristo bakamenya ko ibyiza abafitiye biruta ibyo bishakira ubwabo." – *Kugana Yesu,* p.46.

## *Kuwa Gatandatu* *20 Mutarama*

**IBIBAZO BYO KUZIRIKANWA**

1. **Mbese ni ibihe byigisho dushobora kwigira ku Bayuda bari abana ba Aburahamu?**
2. **Ni gute bishoboka ko wacikanwa n'ingingo ya Bibiliya mu buryo bwose mu gihe uri kuyiga?**
3. **Mbese ni ibihe byigisho nshobora kwigira ku nzoka kirimbuzi zo mu butayu?**
4. **Mbese ni iki gituma kwegerezwa Umuntu w'i Kaluvari bishoboka?**
5. **Ni ukubera iki Yesu yafashe kamere y'umunyabyaha?**

# Mpa Amavuta mu Itabaza Ryanjye

**Isomo ryo kuzirikanwa: "Si ku bw'amaboko kandi si ku bw'imbaraga, ahubwo ni ku bw'Umwuka wanjye.' Ni ko Uwiteka Nyiringabo avuga." Zekariya 4:6.**

"Ukwezwa kwacu ni umurimo w'Imana Data, Mwana n'Umwuka Wera. Ni isohozwa ry'isezerano Imana yagiranye n'abifatanyije na Yo, kugirango bahagararane na Data, na Mwana n'Umwuka Wera mu bucuti bwera. Mbese wabyawe ubwa kabiri? Mbese wahindutse ikiremwa gishya muri Kristo Yesu? Nuko rero korana n'imbaraga eshatu zikomeye zo mu ijuru ziba zihirimbana ku bwawe. Mu kugenza gutyo, uzahishurira ab'isi amahame yo gukiranuka." – Ibimenyetso by'Ibihe, kuwa 19 Kamena 1901.

**Ibitabo byifashishijwe: Ibyakozwe n'Intumwa, p.47 – 56.**

## *Kuwa Mbere* *22 Mutarama*

### 1. MBESE UMWUKA WERA NI NDE?

**a. Mbese Umwuka Wera yabayeho igihe kingana iki? Itangiriro 1:2; Zaburi 51:11; Abaheburayo 9:14.**

---

**b. Sobanura kamere y'Umwuka w'Imana. Zaburi 139:7 – 12; 1Abakorinto 2:9 – 12; 2Petero 1:21.**

---

---

"Mu gihe cy'imibereho y'Abayuda, umurimo w'Umwuka w'Imana wagaragaraga mu buryo bukomeye, ariko atari mu buryo bwuzuye. Mu bihe byose amasengesho yatambwaga asabira ugusohozwa kw'isezerano ry'Imana ryo gutanga Umwuka Wayo, kandi nta na rimwe muri ayo masengesho yasabanwaga umuhati ryibagiranaga." *Imibereho yanjye ya None*, p.36.

"Icyaha kitarabaho, Adamu yashimishwaga no kugirana umushyikirano usesuye n'Umuremyi we. Ariko guhera igihe umuntu yitandukanyaga n'Imana bitewe no kuyicumuraho, ikiremwamuntu cyabuze ayo mahirwe y'agahebuzo. Nyamara binyuze mu nama y'ugucungurwa, habonetse uburyo buhesha abatuye iyi si gukomeza kugira umuyoboro ubahuza n'ijuru. Imana yagiye ivugana n'abantu binyuze muri Mwuka Wayo, kandi umucyo w'ijuru umurikira isi binyuze mu byahishuriwe abagaragu Bayo yatoranyije." – *Ubuntu bw'Imana Butangaje,* p.190.

## 2. MBESE AFITE ISHUSHO IMURANGA?

**a. Vuga zimwe mu ngeso ziranga imiterere y'Umwuka Wera.**

**1) Mwuka aramenya. 1Abakorinto 2:9 – 12.**

**2) Ashobora gukunda. Abaroma 15:30.**

**3) Ashobora kubana. 2Abakorinto 13:14.**

**4) Kubera ko ashobora kubana, agomba kuvuga. 1Timoteyo 4:1.**

**5) Bityo rero ashobora kwigisha. 1Abakorinto 2:13.**

**6) Ashobora kuba umuhamya. Abaroma 8:16.**

"Kristo yahaye abayoboke Be isezerano ntakuka yuko nyuma yo kuzamurwa Kwe [asubiye mu ijuru] azabohereza Umwuka We. Yarababwiye ati: 'Nuko mugende muhindure abantu bo mu mahanga yose abigishwa, mubabatiza mu izina rya Data wa twese [Imana yawe] n'Umwana [Umutware n'Umukiza wawe] n'Umwuka Wera [woherejwe avuye mu ijuru kugirango ahagararire Kristo]: mubigisha kwitondera ibyo nababwiye byose. Kandi dore ndi kumwe namwe iminsi yose kugeza ku mperuka y'isi' (Matayo 28:19,20). " – *Urwibutso n'Integuza,* kuwa 26 Ukwakira 1897.

"Dukeneye gusobanukirwa yuko Umwuka Wera ari Imana rwose, kandi agendagenda aha turi.

"Umwuka Wera ariho ni nk'umuntu ufatika, 'kuko ubwe ahamanya n'umwuka wacu yuko turi abana b'Imana' (Abaroma 8:16). Iyo ubu buhamya butanzwe, buba bujyanirana n'ikibushyigikira. Mu bihe nk'ibyo rero, twizera kandi tumenya tudashidikanya ko turi abana b'Imana….

"Umwuka Wera afite impagarike imuranga kuko bitameze bityo, ntiyashobora guhamiriza umwuka wacu no guhamanya nawo ko turi abana b'Imana. Umwuka Wera agomba na none kuba ari Imana kuko bitameze bityo ntiyashobora guhishura amabanga ari mu ntekerezo z'Imana. Ibyanditswe biravuga biti: 'Mbese ni nde mu bantu wamenya ibyo undi atekereza, keretse umwuka wa wa wundi umurimo? N'iby'Imana ni ko biri, nta wabimenya keretse Umwuka wayo.' (1Abakorinto 2:11)." – *Ivugabutumwa*, p.616,617.

"Kubera ko Kristo yari afite akamero ka kimuntu, ntiyashoboraga kubera hose icyarimwe. Kubera iyo mpamvu, byari bibabereye byiza ko ajya kwa Se, maze akabohereza Umwuka Wera wo kumusimbura hano ku isi. Umwuka Wera ntafite akamero ka kimuntu, bityo akora ku giti cye. [Kristo] yari kwigaragaza nkuko yagaragajwe ahantu hose n'Umwuka we Wera, nk'Uberahose icyarimwe." – Manuscript Releases, vol 14, p.23.

"Imana iriho mu butatu aho iganje mu ijuru; kandi abakiriye Kristo kubwo kwizera babatizwa mu izina ry'abo batatu aribo Data, Mwana n'Umwuka Wera. Kandi abo batatu mu bubasha bwabo bazakorana n'abantu bumvira mu muhati bagira wo kubaho ubuzima bushya muri Kristo." – *Ivugabutumwa,* p.615.

## 3. MBESE AFITE ISHUSHO IMURANGA? (BIRAKOMEJE)

**a. Mbese ni izihe ngeso zindi zigaragaza imiterere y'Umwuka Wera?**

1. **Igihe dusenze ni We udusabira. Abaroma 8:26,27.**
2. **Atanga impano zidasanzwe. 1Abakorinto 12:7 – 11.**
3. **Kandi ararikira umunyabyaha kwihana. Ibyahishuwe 22:17.**
4. **Ntabwo ararikira umunyabyaha kwihana gusa, ahubwo anamushyiraho ikimenyetso cyangwa se akamubeshaho mu kwizera. Abefeso 1:13.**
5. **Kuko adushyiraho ikimenyetso akanatubeshaho, mbese ni uwuhe muburo duhabwa? Abefeso 4:30.**
6. **Kubera ko afite ishusho imuranga, Yesu yavuze 'Ikimuranga' ko 'Kinaranga' Umwuka Wera inshuro 24. Urugero rumwe ruri muri Yohana 14:16,17.**

"Kristo, Umuhuza wacu, n'Umwuka Wera baracyakomeje kuvuganira umuntu, ariko Umwuka ntatwingingira nka Kristo, werekana amaraso Ye, yasheshe kuva isi yaremwa; Umwuka akabakaba imitima yacu, adushishikariza gusenga no kwihana, guhimbaza no gushima Imana. Ishimwe riboneka ku minwa yacu rituruka ku mikorere y'Umwuka ukorera mu muntu ugatuma atekereza ibyera kandi agakangura indirimbo zo mu mutima." – *Ubusobanuro bwa Bibiliya*, vol 6, p.1077,1078.

"Umunezero urimo ibintu byoroheje n'ibikomeye… Niba dukwiriye kuba nka Kristo maze tukakira imico Ye iboneye, tugomba guhugura imitima yacu mu bintu biciriritse ikagira ukwezwa kugenda kwiyongera buri munsi. Nta gihe dufite cyo gupfa ubusa. Washyizweho ikimenyetso kugirango uhabwe ukabakaba umutima wawe akakurinda ikibi, ntabwo umuhunga kubw'imigirire mibi, ahubwo ushyira ikimenyetso neza ahabugenewe ndetse ukagishimangira, ukagishyira hasi kugeza ubwo icyo wahaweho kukurinda cyakira ubutungane. Uko niko Uwiteka agenzereza imitima yacu… Si none cyangwa ejo ahubwo igihe cyose Umwuka Wera ahora aduha ubugingo bushya busa nk'ubwa Kristo." – *In Heavenly Places*, p.66.

"Umwuka Wera aboneza amasengesho yose nyakuri. Nize kumenya ko mu byo nsaba byose, Umwuka ni we ubinsabira ndetse asabira n'abera bose; nyamara gusaba Kwe kuba gushingiye ku bushake bw'Imana, ntajya abusanya n'ibyo ishaka. 'Kandi na none Umwuka yadufashije mu bumuga bwacu', ndetse Umwuka, wari Imana, amenya ibiri mu mutima w'Imana, bityo rero muri buri sengesho twisengera, iryo dusabira abarwayi, cyangwa ibyo abandi bakeneye, risubizwa hitawe ku bushake bw'Imana." – *Ibimenyetso by'Ibihe*, kuwa 03 Ukwakira 1892.

## 4. MBESE NI UWUHE MURIMO WE?

**a. Ubwo Yesu yagiye iburyo bw'intebe y'Imana kugirango adusabire, none se ni iki kigaragaza ko Umwuka Wera ari We uhagaze mu cyimbo cy'Umukiza? Yohana 15:26; 16:13,14.**

---

**b. Mbese ni iki Umwuka Wera aha imitima yacu yigunze mu gihe Incuti yacu dukunda idahari? Yohana 16:7.**

---

**c. Ni gute Atuyobora ku kwihana? Yohana 16:8; Zekariya 4:6.**

---

"Umwuka yagombaga gutangwa mu buryo buhoraho, kuko bitabaye bityo igitambo cya Kristo cyari kuba nta mumaro gifite. Imbaraga ya Satani yari imaze imyaka amagana yiyungikanya, kandi abantu benshi bari barabaswe n'iyo mbaraga ku buryo butangaje. Kurwanya icyaha no kugitsinda byari gushoboka gusa binyuze mu mbaraga z'Uwa Gatatu mu Butatu Bwera, ari na we wagombaga kuza mu mbaraga ze zuzuye z'ubumana. Umwuka ni we utuma ibyakozwe n'Umucungunzi w'isi bigira ireme. Umwuka ni we utuma umutima ushobora kubonezwa. Binyuze muri Mwuka, uwizera ashobora guhinduka usangiye n'Imana kamere yayo. Kristo yatanze Umwuka We nk'imbaraga y'ijuru ituma dushobora gutsinda irari rya kamere ndetse n'ingeso twarazwe zituganisha ku kibi, kandi Kristo akoresha Umwuka We kugira ngo ahe itorero imico Ye." – *Uwifuzwa Ibihe Byose,* p.671.

"Ishusho ya Kristo iharatuwe mu mutima izagaragarira mu mico, no mu mikorere y'ubugingo buri munsi, kuko duhagarariye Umukiza wacu bwite. Umwuka Wera yasezeraniwe abantu bose bazamusaba. Igihe murondora mu Byanditswe, Umwuka Wera aba ari iruhande rwanyu, yihinduranyije nka Yesu Kristo." – *The General Conference Daily Bulletin,* February 15, 1895.

"Kwigisha ijambo ry'Imana ntacyo byazageraho hatabayeho ubufasha bw'Umwuka Wera. Umwuka Wera ni we mwigisha w'ingenzi w'ukuri kw'ijuru. Iyo ukuri kugiye mu mutima guherekejwe n'Umwuka Wera, ni cyo gihe cyonyine gushobora gukangura intekerezo kandi kugahindura imibereho y'umuntu. Umugabura ashobora kuba abashije kugaragaza neza urwandiko rw'Ijambo ry'Imana, ashobora kuba asobanukiwe n'amategeko yaryo yose n'amasezerano yaryo yose; ariko ukubiba kwe imbuto z'ubutumwa bwiza ntibyatanga umusaruro keretse zikujijwe n'ikime kiva mu ijuru. N'aho umuntu yaba afite amashuri menshi cyangwa afite ibyo arusha abandi, ibyo ntibishobora na gato kumugira umuyoboro w'umucyo igihe adafatanyije n'Umwuka w'Imana." – *Ababwiriza b'Ubutumwa Bwiza,* p.284.

## *Kuwa Gatanu* — *26 Mutarama*

### 5. ISANO UMWUKA WERA AFITANYE N'ITORERO

**a. Ni gute umuntu amenya ukuri mu buryo bwuzuye? Yohana 16:13.**

---

---

**b. Niba uyu ariwo murimo w'Umwuka Wera, mbese ni akahe kamaro Ke mu kudufasha kubona itorero ry'ukuri? 1Timoteyo 3:15.**

---

---

**c. Niba ari ingirakamaro kugira Umwuka Wera mu mibereho yacu, mbese ni iki tugomba gukora kugirango tugire imbaraga yuzuye y'Umwuka Wera? Luka 11:9 – 13.**

---

---

"Umwami w'imbaraga z'ikibi ashobora gutsindwa gusa n'imbaraga y'Imana mu wa gatatu mu bagize Ubumana ariwe Umwuka Wera." – *Ivugabutumwa,* p.617.

"Uko abagize itorero bamara igihe banyuzwe n'utuntu duto, baba batabonerejwe kwakira iby'Imana bikomeye. Ariko se ni ukubera iki tutagira inzara n'inyota byo kwakira impano y'Umwuka Wera, kuko ariho umutima ushobora kurindirwa mu butungane? Uwiteka yateganyije ko imbaraga y'Imana izakorana n'umuhati w'umuntu. Ni ngombwa ko umukristo asobanukirwa ubusobanuro bw'isezerano ry'Umwuka Wera uzabanziriza ukugaruka k'Umwami wacu Yesu. Muganire ibye, musenge mumusaba, mubwirize ibimwerekeyeho; kuko Uwiteka yifuza cyane gutanga Umwuka Wera kuruta uko umubyeyi aba yifuza guha impano nziza abana be." – *Urwibutso n'Integuza,* kuwa 15 Ugushyingo, 1892.

## *Kuwa Gatandatu* — *27 Mutarama*

### IBIBAZO BYO KUZIRIKANWA

1. **Ni gute tumenya ko Umwuka Wera yakoraga mu gihe cy'isezerano rya kera?**
2. **Mbese ni ibihe bihamya imiterere y'Umwuka Wera?**
3. **Mbese ni irihe tandukaniro riri hagati y'umurimo Kristo akora adusabira n'uwo Umwuka Wera akora adusabira?**
4. **Ni akahe kamaro gakomeye cyane kuruta indi yose k'Umwuka Wera mu nama y'agakiza?**
5. **Ni uruhe ruhare rw'Umwuka Wera mu gufasha abantu gusobanukirwa itorero ry'ukuri?**

## Amaturo y'Isabato ya Mbere Azagenerwa Kunganira Abagezweho n'ibīza ku isi



Ibīza biri kurushaho kwiyungikanya ubutitsa kandi ni gikwira ku isi yose. Nubwo atari byose, ariko muri byo harimo imitingito, tsunami, inkuba, inkubi y'imiyaga ikomeye, imiyaga y'ishuheri, imyuzure no kuruka kw'ibirunga. "Umugaru urahindura uturutse ikusi, n'imbeho igaturuka ikasikazi. Iyababa izanwa n'umwuka wo mu kanwa k'Imana,… Isanza ibicu birimo umurabyo wayo. Kandi irabiyobora bigakomeza kubunga, kugira ngo bikore icyo ibitegetse cyose, biri hejuru y'isi ituwemo n'abantu. Igituma ibizana, ni ukubihanisha igihugu cyayo no kukigirira ibambe." Yobu 37:9 – 13.

Igihe cyose Ishoborabyose ihorana mu ntekerezo Zayo kugirira iyi si y'agahebuzo ibyiza biheranije no kubigirira ibyo yaremye; nyamara muri iki gihe ibintu byinshi by'inzaduka kandi bikabije biragaragara mu kirere biturutse mu bubiko bw'intwaro z'umwanzi gica w'abantu:

"Igihe yiyereka abana b'abantu nk'umuvuzi ukomeye ushobora kubakiza indwara zabo zose, [Satani] azateza indwara n'ibyorezo kugeza aho imidugudu n'ibirorero bisigara ari amatongo n'ibidaturwa. Na magingo aya ari ku murimo. Satani arateza impanuka n'ibyorezo mu nyanja no ku butaka, umuriro wa kirimbuzi, umuraba ukaze, imyuzure, inkuba, imiyaga y'ishuheri, kubura epfo na ruguru, ibishyitsi hirya no hino kandi mu buryo bwinshi, imbaraga ze ziri ku murimo. Yararika umwero w'ubutaka, maze inzara n'ubwihebe bigakurikiraho. Ahumanya umwuka wo mu kirere, maze abantu ibihumbi byinshi bakarimbuka. Ibyo byago bizarushaho kwaduka ku isi kandi ari nako birimbura. Kurimbuka kuzaba ku bantu no ku nyamaswa. "Igihugu kirarira kandi kibaye umuhonge… abanyacyubahiro b'isi bacitse intege. Kandi isi ihumanijwe n'abaturage bayo kuko bishe amategeko, bagahindura ibyategetswe, bakica isezerano ridakuka" (Yesaya 24:4,5)." – *Intambara Ikomeye,* p.589,590.

Mbese ni gute uko byagenda kose abana b'Imana bahamagarirwa kwakira imibabaro y'interagahinda igera ku bantu iturutse ku bīza?

Umwami adutegeka gukurikiza urugero Rwe ubwo yari hano ku isi, yageraga ku babaye aho bari hose akabunganira. Iby'ibanze ubuzima bukeneye birabura igihe ibīza bije, none inshingano yacu nk'abakristo ni ugufasha uko dushoboye kose n'aho dushobora kugera hose. Impano zanyu mutanganye ubuntu ngo zifashe mu kunganira abagezweho n'ibīza ku isi zizafasha kugenza gutyo uko bishoboka. Murakoze cyane!

*Bene so bo mu Nteko Nkuru Rusange.*

# Ubutumwa Bwiza mu Isezerano rya Kera

**Isomo ryo kuzirikanwa: "Ibyanditswe kera byose byandikiwe kutwigisha, kugira ngo kwihangana no guhumurizwa bitangwa na byo biduheshe ibyiringiro." Abaroma 15:4.**

"Yesu yaje muri iyi si kugirango akize ubwoko Bwe ibyaha byabo. Ntazadukiriza mu byaha byacu, kuko adakorera icyaha. Dukwiriye kwitaba irarika ry'ijuru twegera Kristo, kandi tukihana ibyaha byacu, maze tukifatanya na Kristo nkuko ishami rifashe ku muzabibu." – *Ibimenyetso by'Ibihe*, kuwa 15 Gashyantare 1892.

**Ibitabo byifashishijwe:** *Abakurambere n'Abahanuzi, p.63 – 70.*

## *Kuwa Mbere* *29 Mutarama*

### 1. IBYO TWIGIRA KU MATEKA

**a. Mbese ni iyihe mpamvu nyamukuru ituma dukeneye kwiga amateka, cyane cyane amateka yera? Umubwiriza 3:15.**

"Uko ibihe bigenda bisimburana, muri buri vugurura rikomeye cyangwa impinduramatwara mu by'idini, umurimo w'Imana ku isi ugaragaramo ingingo zisa bitangaje. Amahame y'uburyo Imana ikorana n'abantu ahora ari amwe. Amavugurura y'ingenzi yo muri iki gihe afite ayo asa nayo rwose yo mu gihe cyashize, kandi ibyabaye ku itorero mu bihe bya kera bifite ibyigisho by'agaciro kenshi muri iki gihe cyacu." – *Intambara Ikomeye*, p.343.

**b. Niba kwiga amateka biduhesha kwiringira ubutumwa bwiza (Abaroma 15:4), mbese ibi byiringiro biha iki umuntu urembejwe n'indwara y'icyaha? Abaroma 1:16; Luka 19:10.**

"Buri mugabane wose wa Bibiliya wahumetswe n'Imana kandi tuwungukiramo. Isezerano rya kera ntirirushwa agaciro n'Irishya, [yombi] akwiriye kwakirwa yitondewe. Uko twiga isezerano rya kera tuzabonamo imigezi ibeshaho aho umusomyi utagize icyo yitayeho abona ari ikidaturwa gusa." – *Uburezi*, p.191.

## 2. UGUTUNGANA KW'IREMA

**a. Mbese ni iyihe mico umugabo wa mbere n'umugore wa mbere bari bafite igihe bavaga mu biganza by'Umuremyi wabo batunganye? Itangiriro 1:31; Umubwiriza 7:29.**

---

"Umuntu yagombaga kugaragaza ishusho y'Imana, ari inyuma mu bigaragara ndetse no mu mico. Kristo gusa ni we shusho ya kamere ya "Data wa twese" Abaheburayo 1:3; ariko umuntu we yaremwe asa n'Imana. Kamere ye yari ihuje n'ibyo Imana ishaka. Ubwenge bwe bwari bufite ubushobozi bwo gusobanukirwa n'ibintu by'ubumana. Umuntu yari afite urukundo rutunganye; kandi yategekaga irari ry'umubiri we. Yari uwera kandi akanezezwa no gusa n'Imana ndetse akagendera mu bushake bwayo." – *Abakurambere n'Abahanuzi,* p.45.

**b. Mbese ni iki gisabwa kugirango inyokomuntu igumane iyi mibereho itunganye kandi buyibeho iteka ryose? Itangiriro 2:16,17.**

---

"Kristo ntagabanya uburemere bw'ibyo amategeko asaba. Mu mvugo idakebakeba Kristo yerekana nk'aho aricyo gisabwa kugirango umuntu abone ubugingo buhoraho, ari nacyo Adamu yasabwaga mbere yo gucumura kwe. Uwiteka ntiyifuza ko muri iki gihe umuntu ayaha agaciro gake nkuko atabyifurizaga umuntu muri paradizo, ahubwo yiteze ku bantu ukumvira kuboneye no gukiranuka kutariho umugayo. Uko Imana yashakaga ko umuntu wo muri Edeni yumvira muri byose, agakiranuka, agakurikiza amategeko meza y'Imana, atunganye kandi y'ubutabera, ni ko ishaka yuko n'umuntu wo muri iki gihe cy'isezerano ry'ubuntu agenza." – *Imigani ya Kristo,* p.391.

**c. Uhereye igihe umuntu yacumuraga (Itangiriro 3), mbese ni izihe ngaruka zabayeho, atari ku babyeyi bacu ba mbere gusa ahubwo no ku nyokomuntu yose uko yakabaye? Abaroma 5:12; 6:23.**

---

"Iyo umuntu yumviye amategeko y'Imana, aramukingira maze akamurinda umubi. Umuntu ushenye icyo gihome cy'Imana aba arimbuye imbaraga yacyo yo kumurinda, kuko aba yugururiye umwanzi inzira kugira ngo ashobore kwinjira maze yangize kandi arimbure.

"Kubwo guhangara gusuzugura ubushake bw'Imana ku kintu kimwe gusa, ababyeyi bacu ba mbere bugururiye umwuzure w'umuvumo amarembo maze winjira mu isi. Kandi umuntu wese ukurikiza icyitegererezo cyabo azasarura ingaruka zisa zityo. Urukundo rw'Imana nirwo shingiro ry'amategeko yayo yose, kandi umuntu wese uteshuka inzira y'amategeko, aba yishakira umubabaro no kurimbuka." – *Ibitekerezo byo ku Musozi w'Umugisha*, p.52.

## 3. ICYAHA CYARASOBANUWE

**a. Ni gute tumenya yuko igicumuro cya Adamu cyari ukwica amategeko y'Imana? Abaroma 7:7; bigereranye no Kuva 20:17; 1Yohana 3:4.**

---

"Benshi bigisha ko umuntu adahambiriwe ku mategeko y'Imana, bavuga ko bidashoboka ko umuntu akurikiza ibyo asaba. Ariko se iyo biza kuba iby'ukuri, mbese ni kuki Adamu yahawe igihano cyo gucumura? Icyaha cy'ababyeyi bacu ba mbere cyazaniye abatuye isi ishavu n'agahinda, kandi iyo hatabaho kugira neza n'imbabazi by'Imana, icyaha cyajyaga kuroha abantu mu bwihebe. Ntihakagire abishuka. "Ibihembo by'ibyaha ni urupfu. "Abaroma 6:23. Ntabwo amategeko y'Imana azicwa ngo areke guhana nk'uko ataretse gucira urubanza se w'inyokomuntu." – *Abakurambere n'Abahanuzi*, p.61.

"Hatariho amategeko, abantu ntibamenya neza ubutungane no kwera by'Imana cyangwa ngo bamenye ibicumuro byabo n'uburyo badatunganye. Ntabwo bakwemezwa ibyaha byabo mu buryo nyakuri kandi ngo bumve ko bakeneye kwihana. Kuba batabona ko bazimiye kubwo kwica amategeko y'Imana, ntibanumva ko bakeneye amaraso ya Kristo ahongerera ibyaha. Bakira ibyiringiro by'agakiza ariko batarahindutse byimbitse mu mitima, habe no guhinduka k'ubugingo. Uku ni ko guhinduka kw'amajyejuru kwiganza cyane, kandi imbaga y'abantu benshi binjira mu itorero nyamara batarigeze bifatanya na Kristo." – *Intambara Ikomeye,* p.468.

**b. Igihe dusoma iyo mirongo, mbese ni gute Bibiliya yerekana ko mu by'ukuri Yesu yaje kudukiza ugucumura amategeko? Matayo 1:21.**

---

"Yesu yapfiriye gukiza abantu Be ibyaha byabo, kandi gucungurwa muri Kristo bisobanuye kureka gucumura amategeko y'Imana no kubaturwa ku cyaha cyose; nta mutima wanga amategeko y'Imana ujya ushyira hamwe na Kristo wababarijwe i Kaluvari, kugirango ashyigikire kandi yerereze amategeko imbere y'isi n'ijuru." – Kwizera n'Imirimo, p.95.

"Yesu niwe nshuti ihebuje dufite, waje gukiza ubwoko Bwe ugucumura amategeko. Mbese icyaha ni iki? Ubusobanuro rukumbi bw'icyaha ni uko icyaha ari ugucumura amategeko. None hano hari Yesu Kristo, uza akaduha ugukiranuka Kwe; twe ntidushobora gutsinda mu mbaraga zacu bwite, ahubwo dutsinda binyuze mu kumwizera. Niba uyu munsi mwizeye Yesu Kristo, muranamwakira. Mukwiriye kwizera ko ari Umukiza wanyu none, kandi ko ababaraho gukiranuka Kwe kuko yapfuye, kandi kuko yumviye ibisabwa byose n'amategeko y'Imana yishwe. Nimugenza mutya, muzagira ubwenge bwa Yesu Kristo bukiza. Adamu na Eva babuze Edeni kubera ko bacumuye ayo mategeko, ariko mwebwe muzabura ijuru nimuyacumura."- Ellen G. White 1888 Materials, p.128.

## 4. SEKURUZA W'ABIZERA

**a. Ni ukubera iki mu isezerano rya kera umukurambere Aburahamu azwi nka sekuruza w'abizera? Abagalatiya 3:6 – 9.**

---

"Ikigeragezo cya Aburahamu cyari gihambaye cyane kuruta igishobora kugera ku kiremwamuntu. Iyo atsindwa nacyo, ntaba yaranditswe ko ari sekuruza w'abizera. Iyo anāmbuka ku itegeko ry'Imana, isi yari guhomba urugero rwiza rwo kwizera kuzira amakemwa n'ukumvira. Isomo ryahatangiwe ryarabagiranye umucyo mu bihe byose, kugirango dushobore kwiga ko nta kintu cy'agaciro kitagomba guhabwa Imana. Bibaho igihe tubona impano yose nk'iy'Uwiteka, ko igomba gukoreshwa umurimo We, kugirango turinde umugisha w'ijuru. Garurira Imana ibyo yakuragije, nibwo uzarushaho kuragizwa ibirushijeho. Gundira ubutunzi bwawe wowe ubwawe, nta ngororano uzahabwa muri ubu bugingo, kandi uzabura ingororano y'ubugingo buzaza." – *Ubusobanuro bwa Bibiliya,* vol 1, p.1094.

"Aho uru rusengero rwari rwubatswe hari hamaze igihe kirekire hafatwa ko ari ahantu hejejwe. Aho ni ho Aburahamu, sekuruza w'abizera, yari yaragaragarije ubushake bwe bwo gutamba umwana we w'ikinege kubwo kumvira icyo Yehova yari yamutegetse. Aho ni ho Imana yavugururiye isezerano ry'umugisha yari yarasezeraniye Aburahamu, kandi ryari rikubiyemo isezerano ry'agahebuzo rya Mesiya ryari ryarahawe abantu ryo kubacungura binyuze mu gitambo cy'Umwana w'Imana Isumbabyose." – *Abahanuzi n'Abami,* p.37.

**b. Ni gute urubyaro rwasezeranywe rugaragaza ukubwiriza ubutumwa bwiza ndetse no mu gihe cya Aburahamu? Itangiriro 22:15 – 18; Abagalatiya 3:16.**

---

"Iryo sezerano ryongeye kuvugururwa rihabwa Aburahamu ngo: "Mu rubyaro rwawe ni mo amahanga yose yo mu isi azaherwa umugisha." (Itangiriro 22:18). Iri sezerano ryerekezaga kuri Kristo. Aburahamu yasobanukiwe n'iryo sezerano (soma Abagalatiya 3:8,16), kandi yizeye ko Kristo ababarira ibyaha. Uko kwizera ni ko kwatumye yitwa umukiranutsi. Isezerano ryahawe Aburahamu na ryo ryakomeje gushimangira ubutware bw'amategeko y'Imana." – *Abakurambere n'Abahanuzi,* p.370.

**c. Ni ukubera iki Aburahamu yatoranyirijwe guhabwa ubutumwa bwiza, maze abandi benshi bo mu gihe cye ntibatoranywe? Itangiriro 26:5; Yakobo 2:19 – 24.**

---

"Aburahamu yizeraga Imana. Mbese ni gute tumenya ko yizeraga? Imirimo ye yahamyaga imiterere y'ukwizera kwe, kandi kwizera kwe kwatumye abarwaho gukiranuka." – *Ubusobanuro bwa Bibiliya,* vol 7, p.936.

## *Kuwa Gatanu* *02 Gashyantare*

### 5. AMATEGEKO MU RINDI SEZERANO RYA KERA

**a. Ni izihe ngero zindi dufite zihamya ko amategeko yabayeho mbere yuko Imana iyatangariza ku musozi Sinayi (Gutegeka kwa Kabiri 5:22 – 26)? Kuva 15:26; 16:28.**

---

"Buri cyumweru mu gihe kirekire cy'urugendo rwabo mu butayu, Abisirayeli babonye igitangaza gikubiyemo imigabane itatu, cyabereyeho kumvisha intekerezo zabo ukwera kw'Isabato: ku munsi wa gatandatu haguye manu y'iminsi ibiri, ku wa karindwi nta yaguye, kandi iyari ikenewe ku Isabato yakomeje kuryoha no kuba nzima mu gihe iyo hagiraga ibikwa mu kindi gihe yaboraga ntibe yaribwa.

"Mu byerekeranye no gutangwa kwa manu, dufite ibihamya bidashidikanywaho ko, nk'uko abantu benshi babivuga, Isabato itashyizweho igihe amategeko yatangwaga kuri Sinayi. Abisirayeli bataragera kuri Sinayi bari basobanukiwe ko kuziririza Isabato ari ngombwa kuri bo. Ubwo basabwaga gutoragura incuro ebyiri za manu kuri buri wa gatandatu mu rwego rwo kwitegura Isabato, aho ku Isabato itashoboraga kugwa, ukwera k'umunsi wo kuruhuka kwakomeje kwinjira mu ntekerezo zabo. Kandi igihe abantu bamwe bajyaga gutoragura manu ku Isabato, Uwiteka yarabajije ati: "Muzageza he kwanga kwitondera amategeko yanjye n'ibyo nategetse?" – *Abakurambere n'Abahanuzi,* p.296,297.

**b. Mbese ni iki Imana yashakaga ko Abisirayeli bakoresha amategeko icumi yavuzwe n'ayanditswe? Gutegeka kwa Kabiri 6:1 – 9.**

---

**c. Ni gute tumenya ko Uwiteka yakomeresheje uyu mwanya inzira zose kugeza ku iherezo ry'isezerano rya kera? Malaki 4:4; 3:6.**

---

## *Kuwa Gatandatu* *03 Gashyantare*

### IBIBAZO BYO KUZIRIKANWA

**1. Ni gute amahame y'amateka ya Bibiliya ashyirwa mu bikorwa mu gihe cyacu?**

**2. Mbese ni iki gisabwa uhereye igihe Edeni yagaragazaga ko Imana idahinduka?**

**3. Ku byerekeranye n'ikibazo cy'icyaha, mbese ni uwuhe mugambi wo kugaruka kwa Yesu kuri iyi si?**

**4. Ni gute kwizera kwa Aburahamu kwagaragajwe n'imirimo ye?**

**5. Mbese ni iki kigomba kuba umubano wacu dufitanye n'amategeko y'Imana?**

# Amategeko ahoraho y'Imana

**Isomo ryo kuzirikanwa: "Kuko gukunda Imana ari uku: ari uko twitondera amategeko yayo kandi amategeko yayo ntarushya." 1Yohana 5:3.**

"[Kristo] yadutegetse gukundana nkuko yadukunze. Idini riri mu gukunda Imana, rinatuyobora ku gukundana [ubwacu]. Ryuzuye gushima, kwicisha bugufi no kwihangana. Ni ukwitanga, kwihangana, kugira imbabazi no kubabarira. Ryeza impagarike y'ubugingo uko yakabaye kandi ritera impinduka ku bandi." – *Ibihamya by'Itorero,* vol 4, p.223.

**Ibitabo byifashishijwe: Abakurambere n'Abahanuzi, p.303 – 314.**

## *Kuwa Mbere* *05 Gashyantare*

### 1. UMUREMYI UDAHINDUKA

**a. Mbese ni iki dukwiriye kumenya cyerekeranye n'isano Kristo yari afitanye n'amategeko y'Imana mu gihe yabaga hano kuri iyi si ari Umwana w'umuntu? Matayo 5:17,18.**

---

**b. Ni mu buhe buryo abayobozi b'Abayuda bapfaga kuziririza amategeko by'umuhango ugaragarira amaso gusa? Matayo 23:23; Abafilipi 3:4.**

---

"[Abayobozi b'Abayuda] bari bafite umurava wo kugaragaza ukwera, nyamara bahakana ukwera k'umutima. Nubwo bakomezaga amategeko mu buryo bw'inyuguti, bahoraga banyuranya na yo mu buryo bw'umwuka. Icyo bari bakeneye gikomeye ni uguhinduka Kristo yasobanuriraga Nikodemo, kuvuka bundi bushya, kwezwaho ibyaha, no kugira imibereho mishya mu by'ubumenyi no kwera." – *Uwifuzwa Ibihe Byose*, p.174.

**c. Mbese ni iki dushobora kwigira ku kigeragezo cya Yesu cyerekanye ko atigeze yica amategeko? Matayo 26:59,60.**

---

"Yaba Umukiza cyangwa abayoboke Be nta wigeze yica itegeko ry'Isabato. Kristo ni we cyitegererezo kizima amategeko yagaragariragamo. Nta kurenga ku mahame yayo yera kwigeze kuboneka mu mibereho Ye. Mu gihe yitegerezaga ishyanga ry'abahamya bashakaga urwaho rwo kumucira urubanza, yashoboraga kuba yavuga ntihagire umuvuguruza ati, 'Ni nde muri mwe unshinja icyaha?' Yohana 8:46." – Ibid, p.287.

## 2. AMATEGEKO MU MUTIMA WA YESU

**a. Mbese Yesu yateguriwe iki igihe yazaga ku isi? Abaheburayo 10:5 – 10.**

---

"Ntibyabayeho kubw'amahirwe, ahubwo byari byaragambiriwe ko Umucunguzi w'isi yagombaga kwiyambura ikamba Rye, agakuramo ikanzu Ye ya cyami, maze akaza kuri iyi si yacu ari umuntu. Ubumana Bwe yabwambitse ubumuntu, kugirango ashobore guhagararira umuryango wa mwenemuntu, ubumuntu Bwe bwivanze n'ubw'inyokomuntu yacumuye kubera ukutumvira kwa Adamu." – *The Southern Work,* p.85.

**b. Igihe dusoma umurongo nk'uwo mu isezerano rya kera ku byerekeye Kristo, mbese ni iki cyahanuwe ko kigomba kuba mu mutima We? Zaburi 40:6 – 8.**

---

"Gucumura amategeko byatumye habaho icyaha, imibabaro n'urupfu. Satani yavuze ko aba yarahamirije amasi Imana yaremye, n'abo mu ijuru ko gukomeza amategeko y'Imana bidashoboka. Igihe Adamu yatsindwaga n'ikigeragezo cy'umwanzi, akagwa akava mu mibereho ye ihanitse kandi yera, Satani n'abamarayika be byarabanejeje cyane. Ariko ijwi ryumvikanye rivuye ku ntebe y'Imana ya cyami rivuga amagambo y'ubwiru. [Zaburi 40:6 – 8] Igihe umuntu yacumuraga, Kristo yatangaje ko umugambi We ari uwo kubera umuntu Umwishingizi n'Incungu." – *Urwibutso n'Integuza,* kuwa 03 Nzeri 1901.

**c. Igihe twakiriye Kristo mu mitima yacu, mbese ni iki tuba twakiriye kitajya gitandukana na We? Zaburi 119:70,72,77,174.**

---

"Umutwaro uduhambira ku murimo ni amategeko y'Imana. Itegeko rikomeye ry'urukundo ryerekaniwe muri Edeni, ryatangarijwe kuri Sinayi kandi ryanditswe mu mutima mu buryo bw'isezerano rishya, ni ryo rihambira umuntu w'umukozi ku bushake bw'Imana. Turamutse turekewe mu gukurikiza ibyo turarikira, ngo twigire aho ibyifuzo byacu bitwerekeza, twagwa mu gico cy'abayoboke ba Satani kandi tukagira ingeso ze. Ni cyo gituma Imana itugotesha ubushake Bwayo, bwagutse, bwuje ubupfura, kandi buzahura umuntu bukamukuza. Imana yifuza ko dukora inshingano z'umurimo twihanganye kandi dufite ubwenge. Kristo ubwe yikoreye umutwaro wo gukorera abandi igihe yari umuntu." – *Uwifuzwa Ibihe Byose,* p.329.

"Gukiranuka ni ubutungane, ni ugusa n'Imana, kandi "Imana ni urukundo." (1Yohana 4:16). Gukiranuka ni ugukora ibihuje n'amategeko y'Imana, kuko "ibyo wategetse ari byo gukiranuka." (Zaburi 119:172), kandi "urukundo ni rwo rusohoza amategeko." (Abaroma 13:10). Gukiranuka ni urukundo, kandi urukundo ni umucyo n'ubugingo by'Imana. Gukiranuka kw'Imana kwashyizwe muri Kristo. Twakira uko gukiranuka igihe twakiriye Kristo." – *Ibitekerezo byo ku Musozi w'Umugisha*, p.18.

## 3. HAKURIKIJWE AMATEGEKO N'ABAHANUZI

**a. Igihe Yesu yasobanuriraga abigishwa ko imibereho Ye yari igihamya kizima cyerekana ko yari Mesiya, mbese ni ayahe magambo yakoresheje? Luka 24:27,44.**

"Umugambi We wari uwo kumurikira ubwenge bwabo no gukomeza kwizera kwabo kugashingira ku "ijambo ry'ukuri ry'ubuhanuzi." Yashakaga ko ukuri gushinga imizi mu ntekerezo zabo bidatewe gusa n'uko gushyigikiwe n'ubuhamya Bwe ku giti cye, ahubwo bitewe n'igihamya kidashidikanywaho cyerekanwa n'ibimenyetso n'ibyashushanywaga mu mategeko ndetse n'ubuhanuzi bwo mu Isezerano rya Kera. Byari ngombwa ko abayoboke ba Yesu bagira ukwizera kuzuye ubwenge, atari ibyo kubagirira akamaro ku ruhande rwabo gusa, ahubwo ari ukugira ngo babashe kumenyesha abatuye isi Kristo. Kandi intambwe ya mbere muri uko gutanga ubwo bwenge, Yesu yerekeje intekerezo z'abigishwa kuri "Mose n'abahanuzi bose." Uko niko Umukiza wazutse yabahamirije ashimangira agaciro n'akamaro k'Ibyanditswe mu Isezerano rya Kera." – *Intambara Ikomeye,* p.349.

**b. Mbese abigishwa ubwo babwirizaga ubutumwa bwiza, ni gute bahamije ko Yesu ari We wari warasezeranywe? Ibyakozwe n'Intumwa 28:23.**

"Umwuka w'Imana yaherekeje amagambo yavuzwe maze abantu bumva bakozwe ku mutima. Amagambo y'intumwa [Pawulo] yerekezaga ku buhanuzi bwo mu Isezerano rya Kera kandi akanavuga ko ibyo byasohoreye muri Yesu w'i Nazareti, yatumye abantu batsindwa mu mitima bifuza ukuza kwa Mesiya wasezeranyijwe. Amagambo ya Pawulo atera ibyiringiro avuga ko "inkuru nziza" y'agakiza ari iy'Abayuda n'abanyamahanga yatumye abatarabarwaga mu rubyaro rwa Aburahamu ku mibiri bagira ibyiringiro n'ibyishimo." – *Ibyakozwe n'Intumwa,* p.172,173.

"Mu kubwiriza Abatesalonike, Pawulo yifashishije ubuhanuzi bwo mu Isezerano rya Kera bwerekeye Mesiya. Mu murimo wa Kristo, yari yarafunguye intekerezo z'abigishwa Be ku bijyanye n'ubu buhanuzi: "Atangirira kuri Mose no ku bahanuzi bose, abasobanurira mu byanditswe byose ibyanditswe kuri We" (Luka 24:27). Mu kubwiriza ibya Kristo, Petero yakuraga ibihamya mu Isezerano rya Kera. Sitefano na we ni uko yari yarabigenje, kandi na Pawulo mu murimo we w'ivugabutumwa yifashishaga ibyanditswe byari byarahanuye ivuka, imibabaro, urupfu, umuzuko no gusubira mu ijuru bya Kristo. Akoresheje ubuhamya bwa Mose n'abahanuzi yerekanye neza ko Yesu w'i Nazareti ari we Mesiya; kandi ko ijwi rya Kristo ari ryo ryavugiraga mu bakurambere n'abahanuzi kuva mu gihe cy' Adamu." – Ibid, p.221,222.

## 4. AMATEGEKO NO KWIZERA

**a. Mbese gushyira ukwizera kwacu muri Yesu nk'Umukiza wacu bwite bidutandukanya n'amategeko? Niba ari yego ni kuki cyangwa se niba ari oya, ni ukubera iki? Abaroma 3:31.**

---

**b. Mbese ni uwuhe mugisha wavuzwe ku bakomeza amategeko? Ibyahishuwe 22:14.**

---

"Umuvumo wagwiriye Adamu na Eva kubwo gucumura amategeko y'Imana, kandi bambuwe uburenganzira bwose bari bafite ku giti cy'ubugingo. Kristo yapfuye kugirango akize umuntu, ndetse no kugirango asigasire icyubahiro cy'amategeko y'Imana. Aravuga ati: 'Hahirwa abamesera ibishura byabo kugira ngo bemererwe kwegera cya giti cy'ubugingo, kandi banyure mu marembo binjire muri rwa rurembo' (Ibyahishuwe 22:14). Hano Umwana w'Imana aragaragaza ko gusohoza amategeko y'Imana aricyo gisabwa kugirango umuntu agire uburenganzira ku giti cy'ubugingo. Kristo yapfuye kugirango umuntu abe ukwiriye umugisha w'ijuru no kongera kugira uburenganzira ku giti cy'ubugingo; binyuze mu maraso Ye no kumvira amategeko y'Imana." – *Impano z'Umwuka*, vol 3, p.88.

"Ubwo twagendaga twerekeje ku nyanja y'ibirahuri tugana kw'irembo ry'umudugudu abamarayika bari badukikije. Yesu arambura ukuboko Kwe gukomeye k'ubwiza, afata irembo ry'imaragarita, ararisunika rikingukira ku mapata yaryo arabagirana, maze aratubwira ati 'Mwameshe ibishura byanyu mu maraso yanjye, muhagararira ukuri kwanjye mutanyeganyega, nimwinjire.' Twese turinjira maze twiyumvamo uburenganzira bwo kuba mu mudugudu." – *Inyandiko za Kera,* p.17.

**c. Ni gute ibi byerekana yuko Imana idahinduka? Abaheburayo 13:8.**

---

"Yesu azadukorera ibikomeye, niba tuzasohoza inshingano yacu mu budahemuka. Ubushake bwacu bukwiriye kuba buhuje n'ubw'Imana. Dukwiriye kubahisha Uwiteka kubwo kumvira amategeko Ye yose, ndetse no mu byo twita utuntu duto. Ukuri, kimwe nk'Umuhanzi wako wo mu ijuru, ibyo gusaba ntibihinduka, iby'uyu munsi bihwanye n'iby'ejo hashize n'iby'iteka ryose. Ntigushyira hamwe n'imigenzo y'abantu, ntiguhamanya n'ibitekerezo byabo. Ukuri kwahoraga gushyira itandukaniro hagati y'ubwoko bw'Imana n'ab'isi. Ariko niba umwanya wacu mu myaka ya kera, twarerekanye Imana nk'abantu badasanzwe, none ni gute Itubona mu mwanya wacu muri iki gihe? Mbese twarungutse mu by'umwuka uhereye igihe twavaga mu kwiyoroshya kwacu kwa mbere?" – *Ibimenyetso by'Ibihe,* kuwa 25 Gicurasi 1882.

# *Kuwa Gatanu* *09 Gashyantare*

## 5. YANDITSWE MU MUTIMA

**a. Ni gute byashoboka kugira amategeko y'Imana mu bugingo bwacu mu buryo buhwanye n'uko Yesu yari ayafite? Abaheburayo 10:16; 8:10.**

---

"Imana yaduhaye amategeko yayo yera kubera ko ikunda inyokomuntu. Kugira ngo iturinde ingaruka zo gucumura, iduhishurira amahame yo gukiranuka. Amategeko ni ukujya ahabona kw'ibyo Imana itekereza; iyo tuyakiririye muri Kristo, ahinduka ibitekerezo byacu. Aratuzamura tugasumba imbaraga z'ibyifuzo n'ingeso bya kamere, tugasumba ibigeragezo bituganisha ku gukora icyaha." – *Uwifuzwa Ibihe Byose,* p.308.

**b. Mbese ni iki Imana itwereka mbere yuko dushobora gutangira uru rugendo rujya mu ijuru? 1Yohana 4:19,8.**

---

"Isi icura umwijima bitewe no kutagira ishusho y'Imana. Kugira ngo uwo mwijima weyurwe, kugira ngo isi igarukire Imana, imbaraga za Satani ziyobya zagombaga gusenywa. Ibi ntibyashoboraga gukoreshwa agahato. Igikorwa cy'agahato kinyuranye n'amahame y'ubutegetsi bw'Imana; Imana yifuza umurimo w'urukundo; kandi urukundo ntirubasha guhatirwa; ntirubasha kubonwa hakoreresheje agahato cyangwa imbaraga. Urukundo gusa nirwo rubyutsa urukundo. Kumemya Imana ni ukuyikunda; imico yayo igomba kugaragara ko ihabanye n'iya Satani. Hari Umwe gusa mw'ijuru no mw'isi washoboraga gukora uyu murimo. Uwo wenyine wari usobanukiwe n'ubujyejuru n'ubujyakuzimu bw'urukundo rw'Imana ni We wagombaga kurumenyekanisha." – Ibid, p.22.

**c. Mbese ni iki gishoboka gusa kugirango urukundo rw'Imana rube mu mitima yacu? Yohana 14:15 – 17.**

---

# *Kuwa Gatandatu* *10 Gashyantare*

## IBIBAZO BYO KUZIRIKANWA

1. **Ni gute Yesu yagumanye imico y'Imana ubwo yari abayeho ari umuntu?**
2. **Ni gute imico isa nk'iya Kristo igaragarira mu bizera nyakuri?**
3. **Kugirango twizere by'ukuri yuko Yesu ariwe Mesiya, mbese ni ubuhe buhanuzi dukwiriye kuba dusobanukiwe?**
4. **Ni gute bishoboka ko abantu b'abanyabyaha bashobora kugira uburenganzira ku giti cy'ubugingo bari barambuwe n'icyaha?**
5. **Mbese ni iyihe nzira rukumbi dushobora kugiriramo ukumvira nyakuri?**

# Ubwiru bw'Ubutumwa Bwiza

**Isomo ryo kuzirikanwa: "Abo Imana yishimiye kumenyesha ubutunzi bw'ubwiza bw'ubwo bwiru bwageze mu banyamahanga, ari bwo Kristo uri muri mwe, ari byo byiringiro by'ubwiza." Abakolosayi 1:27.**

"Dushobora gusobanukirwa ibyo Imana itugirira n'imigambi idufitiye kugirango dushobore gusobanukirwa urukundo n'imbabazi byayo bitagira imbibi bikaba bikorana n'imbaraga idashira. Dushobora gusobanukirwa biruseho imigambi yayo niba kubimenya bitubereye byiza, kandi hirya y'ibi dukwiriye gukomeza kwiringira ubushobozi bw'Ishoborabyose, urukundo n'ubwenge bwa Data wa twese akaba n'Umutware wa byose." – *Ibihamya by'Itorero,* vol 5, p.699.

**Ibitabo byifashishijwe: Uburezi p.169 – 172.**

## *Kuwa Mbere* *12 Gashyantare*

### 1. IBYANDITSWE BIRUHIJE GUSOBANUKIRWA

**a. Mbese ni iki Petero abona ku nyandiko zimwe na zimwe za Pawulo? 2Petero 3:14 – 17. Ni iki tugomba gusobanukirwa ku bintu runaka byo mu Byanditswe? Gutegeka kwa Kabiri 29:29.**

---

"Abantu bashoboye batanze igihe cyabo mu kurondora Ibyanditswe basenga, nyamara hari imigabane myinshi ya Bibiliya batashoboye gusobanukirwa mu buryo bwuzuye. Imirongo imwe n'imwe y'Ibyanditswe ntizigera isobanuka mu buryo butunganye kugeza ubwo Kristo azayisobanura mu buzima bw'ahazaza. Ni ubwiru butamenyekana, ingingo zidashobora gusobanukira ubwenge bw'umuntu. Kandi umwanzi azashaka gukangura amatsiko kuri izo ngingo, mu gihe kutaziganiraho aribyo byarushaho kutubera byiza." – *Ababwiriza b'Ubutumwa Bwiza,* p.312.

**b. Mbese ni iyihe nyifato ikwiriye kutwegereza Ibyanditswe? Yohana 7:17.**

---

"Umwuka winjiranye mu kwiga Ibyanditswe Byera niwo uzagena imiterere y'umufasha uzakuba iruhande. Abamarayika bavuye aharangwa n'umucyo bazabana n'abantu bashaka kuyoborwa n'Imana bicishije bugufi mu mitima. Ariko niba Bibiliya ibumburanywe ikinyabupfura gike, no kumva ko umuntu yihagije, niba umutima wuzuyemo urwikekwe, ubwo Satani aba ari iruhande rwawe, bityo akagoreka amagambo yumvikana y'Ijambo ry'Imana." – *Ibihamya ku Bagabura,* p.108.

## 2. GUSOBANUKIRWA AMABANGA

**a. Mbese ni ibiki Imana yahishuriye Pawulo hagamijwe kubigeza ku bandi basigaye bo mu isi? Abaroma 16:25,26; Abakolosayi 1:27.**

---

"Kuri Pawulo umusaraba ni wo wari ikintu kimwe gifite agaciro kuruta ibindi. Kuva amaze gufatirwa mu murimo we wo gutoteza abayoboke b'Umunyanazareti wabambwe, ntiyigeze acogora guha umusaraba icyubahiro. Icyo gihe yari yarahishuriwe urukundo rw'Imana ruhebuje, nk'uko rwagaragarijwe mu rupfu rwa Kristo; kandi uguhinduka gutangaje kwari kwarabaye mu buzima bwe kwatumye inama ze n'imigambi ye yose bihuza n'ijuru. Kuva icyo gihe yahindutse umuntu mushya muri Kristo. Yari azi mu byo yari yaragiye ahura na byo ko iyo umunyabyaha abonye urukundo rwa Data wo mu ijuru, nk'uko rwagaragaye mu gitambo cy'Umwana we, maze akiyegurira imbaraga y'Imana ngo imuyobore, habaho guhinduka k'umutima kandi kuva icyo gihe Kristo akamubera byose muri byose." – *Ibyakozwe n'Intumwa,* p.245.

**b. Niba hari ikintu mu Byanditswe kiruhije gusobanuka, ni kuki tugomba gushishikarira gucukumbura kuri iyo ngingo? 2Timoteyo 3:16,17.**

---

"Umusaraba wa Kristo utwikiriwe n'ibintu byose biwuteza urubwa n'ibiwuha isura mbi, nyamara niwo byiringiro by'ubugingo kandi uhesha umuntu icyubahiro. Na n'umwe ushobora gusobanukirwa ubwiru mu gihe agitewe isoni no guhamya umusaraba wa Kristo. Nta n'umwe ushobora gusobanukirwa no kwishimira imigisha Kristo yahesheje umuntu kubw'ikiguzi yamutanzeho kitagira akagero, mu gihe badashaka kwishimira igitambo kiruta ubutunzi bw'isi kugirango bashobore kuba abayoboke Be. Ukwigomwa kose n'ukwitanga kose gukorewe Kristo bikungahaza umuntu ubikoze, kandi imibabaro yose no gukozwa isoni byihanganiwe kubw'izina Rye, byongera umunezero uheruka n'ingororano y'ukudapfa yo mu bwami bw'ubwiza." – *Confrontation*, p.93.

**c. Sobanura icyo dukeneye kugirango dufate imyanzuro iboneye. Yohana 16:13.**

---

"Ni tutayoborwa n'Umwuka Wera tuzahora dukora hirya no hino duhindura ukundi Ibyanditswe Byera cyangwa tubisobanura uko bitari. Hariho uburyo bwinshi bwo gusoma Bibiliya bitagize icyo byunguye kandi kenshi bigirira umuntu nabi. Iyo ijambo ry'Imana ritabumburanwe kwicisha bugufi no gusenga; iyo ibitekerezo n'ibyo abantu bishimira bitari ku Mana cyangwa ngo bifatanye n'ubushake bwayo, ubwenge bujyamo igihu cyo gushidakanya; kandi ibyiringiro bigenda birushaho kuba bike. Umwanzi ayobora ibitekerezo, maze agatanga ubusobanuro butari ubw'ukuri." – *Ibihamya by'Itorero,* vol 5, p.704,705.

## 3. AMATEGEKO ICUMI Y'IMANA

**a. Ibihabanye n'imyizerere rusange, ni gute tumenya yuko amategeko icumi atarangiriye ku musaraba? Yakobo 2:8,9.**

---

"Abigisha benshi mu by'idini bemeza bakomeje ko Kristo yakujeho amategeko urupfu Rwe, kandi ko kubw'ibyo abantu batarebwa n'ibyo asaba. Hari bamwe bayafata nk'umutwaro uremereye cyane, maze mu buryo buhabanye n'ububata bwayo, bakigisha iby'umudendezo umuntu abasha kwishimira ari mu butumwa bwiza.

"Nyamara uko siko intumwa n'abahanuzi bafataga amategeko yera y'Imana. Dawidi yaravuze ati: "Kandi nzagendana umudendezo, kuko njya ndondora amategeko wigishije" Zaburi 119:45. Intumwa Yakobo wanditse nyuma y'urupfu rwa Yesu Kristo, yavuze ku mategeko icumi, ko "atunganye, atera umudendezo" Yakobo 2:8; 1:25. Kandi umuhishuzi na we, hashize nk'imyaka mirongo itanu nyuma yo kubambwa kwa Yesu, yavuze umugisha uzaba ku "bakurikiza amategeko y'Imana, kugira ngo bemererwe kwegera cya giti cy'ubugingo, kandi banyure mu marembo binjire muri rwa rurembo" Ibyahishuwe 22:14." – *Intambara Ikomeye,* p.466.

"Iyo umuntu yiyeguriye Kristo, umutima we ugandukira amategeko y'Imana, ariko amategeko icumi y'Imana niyo ahesha umudendezo buri wese uri mu bubata. Umuntu abaturwa iyo yunze ubumwe na Kristo. Gusohoza ibihuje n'ubushake bwa Kristo bisobanuye ihembuka ry'umuntu agatungana." – *Umurimo wo Gukiza,* p.131.

**b. Mbese ni ayahe mategeko asobanura gukunda mugenzi wacu nkuko twikunda? Abaroma 13:9; bigereranye no Kuva 20:1 – 17.**

---

"Amategeko ane abanza ahiniye muri iri tegeko rikomeye ngo, "Ukundishe Uwiteka Imana yawe umutima wawe wose." Naho amategeko atandatu aheruka akubiye muri iri ngo, "Ukunde mugenzi wawe nk'uko wikunda." Aya mategeko yombi asobanura ihame ry'urukundo. Ntabwo irya mbere ryakubahirizwa ngo irya kabiri ryicwe, cyangwa ngo irya kabiri ryubahirizwe maze irya mbere ryicwe. Imana niyimikwa mu mutima, tuzaha mugenzi wacu umwanya umukwiriye. Tuzamukunda nk'uko twikunda. Kandi igihe dukunda Imana mu buryo buhanitse, nibwo tuzashobora gukunda mugenzi wacu tutarobanuye ku butoni…

"Kristo yigishije abamwumvaga ko amategeko y'Imana atagizwe n'amategeko menshi atandukanye, ngo amwe muri yo abe afite agaciro kanini, naho andi abe afite agaciro gake ku buryo ashobora gusuzugurwa umuntu ntabihanirwe. Umwami wacu yerekanye ko amategeko ane abanza hamwe n'atandatu aheruka ari ihame rikubiye hamwe twahawe n'Imana, kandi yigisha ko gukunda Imana bizagaragarizwa mu kumvira amategeko yayo yose." – *Uwifuzwa Ibihe Byose,* p.607.

## 4. GUCIRWA URUBANZA N'AMATEGEKO

**a. Sobanura uburyo urubanza ruzagera ku bantu bose. Umubwiriza 11:9; Abaroma 14:10; 2Abakorinto 5:10; Abaheburayo 9:27.**

"Abantu bose bazacirwa urubanza hakurikijwe umucyo bahawe. Uwiteka yohereza intumwa zimuhagarariye zitwaye ubutumwa bw'agakiza kandi ababwumva bazabazwa uko bafata amagambo y'abagaragu Be. Abashaka ukuri babikuye ku mutima bazitonda bagenzure inyigisho bahabwa bayobowe n'ijambo ry'Imana." – *Ibyakozwe n'Intumwa,* p.232.

**b. Mbese ni uruhe rugero ngenderwaho rwo gusuzumiraho mu rubanza? Yakobo 2:12.**

**c. Mbese ni ayahe mategeko? Yakobo 2:11; gereranya no Kuva 20.**

"Mu nyigisho ze, Kristo yerekanye uko amahame y'amategeko y'Imana yavugiwe kuri Sinayi agera kure. Yashyize mu bikorwa ayo mategeko ku buryo amahame ahinduka igipimo gikomeye cyo gukiranuka—igipimo kizakoreshwa ku bantu bose mu rubanza ku munsi ukomeye igihe imanza zizashingwa, n'ibitabo bikabumburwa." – *Ubutumwa Bwatoranyijwe,* vol 1, p.211.

"Amategeko y'Imana ni yo azaba urugero ngenderwaho rwo gusuzumiraho imico n'imibereho y'abantu mu rubanza. Umunyabwenge yaravuze ati: "Wubahe Imana kandi ukomeze amategeko yayo, kuko ari byo bikwiriye umuntu wese. Kuko Imana izazana umurimo wose mu rubanza" Umubwiriza 12:13,14. Intumwa Yakobo yihanangirije abavandimwe be ati: "Muvuge kandi mukore nk'abajya gucirwa urubanza n'amategeko atera umudendezo" Yakobo 2:12." – *Intambara Ikomeye,* p.482.

"Igihe urubanza ruzashingwa n'ibitabo bikabumburwa, nuko buri muntu wese agacirwa urubanza hakurikijwe ibyanditswe muri ibyo bitabo, noneho ni bwo ibisate by'amabuye byahishwe n'Imana kugeza icyo igihe, bizagaragarizwa abatuye isi nk'urugero rwo gukiranuka. Nuko rero abagabo n'abagore bazabona ko ikintu gisabwa ku bw'agakiza kabo ari ukumvira amategeko y'Imana atunganye. Nta n'umwe uzabona uko yiregura icyaha cye. Abantu bazacirwa urubanza rwo gupfa cyangwa gukira hakurikijwe amahame akiranuka yo muri ayo mategeko." – *Ubutumwa Bwatoranyijwe,* vol 1, p.225.

## *Kuwa Gatanu* — *16 Gashyantare*

### 5. AMATEGEKO NK'UMUSHORERA

**a. Mbese ni uwuhe mugambi wo gusobanukirwa amategeko cyangwa kumenya ukuri? Yohana 3:18 – 21; Abaroma 7:7.**

---

"Intambwe ya mbere mu kwiyunga n'Imana, ni ukwemera icyaha. "Icyaha ni ukwica amategeko." "Kuko amategeko ari yo amenyekanisha icyaha" 1Yohana 3:4; Abaroma 3:20. Kugira ngo amenye icyaha cye, umunyabyaha agomba kugenzuza ubutungane bwe urugero ruhanitse rwo gukiranuka kw'Imana. Amategeko y'Imana ni indorerwamo yerekana ubutungane bw'imico kandi ikabashisha umuntu gusobanukirwa n'intege nke ze." – *Intambara Ikomeye,* p.467.

**b. Mbese amategeko akoresha iki iryo hishurwa rishyira ahagaragara imibereho yacu nyakuri? Abagalatiya 3:24.**

---

"Abantu bajya bambaza ku byerekeye amategeko mu Bagalatiya. Barambaza bati: "Ni irihe tegeko ryitwa umushorera utujyana kuri Kristo?" Ndasubiza nti: "Ni amategeko y'uburyo bwombi, ay'imihango n'amategeko icumi yerekana imico mbonera.

"Kristo yari urufatiro rw'ubukungu bw'Abayuda. Urupfu rwa Abeli rwari ingaruka y'uko Kayini yanze kwakira umugambi w'Imana mu ishuri ryo kumvira agakiza kazanwa n'amaraso ya Yesu Kristo washushanywaga n'ibitambo byatambwaga byerekeza kuri Kristo. Kayini yanze ivushwa ry'amaraso ryashushanyaga amaraso ya Kristo agomba kumenerwa abatuye isi. Uyu muhango wose wateguwe n'Imana, kandi Kristo yabaye urufatiro rw'ubwo buryo bwose bw'imisengere. Iri ni itangiriro ry'umurimo w'amategeko nk'umushorera uganisha abanyabyaha ku kureba Kristo." – *Ubusobanuro bwa Bibiliya*, vol 6, p.1109.

## *Kuwa Gatandatu* — *17 Gashyantare*

### IBIBAZO BYO KUZIRIKANWA

**1. Ni gute ari ingenzi ko umuntu ategurira umutima we kwiga Bibiliya?**

**2. Ni gute bishoboka gusobanukirwa neza ikintu cy'ubwiru nk'ubutumwa bwiza bw'agakiza?**

**3. Mbese ni izihe mpamvu zidutera gusobanukirwa ko nyuma y'umusaraba, amategeko y'Imana yagumanye ububasha?**

**4. Mbese ni uruhe rugero rukomeye rw'imico ruduhesha ubugingo buhoraho?**

**5. Ni ukubera iki ari ngombwa yuko amategeko, umushorera wacu, agomba kutugeza kuri Kristo?**

# Byabambwe ku Musaraba We

**Isomo ryo kuzirikanwa: "Igahanagura urwandiko rw'imihango rwaturegaga, ikarudukuzaho kurubamba ku musaraba." Abakolosayi 2:14.**

"Amategeko y'Imana ariho kandi azakomeza kubaho ibihe byose. Igihe mu rupfu rwa Kristo ibyacurerwaga byahuraga n'Uwo byacureraga, amaturo y'ibitambo yari ahagaze gutangwa. Muri We igicucu cyahuye na nyiracyo. Umwana w'Intama w'Imana yabaye igitambo gishyitse kandi cyuzuye." – Ubusobanuro bwa Bibiliya, vol 6, p.1116.

**Ibitabo byifashishijwe: Ubutumwa Bwatoranyijwe, vol 1, p.229 – 235.**

## *Kuwa Mbere* *19 Gashyantare*

### 1. ANDI MATEGEKO

**a. Ni gute Bibiliya isobanura amategeko yaturegaga kandi akaba yarabambwe ku musaraba? Abakolosayi 2:14; Abefeso 2:15. Uhereye igihe amahame y'amategeko icumi yabereyeho muri Edeni itunganye, ni gute dusobanukirwa yuko ubu busobanuro atari ubw'ayo mategeko? Itangiriro 1:31.**

---

---

**b. Mbese ni ibiki byari bikubiye muri ayo mategeko y'imihango? Abakolosayi 2:16,21; Abefeso 2:15. Mbese ni amasabato n'andi mategeko afite aho ahurira n'amategeko icumi y'umwimerere yatangiwe mu irema, cyangwa ni igicucu cy'ibyagombaga kubaho mu gihe cy'ahazaza nyuma yo gutangwa? Abakolosayi 2:17.**

---

---

"Muri Edeni, Imana yashyizeho urwibutso rw'umurimo wayo w'irema, ubwo yahaga umugisha umunsi wa karindwi. Isabato yahawe Adamu, ariwe se kandi akaba n'uhagarariye ikiremwamuntu. Kuyubahiriza byari igikorwa cyo gushimira ku ruhande rw'abari gutura mu isi ko Imana ariyo Muremyi wabo kandi ko ariyo Mwami wabo w'ukuri; kandi ko bo ari umurimo w'intoki Zayo ndetse bakaba abantu Bayo. Niyo mpamvu, uwo muhango wera wagombaga kuba urwibutso, kandi ukaba warahawe inyokomuntu yose. Nta kintu na kimwe kidasobanutse cyari muri wo cyangwa ngo ube ugenewe abantu bamwe." – *Abakurambere n'Abahanuzi,* p.48.

## 2. AMATEGEKO Y'IMIHANGO

**a. Mbese ibyahoze ari igishushanyo nibyo byaje gusobanurwa nyuma ko ari amategeko? Niba ari uko bimeze se, ayo mategeko ni bwoko ki? Abaheburayo 10:1.**

---

"Ubwoko bw'Imana, abo yita ubutunzi Bwayo bw'umwihariko, bahawe amategeko y'uburyo bubiri; amategeko y'umwuka n'ay'imihango. Amwe yatangiwe mu irema kugirango akomeze kubibutsa Imana nzima yaremye isi, ko ibyo avuga bireba abantu bose bo muri buri gisekuru ndetse yuko azagumaho ibihe byose no mu bihe bidashira. Andi yatanzwe kubera ko umuntu yacumuye amategeko y'umwuka, kumvira ibyari bikubiye mu bitambo n'amaturo byarengurizaga ku gucungurwa kw'ahazaza. Ayo mategeko y'uburyo bwombi arasobanutse kandi aratandukanye." – *Ubusobanuro bwa Bibiliya,* vol 6, p.1094.

**b. Mu gihe gutamba amatungo byigishwaga Abaheburayo ba kera byacureraga igitambo cy'Umwana w'Intama w'Imana wari kuzaza, mbese ni iyihe ngingo yari ikeneye gusobanuka? Abaheburayo 10:2 – 4,6.**

---

"Kristo ubwe ni We watangije umuhango wo kuramya kwa kiyuda, ibimenyetso n'ibishushanyo byari bikingirije iby'umwuka n'iby'ijuru. Benshi bibagirwaga ubusobanuro nyakuri by'ibyo bitambo n'ukuri gukomeye, kandi ntibamenyaga ko binyuze muri Kristo gusa aribwo ibyaha bibabarirwa. Ubwinshi bw'ibitambo byatambwaga, amaraso y'ibimasa n'ay'ihene, ntibyashoboraga gukuraho ibyaha." – Ibid, vol 7, p.933.

**c. Mbese ni ikihe kintu rukumbi gifite imbaraga zo kutwezaho ububi bw'icyaha? 1Yohana 1:7.**

---

"Icyigisho cyari gikubiye muri buri gitambo, cyashyizwe muri buri muhango… Kubabarirwa ibyaha kuboneka binyuze mu maraso ya Kristo gusa." – Ibid.

"Urupfu Yesu Kristo yapfuye kugirango acungure umuntu rukuraho inyegamo kandi rugaha inzira umucyo urabagirana mu myaka amagana, umurikira umuhango uhamye wa gahunda y'idini rya Kiyuda. Iyo hatabaho urupfu rwa Kristo, uyu muhango ntacyo wari kuba usobanuye. Abayuda banze Kristo; bityo rero gahunda yabo y'idini ntacyo yari igisobanuye kuri bo, ntiyashoboraga gusobanurwa, kandi yari mu kaga. Bafashe ayo mategeko yari afite ibyo yacureraga bayashyira ku rwego rumwe n'amategeko icumi, kandi yo ntiyari igishushanyo ahubwo nk'ayagombaga kubahirizwa by'ukuri nk'ahora ku ntebe y'ubwami ya Yehova." – Ibid, vol 6, p.1097.

## 3. GAHUNDA Y'IMIHANGO

**a. Ni nde wabaye uwa mbere mu gutamba ibitambo by'amatungo muri ubu buryo? Itangiriro 3:21,24; 4:2 – 4; Abaheburayo 11:4.**

---

"Ibitambo byashyizweho n'Imana kugira ngo bijye bihora byibutsa umuntu kandi bitume yicuza icyaha no guhamya ko yizeye Umucunguzi twasezeraniwe. Byari bigendereye kwereka abantu bacumuye ukuri kudashidikanywa ko icyaha cyateye urupfu. Ariko Adamu we, igitambo cye cya mbere cyaramushenguye cyane kuko ukuboko kwe kwagombaga gukuraho ubugingo, kandi butangwa n'Imana gusa. Bwari ubwa mbere abona urupfu, yamenye ko iyo yumvira Imana nta rupfu rw'umuntu cyangwa inyamaswa rwajyaga kubaho. Igihe yasogotaga icyaremwe kitagira icyaha, yahinze umushyitsi atekereje ko icyaha cye cyagombaga kumena amaraso y'Umwana w'Intama w'Imana utagira inenge. Ibyo byamweretse neza gukomera kw'icyaha cye, icyaha kitajyaga gukurwaho n'ikindi kintu icyo ari cyo cyose ureste urupfu rw'Umwana w'Imana ikunda cyane. Yatangajwe n'ineza itarondoreka yagombaga gutuma ahabwa inshungu y'icyaha cye. Inyenyeri y'ibyiringiro yamuritse ahazaza hijimye maze itamurura uwo mwijima w'ubwihebe." – *Abakurambere n'Abahanuzi,* p.68.

**b. Mbese ni iyihe gahunda yashyizweho na none nyuma yuko abantu batasobanukiwe inama y'agakiza kuri Sinayi? Kuva 25:8.**

---

**c. Ni ukubera iki byari ngombwa ko amaraso ameneka? Abaheburayo 9:22. Mbese umwana w'intama w'igitambo yashushanyaga iki? 1Abakorinto 5:7; 1Petero 1:19; Yohana 1:19.**

---

"Abamuteze amatwi yaberekeje ku bimenyetso n'ibishushanyo by'amategeko y'imihango byarengurizaga kuri Kristo, ukubambwa Kwe, umurimo We w'ubutambyi, n'umurimo We mu buturo bwera, werekana kandi ugasobanura ibyo bishushanyo byahozeho mu gihe cya Kiyuda. We, nka Mesiya, niwe ibitambo byose byerekezagaho. Akurikije ubuhanuzi n'ibyabaye gikwira byari byitezwe n'Abayuda, intumwa Pawulo yagaragaje ko nk'uko ubuhanuzi n'ibyo Abayuda bari bategereje byavugaga, Mesiya yagombaga kuzaba uwo mu rubyaro rwa Aburahamu na Dawidi. Bityo yerekana ibisekuruza bya Yesu bihereye ku mukurambere Aburahamu ugakomeza no ku munyezaburi Dawidi. Yahamije akuye mu Byanditswe ibyagombaga kuba imico n'umurimo bya Mesiya wasezeranywe, uko azakirwa n'uko azagenzwa ku isi, nkuko byahamijwe n'abahanuzi bera. Yaberetse ko ubwo buhanuzi bwose bwari bwarasohoreye mu mibereho, umurimo n'urupfu rwa Yesu, bityo akaba yari Umucunguzi w'isi." – *Ibyo Twigira ku Mibereho ya Pawulo,* p.103,104.

## 4. NI UKUBERA IKI YAKUWEHO?

**a. Mu gihe imihango yari ikomeje gukorerwa mu rusengero, mbese ni iki Abayuda bizeraga nk'ibyiringiro by'agakiza kabo? Yesaya 1:10 – 15.**

---

"Umwana w'Imana niwe zingiro ry'inama ikomeye y'ugucungurwa mu bihe byose. Ni We 'Mwana w'intama watambwe uhereye ku kuremwa kw'isi' (Ibyahishuwe 13:8). Ni We Mucunguzi w'abahungu n'abakobwa ba Adamu baguye mu cyaha mu bihe byose by'igihe cy'imbabazi cyahawe umuntu… Kristo ni we ibishushanyo byo mu gihe cya kera byacureraga. Igihe Kristo yapfaga, ibyamushushanyaga byarahagaze. Mu rupfu rwa Kristo ibitambo byamurengurizagaho mu buryo bw'ibimenyetso byakuweho, ariko amategeko y'Imana, yatumye biba ngombwa ko habaho inama y'agakiza kubera uwayacumuye, yarakomejwe kandi arubahishwa. Ubutumwa bwiza bwabaye inkuru nziza y'umunezero ukomeye kuri Adamu, Nowa, Aburahamu na Mose, kuko bwaberetse Umukiza uzaza." – *Ibimenyetso by'Ibihe,* kuwa 20 Gashyantare 1893.

"Yerusalemu wari umurwa mukuru w'Abayuda kandi aho niho harangwaga guheza abandi no kubatekereza uko batari. Abayuda b'abakristo bari batuye hafi y'urusengero basubizaga ibitekerezo byabo inyuma, bakabona akarusho n'amahirwe bafite nk'ishyanga ry'Abayuda. Igihe babonaga ko Itorero rya Gikristo rigenda ryitandukanya n'imihango n'imigenzo bya Kiyuda kandi bakabona ko mu gihe gito agaciro gakomeye imigenzo ya kiyuda yari ifite kagiye gutakara bitewe n'umucyo wo kwizera kwadutse, benshi barakariye Pawulo cyane nk'umuntu watumye habaho izo mpinduka… Bamwe bari bafitiye ishyaka amategeko y'imihango." – *Ibyo Twigira ku Mibereho ya Pawulo*, p.71.

**b. Mbese ni iki Imana yitaho mu cyimbo cy'ibitambo byose? Yesaya 1:16 – 18; Zaburi 51:17 – 19.**

---

**c. Mbese inama y'agakiza binyuze mu maraso ya Yesu Kristo iduha iki gahunda y'ibitambo yananiwe gukora? Ibyakozwe n'Intumwa 4:12; Abaheburayo 7:28,19.**

---

"Umucyo w'ubwiza kandi urushijeho gutungana ubu uri kurabagiranira ku mukristo. Ababayeho mbere yo kuza kwa Kristo bitegereje ukugaruka Kwe mu kwizera, ariko ibyo bo bakoze kubwo kwizera ni ubwishingizi kuri twe, kuko tuzi yuko Kristo yaje, nkuko byavuzwe mbere n'abahanuzi. Ni ngombwa ko tugira ukwizera mu Mucunguzi wacu, waje kuri iyi agapfa akatubera igitambo, byagenze nkuko aba kera bizeraga Umucunguzi uzaza, byari bihagarariwe n'amaturo yabo n'ibitambo byabo." – *Ibimenyetso by'Ibihe,* kuwa 20 Gashyantare 1893.

## *Kuwa Gatanu* *23 Gashyantare*

**5. MBESE MURI IKI GIHE DUKENEYE AMATEGEKO Y'IMIHANGO?**

**a. Ni ukubera iki amategeko y'imihango tuyafite yanditse muri Bibiliya? 2Timoteyo 3:16.**

---

---

**b. Mbese muri iki gihe Yesu arakora iki mu ijuru? Abaheburayo 8:1 – 5; 3:1.**

---

**c. Mbese ni iki tugomba gukora niba iyi gahunda nshya iri gukoranwa imbaraga mu ijuru? Abaheburayo 4:14 – 16.**

---

---

"Kristo yifuzaga gusigira abigishwa Be itegeko kugirango abakorere icyo bari bakeneye cyane, bityo abagobotore imigenzo n'imihango byari byarimakajwe nk'aho ari ngombwa cyane, maze kwakira ubutumwa bwiza ntibibe bigifite imbaraga na nkeya. Gukomeza iyo migenzo byari ugutuka Yehova." – Ubusobanuro bwa Bibiliya, vol 5, p.1139,1140.

"Intumwa z'umusaraba zigomba gutwara intwaro yo kuba maso no gusenga kandi zikajya mbere zifite kwizera n'ubutwari, zikorera iteka mu izina rya Yesu. Zigomba kwerereza Kristo nk'umuvugizi w'umuntu mu buturo bwera bwo mu ijuru. Zikerereza Kristo uwo ibitambo byose byo mu Isezerano rya Kera byerekezagaho, kandi Uwo binyuze mu gitambo Cye cy'impongano, abishe amategeko y'Imana bashobora kubonera amahoro n'imbabazi." – *Ibyakozwe n'Intumwa,* p.230.

## *Kuwa Gatandatu* *24 Gashyantare*

## IBIBAZO BYO KUZIRIKANWA

**1. Ni gute tumenya ko Isabato y'umunsi wa Karindwi itari mu bishushanyo byo mu isezerano rya kera?**

**2. Mbese ni irihe tandukaniro ry'imiterere y'amategeko y'uburyo bubiri: ay'umwuka n'ay'imihango?**

**3. Kubera ko amatungo yapfuye ku bwinshi, mbese ni iyihe nyifato tubura iyo itungo ripfuye?**

**4. Mbese ni iki cyatumye bikomerera Abayuda bari batuye hafi y'urusengero gusobanukirwa ko gahunda y'imihango yarangiye?**

**5. Mbese uyu munsi twungukiye iki mu kwiga umurimo w'ubuturo bwera?**

## Amaturo y'Isabato ya Mbere Azagenerwa Urusengero rw'i Patankoti muri Iniyo y'Ubuhinde bw'Amajyaruguru




Patankoti ni umujyi wo muri leta ya Punjabu mu Buhinde. Mu Burengerazuba ihana imbibi na Pakisitani, kandi ni ihuriro ry'abagenzi bo mu ntara za Punjabu, Himashali Puradeshi, Jamu na Kashimiri.

Ubutumwa bw'ivugurura bwageze hano mu mwaka wa 2015, kandi abizera bacu bariyongera mu myaka yose. Binyuze mu gukwirakwiza ibyigisho bya Bibiliya by'ishuri ryo ku isabato, abantu benshi b'igiciro cyinshi bafite umwete wo gushaka ukuri kw'iki gihe.

Mu mwaka wa 2011, umujyi wa Patankoti wari ufite abaturage 159,909; muri bo abazi gusoma no kwandika ni purusa 88.71. Uyu mujyi ukikijwe n'igice cya Shivaliki (agace k'udusozi duto tw'Abahimalaya) n'umugezi wa Shaki. Ahantu hazwi cyane hegereye Patankoti ni Shahupuru hakaba hafite inzu ikurura abakererarugendo ndetse n'icyambu cya Ranjiti Sagari, kikaba aricyo gifite ubujyakuzimu bunini cyane muri Aziya. Inganda zikikije ako gace harimo nk'izikora ibyerekeranye n'amata, ingano, umuceri, imyenda, imashini zidoda imyenda, ibikoresho bya siporo, isukari, ibinyampeke, amafumbire, amagare, ibikoresho bya siyansi, ibikoresho by'umuriro w'amashanyarazi, ibikoresho by'imashini, n'amavuta ava mu giti cy'umosonobari.

Amadini ari muri Patankoti: Abahindu (88.89%); Abasiki (8.01%); n'Ubukristo (1.73%), hagakurikiraho Ubuyisilamu n'andi madini.

Kubwo kuba uyu mujyi uherereye mu dusozi duto twa Kangara na Daluhuziya, kandi umugezi wa Shaki ukaba utemba iruhande rwawo, uyu mujyi uhora ukoreshwa nk'ahantu ho kuruhukira mbere yo guterera imisozi ya Jamu na Kashimiri, Daluhuziya, Camba, Kangara, Daramashala, Mukelewodiganji, Jawulaji, Cintupurini, n'ahandi ho muri Himalaya. Abanyeshuri benshi mu byaro byo muri ibi bihugu by'ibituranyi baza kwiga i Patankoti.

Patankoti ihura n'utundi duce two mu Buhindi kubw'umuhanda w'igare ry'umwotsi ndetse n'umuhanda usanzwe kandi ibasha gukorana n'ibigo byigenga n'ibya leta bitwara abantu bityo abaho bakaba bashobora kugera mu mijyi ya Punjabu, Himashali Puradeshi, Delihi, Hariyana, Jamu, na Kashimiri. Ahantu h'ingirakamaro ni Dalihi, Manali Candigariha, Jamu, Daramushala, Dalihuziya na Amuritisari.

Bityo rero, nka Kaperinawumu mu gihe cya Yesu, Patankoti ni ihuriro ry'imihanda y'abagenzi, none mbega ukuntu hakeneye cyane ivugabutumwa! Nta mafaranga yacu bwite dufite yo kugura ikibanza maze ngo tuhubake urusengero, none rero dukeneye ubufasha bwa bene data na bashiki bacu ku isi yose, kugirango mwohereze amaturo mutanganye ubuntu yo kubakira Uwiteka urusengero i Patankoti, mu Buhinde. "Imana ikunda utanga anezerewe" (2Abakorinto 9:7), none kubw'ibi byiringiro turasaba Umwami wacu Yesu guha umugisha buri wese.

*Bene so na bashiki banyu bo mu itorero rya Patankoti*

# Nitwatūra

**Isomo ryo kuzirikanwa: "Ariko nitwatura ibyaha byacu, ni yo yo kwizerwa kandi ikiranukira kutubabarira ibyaha byacu no kutwezaho gukiranirwa kose." 1Yohana 1:9.**

"Ibyaha byanyu mubyatūrire Imana; ni yo yonyine ibasha kubababarira; kandi mwatūrirane ibicumuro mwagiriranye." – *Kugana Yesu*, p.37.

**Ibitabo byifashishijwe:** *Kugana Yesu, p.23 – 35, 37 – 41;*
*Ibihamya by'Itorero, vol 5, p.635 – 650.*

## *Kuwa Mbere* — *26 Gashyantare*

### 1. UBURYO BUMWE MU ISEZERANO RISHYA N'IRYA KERA

**a. Niba Imana idahinduka (Malaki 3:6; Abaheburayo 13:8), mbese ni iki dukwiriye gusobanukirwa cyerekeranye n'icyifuzo Cyayo ko agakiza kagera kuri buri wese uwo Yaremye? Zaburi 78:38; Ezekiyeli 18:32; 2Petero 3:9.**

---

"[Imana] ntishaka ko hagira n'umwe urimbuka, ahubwo ishaka ko abantu bihana… Inkota y'ubutabera yahuranyije Kristo kugirango abantu bashobore kubaturwa. Yarapfuye kugirango bashobore kubaho." – *Ubuntu bw'Imana Butangaje,* p.326.

**b. Mu kwegurira Imana urusengero rwubatswe na Salomo, mbese ni uwuhe murongo nyamukuru wo mu isezerano rya kera uvuga ubushake bw'Imana bwo kubabarira? 2Ngoma 7:12 – 14. Ni gute ibi byongera kwirangīra mu isezerano rishya? 1Yohana 1:9; 2:1.**

---

"Icyaha cyakozwe rwihishwa, umuntu akwiriye kucyaturira Kristo, niwe muhuza wenyine hagati yacu n'Imana… Buri cyaha cyacumuwe ku Mana gikwiriye kwaturirwa Imana binyuze muri Kristo. Icyaha cyakozwe ku mugaragaro gikwiriye kwaturirwa mu ruhame. Icyo wafudikiye mugenzi wawe, ukwiriye kucyikiranuraho n'uwo wakoshereje. Niba abantu bashaka ubuzima buzira umuze bakoze icyaha cyo kuvuga ikibi, niba barabibye intonganya mu rugo, mu baturanyi cyangwa se mu itorero, kandi bakaba barabyukije ibyiyumviro bipfuye n'amakimbirane, niba baragushije abandi mu cyaha kubw'imigirire mibi, ibyo bigomba kwaturwa bakabyihana imbere y'Imana n'imbere y'abo babikoreye." – *Ababwiriza b'Ubutumwa Bwiza,* p.216,217.

## 2. INTAMBWE YA MBERE YO KWAKIRA UKUBABARIRWA

**a. Niba umurimo w'Umwuka Wera ari ukwemeza umutima icyaha (Yohana 16:8), mbese dukwiriye guhita twihutira gusubiza iki? Zaburi 86:5.**

"Kwemezwa ibyaha bibera mu mutima no mu bwenge. Umunyabyaha yumva ko Yehova akiranuka, maze agafatwa n'ubwoba bwinshi kuzahagararan ibyaha bye no kudatungana kwe imbere y'Ugenzura imitima. Abona urukundo rw'Imana ruhebuje, n'ukwera guhebuje n'umunezero bizanwa no kwera, nibwo umuntu yifuza cyane gutunganywa no gusubira kugirana umushyikirano n'abo mu ijuru." – Kugana Yesu, p.24.

"Uko kwihana kuzanwa mu mutima n'ubuntu mvajuru, kuzatuma habaho kwatūra icyaha no kukireka. Izo ni zo mbuto intumwa yavuze ko zari zarabonetse mu mibereho y'abizera b'i Korinto." – *Ibyakozwe n'Intumwa,* p.324.

**b. Mu kwitegereza urugero rwo ku munsi wa Pentekote, mbese ni iki cyabaye umusaruro wo gukangurira umutimanama kugirango wemere icyaha? Ibyakozwe n'Intumwa 2:36,37.**

"Abigishwa ba mbere bateguriwe gusukirwa Umwuka Wera ku munsi wa Pentekote binyuze mu kwatūra icyaha no kukireka, mu gusengana umwete no kwiyegurira Imana. Umurimo nk'uwo ukwiriye gukorwa muri iki gihe ku rugero rurushijeho gukomera." – *Ibihamya ku Bagabura*, p.507.

**c. Ni gute dushobora gusobanura umusaruro wo kwemezwa icyaha werekeza ku guhinduka ko mu bugingo? Ibyakozwe n'intumwa 2:38.**

"Mbere y'uko [Abisirayeli] babona amahoro nyakuri, bagombaga kubanza kumenya no kwihana icyaha bakoze." – Abakurambere n'Abahanuzi, p.614.

"Kwatūra icyaha k'ukuri kuraromboreza, kukemera ibyaha nkuko biri, ntigukikira. Hariho ibyaha byabwirwa Imana gusa; hariho n'ibindi bikwiriye kubwirwa ababigiriwe. Niba ari ibyaha byakorewe ku mugaragaro, bikwiriye kwatūrirwa mu iteraniro ry'abantu. Nyamara kwatūra icyaha kose gukwiriye kwerura, ntigukikire, ikintu cyose kikavugwa nkuko kiri, icyaha cyose kikatūrwa mw'izina." – *Ibihamya by'Itorero,* vol 5, p.639.

## 3. URUGERO RWO KWIHANA KW'IKINYOMA

**a. Mbese Yuda yarihannye kuba yaragambaniye Kristo ku batambyi bakuru (Matayo 26:14 – 16, 47 – 49)? Niba aribyo ni kuki cyangwa niba atari byo ni ukubera iki? Matayo 27:3,4.**

---

"Yuda yikubise ku birenge bya Yesu, yemera ko ari Umwana w'Imana, kandi amusaba kwikiza. Umukiza ntabwo yacyashye uwamugambaniye. Yari azi neza ko Yuda aticujije; kwicuza kwe yagukomoye ku mutima wamuciraga urubanza kubera gutinya gucirwaho iteka, ariko ntiyigeze agira agahinda nyakuri ngo yumve ko yagambaniye Umwana w'Imana utagira inenge, kandi ko yihakanye Uwera wa Isirayeli. Nyamara Yesu nta jambo yamubwiye ryo kumuciraho iteka. Yarebanye Yuda impuhwe, aravuga ati, Iki gihe ni cyo cyanzanye ku isi." – *Uwifuzwa Ibihe Byose,* p.722.

"Iyo ibyaha bimaze kugusha umutimu ikinya, umuntu w'inkozi y'ibibi aba atakimenye ibigoramye byo mu ngeso ze, kandi ntamenye uko ibibi akora bingana. Iyo atemereye imbaraga y'Umwuka Wera ngo imwemeze, asigara arindagirira mu byaha bye. Kwatura icyaha kwe ntikuba kuvuye ku mutima. Icyaha yemeye cyose, acyongeraho icyo yikirisha. Icyo ahaniwe, akavuga ati "Nagitewe n'ibi n'ibi." – Kugana Yesu, p.40.

"Kubwo kwizera no gusenga, abantu bose bashobora kuzuza ibyangombwa ubutumwa bwiza busaba. Nta muntu ushobora guhatirwa gucumura. Mbere yuko gutwarwa n'irari biganza ubwenge no gutekereza, cyangwa gukiranirwa kukaganza umutimanama, umuntu ubwe agomba kubanza yabyiyemerera; umutima ugomba kugambirira gukora icyaha. Uko ikigeragezo cyaba gikomeye kose, ntabwo cyaba urwitwazo rwo gukora icyaha." – *Ibihamya by'Itorero,* vol 5, p.177.

**b. Sobanura niba uko ari ukwihana cyangwa niba atari ukwihana kwageza umuntu ku bugingo buhoraho. Matayo 27:5; 2Abakorinto 7:8 – 11.**

---

"Benshi barimo kwibeshya, maze bakinjira mu migambi Imana itabahaye gukora. Nyamara uburyo bumwe rukumbi burimo umutekano bakwiriye gukurikirana ni ukumvira Ijambo ry'Uwiteka. Mu cyimbo cyo gukora ibi, benshi bagambirira gukora ibitangaza. Babona byoroshye guteganyiriza ahazaza ibintu bikomeye kuruta ko bakwitandukanya n'inarijye, bakegurira Imana umutima, intekerezo n'ubushake kandi bakiyegurira kubonezwa n'iyo mbaraga ishobora kurema cyangwa kurimbura. Nimutyo abasore basuzume imigambi yabo kubwo gusenga no kurondora mu Byanditswe, maze barebe niba ubushake bwabo bwite n'ibyifuzo bya kamere bitabakura mu nzira y'ibyo Imana isaba." – *Youth Instructor,* March 23, 1893.

## 4. URUGERO RWO KWIHANA NYAKURI (ZABURI 51)

**a. Mbese bigenda bite iyo tutemeye ibyaha byacu imbere y'Imana maze mu cyimbo cyo kubyatura tukabiceceka? Zaburi 32:3,4.**

---

**b. Ubwo umuhanuzi Natani yari amaze guhishura icyaha cya Dawidi (2Samweli 12:1 – 12), mbese umwami yabyakiriye ate? 2Samweli 12:13.**

---

"Umutima wa Dawidi washenguwe n'ayo magambo amucyaha yabwiwe n'umuhanuzi; icyaha cye cyagaragaye cyose uko cyakabaye. Umutima we wicishije bugufi mu kwihana imbere y'Uwiteka." – *Abakurambere n'Abahanuzi*, p.722.

"Kwihana kwa Dawidi kwari kuboneye kandi kwimbitse [kuvuye ku mutima]. Nta muhati yashyize mu guhisha icyaha cye. Ntabwo icyifuzo cyo guhunga ibihano yari yabwiwe ari cyo cyamuteye gusenga. Ahubwo yabonye uburemere bw'icyaha yakoreye Imana; yabonye uburyo ubugingo bwe bwari bwanduye maze azinukwa icyaha cye. Ntiyasengeye kubabarirwa gusa, ahubwo yanasabiye ko umutima we wezwa. Ntabwo Dawidi yigeze areka urugamba kubwo kwiheba. Mu masezerano Imana yasezeraniye abanyabyaha bihana, yabonyemo igihamya cy'uko yababariwe n'uko yemewe." – Ibid, p.725.

**c. Mbese ni gute ibi byongeye kugaragarira mu mutima wa Simoni w'i Betaniya? Luka 7:40 – 48. Mbese ni iyihe nzira rukumbi y'amahoro n'ubwiyunge ishobora kugerwaho? Zaburi 32:5; Yeremiya 3:13; 1Yohana 1:9.**

---

"Nk'uko Natani yabigenje kuri Dawidi, Kristo yanyujije mu mugani ibyo yashakaga kubwira Simoni. Yesu yahaye Simoni uburyo bwo kwicira urubanza. Simoni yari yaragushije mu cyaha uwo mugore yasuzuguraga. Yari yarariganyije Mariya mu buryo bukomeye. Simoni na Mariya bashushanyaga abantu babiri barimo umwenda bavugwa mu mugani. Ntabwo Kristo yari agendereye kwigisha ko hari itandukaniro ryari mu mwenda abo babiri bari bafite, kuko bombi bari bafite umwenda wo gushimira ineza bagiriwe batashoboraga kubona icyo bishyura. Nyamara Simoni we yumvaga ko ari umukiranutsi kurusha Mariya, maze Yesu yifuza kumwereka mu by'ukuri uko icyaha cye cyari gikomeye. Yashatse kumwereka ko icyaha cye cyarutaga cyane icya Mariya, nk'uko umwenda w'idenariyo magana atanu uruta cyane uwa mirongo itanu.

"Noneho Simoni yatangiye kubona uko ateye mu mucyo mushya... Simoni yakozwe n'ikimwaro, abona ko yari ahagaze imbere y'Ufite icyubahiro kumurusha….

"Simoni yakozwe ku mutima n'ineza ya Yesu yatumye atamucyahira mu ruhame imbere y'abashyitsi… Kumugira inama amwihanganira byatumye yemera ikosa rye. Yasobanukiwe n'ubunini bw'umwenda yari afitiye Umwami we. Ubwibone bwe bwacishijwe bugufi, arihana, maze uwari Umufarisayo wirata ahinduka umwigishwa ucishije make kandi witanga." – *Uwifuzwa Ibihe Byose*, p.566 – 568.

## *Kuwa Gatanu* *02 Werurwe*

### 5. IMPANO YO KUBABARIRWA

**a. Niba turi mu banyabyaha basayishije, ni gute dushobora kugira agahinda nyakuri k'ibyaha byacu? Ibyakozwe n'Intumwa 5:30,31; Yesaya 55:6,7; Abaheburayo 4:16.**

---

"Kwihana nk'ukwo, twebwe ubwacu ntitwabasha kugusohoza mu mbaraga zacu, kubonerwa muri Yesu gusa wazamuwe mu ijuru, agaha abantu iyo mpano." – *Kugana Yesu,* p.25.

"Nimuramuka mumenye ibyaha byanyu, ntimugategereze ko mubanza kwigira beza biruseho. Benshi bibwira ko atari beza bihagije ku buryo basanga Kristo. Mbese mwiteze kuba beza binyuze mu mihati yanyu bwite? "Mbese Umunyetiyopiya yabasha guhindura ibara ry'umubiri we, cyangwa ingwe ubugondo bwayo? Namwe ni uko ntimwabasha gukora ibyiza, kandi mwaramenyereye gukora ibibi." Yeremia 13:23. Nta wundi ubasha kudufasha keretse Imana yonyine gusa. Ntidukwiriye kurindira ikindi gihe, ntidukwiriye kuganyiriza ngo twemezwe kurutaho, cyangwa ngo turindire uburyo buruta ubwo twabonye, cyangwa ingeso ziboneye ziruta izo dufite. Ubwacu ntacyo twabasha kwimarira. Dukwiriye gusanga Kristo uko turi." – Ibid, p.31.

**b. Ni gute dushobora gutegereza uyu murimo w'Imana ukadukorerwa kandi ugakorera muri twe? Abaheburayo 12:12; Abafilipi 1:6.**

---

"Kwihana no kubabarirwa ni impano duhabwa n'Imana binyuze muri Kristo. Imbaraga y'Umwuka Wera ni yo itwemeza icyaha, maze tukiyumvamo ko dukeneye kubabarirwa. Nta muntu n'umwe ubabarirwa ibyaha adafite umutima umenetse; ariko ubuntu bw'Imana nibwo butera umuntu kwihana. Imana izi intege nke zacu zose n'ibyo tutakwishoboza byose kandi izadufasha." – *Ubutumwa Bwatoranyijwe,* vol 1, p.353.

**c. Mbese ni iki kizaba umusaruro w'uku kwihana nyakuri? Abaroma 8:1.**

## *Kuwa Gatandatu* *03 Werurwe*

### IBIBAZO BYO KUZIRIKANWA

1. **Mbese twebwe ubwacu ni iki dushobora kwigira ku isengesho rya Salomo mu kwegurira Imana urusengero?**
2. **Ni izihe ntambwe dukwiriye gutera tumaramaje niba dushaka kuba mu murimo w'Imana uheruka dushorewe n'imbaraga y'Imvura y'Itumba?**
3. **Ni ukubera iki hakenewe kwaturira Imana ibyaha byacu? Ni gute mu by'ukuri dufite inshingano [muri uku kwiganza] kw'ikorwa ry'ibyaha?**
4. **Ni gute dukeneye kwitonda mu kwereka abantu ko bacumuye?**
5. **Ni gute byashobokera umunyabyaha kwihana?**

# "Ubereshe Ukuri"

**Isomo ryo kuzirikanwa: "Ariko inzira y'umukiranutsi ni nk'umuseke utambitse, Ugakomeza gukura ukageza ku manywa y'ihangu." Imigani 4:18.**

"Iyo twiyeguriye Imana burundu kandi tukizera tumaramaje, amaraso ya Kristo atwezaho ibyaha byose. Umutimanama ushobora kubaturwa ku gucirwaho iteka. Binyuze mu kwizera amaraso Ye, abantu bose bashobora gutunganyirizwa muri Kristo Yesu. Dushimire Imana ko ibyo tugambiriye atari ibidashoboka. Dushobora gusaba kwezwa. Dushobora kwishimira ineza Imana itugirira. Ntabwo tugomba guhangayikishwa n'ibyo Kristo n'Imana badutekerezaho, ahubwo ibyo Imana itekereza kuri Kristo, Umwishingizi wacu." – *Ubutumwa Bwatoranyijwe,* vol 2, p.32,33.

**Ibitabo byifashishijwe:** *Ibyakozwe n'Intumwa,* p.557 – 567.

## *Kuwa Mbere* *05 Werurwe*

1. **GUTSINDISHIRIZWA**

a. **Iyo twihannye by'ukuri ibyaha byacu kandi tukegurira Yesu ubugingo bwacu, haba mu ntangiriro z'imibereho yacu ya gikristo cyangwa se kuri buri ntambwe y'urugendo; mbese ni iki duhabwa giturutse ku Mana? Abaroma 3:24 – 26.**

---

"Byashobokeraga Adamu, mbere yo kugwa mu cyaha, gutungisha imico ye ikiranuka kumvira amategeko y'Imana. Ariko kuko yananiwe kugenza atyo; byatumye tugerwaho n'icyaha cye, gikoma mu nkokora ingeso zacu, bituma tudashobora kumvira amategeko yera mu buryo butunganye. Kuko turi abanyabyaha, tukaba twanduye, ntidushobora kumvira amategeko mu buryo butunganye. Nta gukiranuka kwacu dufite kwatuma dushyikira urugero rwo kumvira ibyo amategeko y'Imana asaba. Ariko Kristo yaduciriye icyanzu cyo gukira. Yabaye mu isi, arageragezwa nka twe. Yabayeho imibereho izira icyaha. Yaradupfiriye, none ubu yemera gutwara ibyaha byacu, no kuduha gukiranuka Kwe. Wowe numwiyegurira, maze ukemera ko akubera Umukiza, azaguhindura umukiranutsi, n'aho waba waragize kubaho kwandujwe n'ibyaha byinshi. Imico ya Kristo ibarwa mu kigwi cy'imico yawe, maze imbere y'Imana ukemerwa nk'aho utigeze ukora icyaha." – *Kugana Yesu*, p.62.

b. **Mbese uru rugendo ruzamara igihe kingana iki? Imigani 4:18; Mariko 13:13.**

---

## 2. GUKORESHA NEZA UBUNTU BWA GIKRISTO

**a. Uretse gutsindishirizwa no kubabarirwa, mbese ni ikihe kindi Imana ishaka kuduha? 2Abakorinto 7:1; Abaheburayo 6:1; Abafilipi 3:12 – 14.**

---

"Uku guhinduka kw'imico nk'uko kugaragara mu mibereho ya Yohana ni ingaruka yo gushyikirana na Kristo. Hashobora kuboneka inenge zikomeye mu mico y'umuntu, ariko iyo ahindutse umwigishwa nyakuri wa Kristo, imbaraga y'ubuntu mvajuru iramuhindura kandi ikamweza. Mu kwitegereza ubwiza bw'Uwiteka nk'uwitegereza mu kirahuri, agenda ahinduka ava mu bwiza ajya mu bundi kugeza igihe ahinduka nk'Uwo aramya." – *Ibyakozwe n'Intumwa*, p.559.

"Ahatari ubuntu bwa Kristo, umunyabyaha nta byiringiro aba afite; ntacyo ashobora gukorerwa; ariko ku bw'ubuntu bw'Imana, ahabwa imbaraga y'indengakamere igakorera mu bitekerezo, mu mutima no mu mico. Iyo umuntu yakiriye ubuntu bwa Kristo bituma abona icyaha muri kamere yacyo mbi, hanyuma kikirukanwa mu mutima we." – *Ubutumwa Bwatoranyijwe,* vol 1, p.366.

"Uretse ubushobozi bw'Imana, nta kintu na kimwe gishobora kongera kurema bundi bushya umutima w'umuntu no kuwuzuzamo urukundo akunda Kristo, ruzakomeza kwigaragariza mu rukundo akunda abo Kristo yapfiriye. Imbuto y'Umwuka ni urukundo, ibyishimo, amahoro, kwihangana, kugira neza, kwizera, ubugwaneza no kwirinda. Igihe umuntu ahindukiriye Imana, ahabwa imibereho mishya, imbaraga nshya, kandi agakunda ibyo Imana ikunda; kuko imibereho ye igoswe n'umurunga w'izahabu w'amasezerano adahinduka y'imibereho ya Yesu. Urukundo, ibyishimo, amahoro n'ishimwe ritarondoreka biziganza mu mutima w'umuntu, kandi imvugo y'uwo muntu izaba iyi ngo: "Ubugwaneza bwawe bwanteye ikuzo." (Zaburi 18:35) – Ibid, p.336.

**b. Mbese ni izihe ntambwe zimwe na zimwe dukeneye gutera mu nzira igana mu bwami bw'ijuru, dukoresha neza ubuntu bwa gikristo? 2Petero 1:5 – 11.**

---

"Kristo ni urwego ruhuza ijuru n'isi. Rushinze hasi ku isi ubutajegajega mu bumuntu Bwe, rukageza umutwe ku ntebe y'ubwami y'Imana mu bumana Bwe. Ubumuntu bwa Kristo bukubiyemo inyokomuntu yaguye mu cyaha, mu gihe ubumana Bwe yabwiyambuye akabusiga ku ntebe y'ubwami y'Imana. Dukizwa kubwo guhanga amaso Kristo tukazamuka urwego tuva ku ngazi imwe tujya ku yindi, tukaguma kuri Yesu, tukazamuka intambwe ku ntambwe ku gihagararo cya Kristo, kugirango [Kristo] areme muri twe ubwenge, gukiranuka, kwezwa no gucungurwa." – *Ibihamya by'Itorero,* vol 6, p.147.

## 3. IMBARAGA MU IJAMBO RY'IMANA

**a. Ni gute Imana imurikira intekerezo zacu kugirango gukura kwa gikristo gushobore kujya mbere gushikamye? 2Abakorinto 4:4 – 6; Zaburi 119:105; Abalewi 20:7,8.**

---

---

"Igihe ubushake bw'umuntu bukoranye n'ubushake bw'Imana, ubushake bw'umuntu bugira ubushobozi bwose. Ikintu icyo aricyo cyose gikozwe ku itegeko ry'Imana gishobora kurangira mu mbaraga Zayo. Amategeko Yayo yose arashoboza." – Imigani ya Kristo, p.333.

"Ukubonera kw'imico gushingiye kucyo Kristo aricyo kuri twe. Niba duhora twishingikirije ku buntu bw'Umukiza wacu kandi tukagera ikirenge mu Cye, tuzasa na We; tubonere tutanduye.

"Nta muntu Umukiza wacu asaba ibidashoboka. Ntacyo aba ategereje ku bigishwa Be ku buryo yaba adashaka kubaha ubuntu n'imbaraga byo gukoresha. Ntaba yarabahamagariye kubonera iyo ataza kugira mu itegeko Rye ubutungane bwose bw'ubuntu bwo gusukira abo yahaye amahirwe ahanitse kandi yera. Aduhamiriza ko ashaka guha Umwuka Wera abawumusabye kuruta uko ababyeyi bashaka guha abana babo impano nziza." – *Kugirango Mumenye,* p.130.

**b. Mbese uku gukura kwa gikristo mu kuri binyuze mu mbaraga y'Ijambo ry'Imana, tubyita iki? Yohana 1:14; 17:17.**

---

---

---

"Iyo ukuri guhindutse ihame rituye mu bugingo, umuntu aba "abyawe ubwa kabiri, atabyawe n'imbuto ibora, ahubwo abyawe n'imbuto itabora, abiheshejwe n'Ijambo ry'Imana rizima rihoraho." (1Petero 1 :23). Uku kuvuka bundi bushya ni ingaruka yo kwakira Kristo – Jambo w'Imana. Iyo ukuri kw'Imana kwinjiye mu mutima kubw'Umwuka Wera, ibitekerezo bishya birakanguka, imbaraga zisanzwe zisinziriye zikabyukirizwa gukorana n'Imana." – *Ibyakozwe n'Intumwa,* p.520.

"Kwezwa kw'Itorero ni umugambi w'Imana mu byo igirira abantu Bayo byose. Yabatoranyije kuva kera kugira ngo babe abera. Yatanze Umwana wayo ngo abapfire kugira ngo batunganywe binyuze mu kumvira ukuri, bakurweho ingeso mbi zose z'inarijye. Imana ibashakaho ko buri wese yayikorera kandi akayiyegurira ku giti cye. Imana ishobora kubahishwa n'abavuga ko bayizera igihe gusa bagaragaza ishusho yayo kandi bakagengwa n'Umwuka Wayo. Bityo, nk'abahamya b'Umukiza, bashobora kwerekana icyo ubuntu mvajuru bwababakoreye." – Ibid, p.559.

## 4. ABAVUGA IBINYOMA

**a. Iyo dutekereje ku bantu b'Imana bera bo mu bihe bya Bibiliya, mbese ni iki dukwiriye gusobanukirwa cyerekeye ivugwa ry'insinzi iheruka? 1Yohana 1:8,10; Abaroma 7:18; Abagalatiya 6:14.**

---

"Icyubahiro cyahawe Daniyeli cyabyukije ishyari ry'abatware bo muri ubwo bwami. Abayobozi n'abategetsi bashakishije impamvu yose baheraho ngo bamurege. "Ariko bamuburaho impamvu cyangwa igicumuro kuko yari umwiringirwa, ntabonekweho n'amafuti cyangwa igicumuro." (Daniyeli 6:4).

"Mbega isomo tubona aha rireba Abakristo bose! Amaso yuzuye ishyari yose yari ahanzwe kuri Daniyeli umunsi ku wundi; bamuhanze amaso yuzuye urwango; nyamara nta na kimwe mu magambo ye cyangwa ibikorwa bye babashaga kwerekana nk'ikosa. Kandi ntiyigeze yirata ko ari uwera, ahubwo yakoze ikiruseho kuba cyiza — yabayeho imibereho ikiranuka kandi yiyeguriye Imana." – *Imibereho Yejejwe,* p.42.

"Kwera twihangiye kutuyobora inzira idukura kuri Bibiliya. Idini iba iy'ibihimbano. Uko abantu biyumva n'amarangamutima yabo nibyo bashyira hejuru bakabigira icyitegererezo. Mu ghe bavuga ko nta cyaha bafite, maze bakirata gukiranuka kwabo, abavuga ko bejejwe bigisha ko abantu bafite umudendezo wo gucumura amategeko y'Imana kandi ko abumvira amabwiriza yayo baguye bakava mu buntu. Kugaragaza ibyo amategeko y'Imana asaba, bibyutsa ukuyarwanya kwabo, bigakangura uburakari bwabo n'agasuzuguro kabo. Ubwo nibwo imico yabo igaragazwa, kuko 'umutima wa kamere ari umwanzi w'Imana, kuko utumvira amategeko y'Imana, ndetse ntushobora kuyumvira.' (Abaroma 8:7)." – *Kwizera n'Imirimo,* p.53.

**b. Mbese kwizera ko hakenewe ukwezwa bisobanuye ko tugomba kwakira agakiza kacu? Yohana 14:15; 1Yohana 3:5,6.**

---

"Gukiranuka gushinze imizi yako mu kubaha Imana. Umuntu ntiyaba umukiranutsi adafite kwizera mu Mana kandi ngo agirane nayo umushyikirano muzima. Nkuko ururabyo rwo mu murima rushinga imizi yarwo mu butaka, rukaba rugomba kwakira umwuka, ikime, ibitonyanga, n'umucyo w'izuba; niko natwe dukwiriye gukura ku Mana ibidutungira ubugingo bw'umutima. Biboneka gusa binyuze mu kuba abasangiye n'Imana kamere nibwo twakira imbaraga yo kumvira amategeko Yayo. Nta muntu, yaba uwo ku rwego rwo hejuru cyangwa urwo hasi, yaba afite ubunararibonye cyangwa atabufite, ushobora kugumana ukubonera n'imibereho ifite imbaraga imbere ya bagenzi be, niba ubugingo bwe budahishanywe na Kristo mu Mana. Uko umurimo urushaho gukomera mu bantu, niko umutima ugomba kurushaho gusabana n'Imana." – *Ibihamya by'Itorero,* vol 7, p.194.

# *Kuwa Gatanu* **_09 Werurwe_**

## 5. MBESE NI IKI CYEREKEYE UKWEZWA?

**a. Mbese ukwezwa no gukuza imico mu mukristo, aho byaba byitabwaho n'umuntu bigaragayeho? Mariko 4:26 – 29. Mbese bimeze bite ku bandi?**

---

"Ubuhamya bukomoka ku mibereho itunganye ni ikibwirizwa kirusha ibindi gukora ku mutima gishobora kubwirizwa kigashyigikira Ubukristo. Ingingo zavugwa nubwo zaba zitavuguruzwa, icyo zishobora kuzana ni impaka gusa; nyamara urugero rwiza rufite imbaraga idashobora kurwanywa." – *Ibyakozwe n'Intumwa,* p.511.

**b. Mbese ni iki kigaragaza ko uku gukura gukomeza kubaho kandi ko tudashobora kureka kunyurwa n'iterambere ryacu n'ibyo twagezeho? 1Abakorinto 15:31; Matayo 10:22; Abafilipi 3:12 – 16.**

---

"Uwiteka yifuza ko abahungu n'abakobwa Be bose, banezerwa bakaba amahoro kandi bakumvira… Binyuze mu kwizera, buri kintu cyose kibura mu mico gishobora gutangwa, buri nenge yose ikezwa, buri kosa rigakosorwa kandi buri mikorere myiza igatezwa imbere." – *Ibyakozwe n'Intumwa*, p.564.

"Kwezwa ntabwo ari umurimo w'agahe gato, isaha cyangwa umunsi umwe, ahubwo ni ukw'igihe cyose cy'ubuzima. Ntikuboneshwa gutwarwa kubera ibyo wiyumvamo, ahubwo ni ingaruka yo gupfa ku cyaha buri gihe no guhora umuntu abaho kubwa Kristo. Imihati yacu y'intege nke kandi ya hato na hato ntishobora gukosora amakosa cyangwa ngo itere ivugururwa ry'imico. Dushobora gutsinda gusa kubw'umuhati w'igihe kirekire no kwihangana, imyitwarire idakebakeba no kurwana intambara itoroshye. Uyu munsi ntabwo tuzi uko urugamba ruzaba rudukomereye ejo. Igihe cyose Satani azaba akiriho, tuzaba dufite inarijye tugomba gutsinda n'ibyaha bitwibasira tugomba gutsinda. Kugeza ku iherezo ry'ubuzima, ntihazigera habaho ahantu ho guhagarara, nta n'aho tuzashobora kugera ngo tuvuge duti: "Ngeze aho ngomba kugera." Kwezwa ni ingaruka yo kumvira mu buzima bwose." – Ibid, p.560,561.

# *Kuwa Gatandatu* **_10 Werurwe_**

## IBIBAZO BYO KUZIRIKANWA

1. **Ni gute Imana iduhendahenda ku byerekeye buri gahe kose ko gutsindishirizwa?**
2. **Ni gute Imana igaragaza ko icyo itwifuzaho kirenze ukubabarirwa?**
3. **Mbese ni irihe banga ryo guhinduka?**
4. **Mbese kwezwa kw'ikinyoma kudukura mu yihe nzira?**
5. **Ni gute twamenya ukwezwa gufite impagarike yose y'imibereho ihora ikura?**

# Isezerano rya Kera

**Isomo ryo kuzirikanwa: "Dore iminsi igiye kuza, ni ko Uwiteka avuga, Ubwo nzasezerana isezerano rishya N'inzu ya Isirayeli n'inzu ya Yuda." Abaheburayo 8:8.**

"Imana yabonye uko byari bigiye kugenda mu ngando. Nubwo ubwiza bw'Imana bwari bukiri kuri Sinayi, Imana yabonye ko abantu batsinzwe n'ibigeragezo bya Satani, kandi bagambaniye amategeko bari basezeranye kumvira." – *The Youth's Instructor,* November 21, 1901.

**Ibitabo byifashishijwe:** *Abakurambere n'Abahanuzi,* p.370 – 373.

## *Kuwa Mbere* *12 Werurwe*

### 1. UBUBATA BUTERA URUJIJO INTEKEREZO Z'ABANTU

**a. Mbese ni iyihe mibereho yaranze Abisirayeli mu myaka myinshi, kandi ni gute byagiraga ingaruka ku kuntu bari bazi Imana n'amategeko Yayo? Kuva 20:1,2; Gutegeka kwa Kabiri 5:15.**

---

"Mu buretwa babayemo, abantu bari baribagiwe Imana ndetse n'amahame y'isezerano ryahawe Aburahamu ku rwego rukomeye. Ubwo Imana yabacunguraga ibakuye muri Egiputa, yashakaga kubereka ububasha n'imbabazi Byayo, kugira ngo babashe kuyikunda no kuyiringira. Yarabamanuye ibageza ku nyanja Itukura; aho byasaga ko bidashoboka ko bahacikira Abanyegiputa bari babakurikiye kugira ngo babashe kubona ko ntacyo bishoboreye, bityo babone uko bakeneye ubufasha bw'Imana. Icyakurikiyeho ni uko yabarokoye. Buzuwe n'urukundo bakunda Imana kandi barayishima ndetse bagirira icyizere imbaraga Yayo ibafasha. Yabihambiriyeho nk'umucunguzi wabo wari ubakuye mu buretwa bw'igihe gito.

"Ariko hari hakiri ukuri gukomeye kwagombaga gucengezwa mu ntekerezo zabo. Kubera kuba hagati y'abasenga ibigirwamana kandi basayishije mu bibi, Abisirayeli ntibari bazi neza ubutungane bw'Imana, ntibari bazi uburyo imitima yabo yari yarasabwe n'ibyaha birenze ndetse ntibari bazi ko muri bo ubwabo badashobora kumvira amategeko y'Imana, kandi ntibari banasobanukiwe uko bakeneye Umukiza. Bagombaga kwigishwa ibi byose." – *Abakurambere n'Abahanuzi,* p.371.

**b. Mbese ni hehe Imana yabajyanye kugirango bashobore gusobanukirwa ubutungane n'ukwera kw'amategeko Yayo? Kuva 19:1,5,6.**

---

## 2. UBUBI BUKOMEYE BW'ICYAHA

**a. Ni gute Abisirayeli bakiriye amasezerano y'umugisha ubwo bari bamaze gusobanukirwa amategeko igihe yavugwaga n'Imana? Kuva 19:8; 24:3.**

---

"Abantu ntibamenye uko imitima yabo yasabwe n'ibyaha kandi ko badafite Kristo batashobora gukurikiza amategeko y'Imana; bityo bahita bagirana isezerano n'Imana. Biyumvagamo ko bashobora gushyiraho gukiranuka kwabo bwite maze baravuga bati: "Ibyo Uwiteka yavuze byose tuzabikora kandi tuzamwumvira." (Kuva 24:7). Bari bariboneye amategeko atangwa; Imana igaragaza ubutware Bwayo mu buryo buteye ubwoba, ndetse bari barahindiye umushyitsi imbere y'umusozi wa Sinayi. Nyamara hashize ibyumweru bike gusa bahise bica isezerano bagiranye n'Imana, maze barunama basenga igishushanyo kiyagijwe. Ntibashoboraga kwiringira ko Imana izabagirira ineza binyuze kuri rya sezerano bari bishe; none ubu ubwo babonaga ubunyacyaha bwabo ndetse n'uko bakeneye imbabazi, byatumye bumva ko bakeneye Umukiza wagaragarijwe mu isezerano ryahawe Aburahamu kandi agashushanywa n'ibitambo byatambwaga. Noneho kubwo kwizera n'urukundo bifatanyije n'Imana yo mucunguzi wabo ubakura mu bubata bw'icyaha. Noneho bari biteguye guha agaciro imigisha y'Isezerano rishya." – *Abakurambere n'Abahanuzi,* p.371,372.

**b. Mbese ni ayahe magambo y'iri sezerano? Gutegeka kwa Kabiri 27:26; Ezekiyeli 20:11; Abalewi 18:5.**

---

**c. Mu buryo buhwanye n'imiterere ya kamere yacu, mbese ni iki Abisirayeli bananiwe gusobanukirwa? Yeremiya 17:9; Yesaya 1:5,6; 64:6.**

---

"Yosuwa yaravuze ati: "Ku bwanyu ntimubasha gukorera Uwiteka kuko ari Imana yera;… ntiyemere kubabarira ibicumuro byanyu n'ibyaha byanyu." Mbere yuko hakorwa ubugorozi buhoraho, abantu bagombaga kubanza kumenya neza ko ubwabo batakwishoboza kumvira Imana. Bari barishe amategeko Yayo, yabaciragaho iteka nk'abanyabyaha, kandi nta makiriro amategeko yabateganyirizaga. Igihe cyose babaga biringiye imbaraga zabo no gukiranuka kwabo bwite, ntibyajyaga kubashobokera ko babona imbabazi z'ibyaha byabo. Ntibashoboraga gutunganya ibisabwa n'amategeko atunganye y'Imana; bityo rero kwiririwa barahira ubwabo ko bazakorera Imana ntacyo byari bimaze. Keretse gusa kubwo kwizera Yesu Kristo, ni ho bashoboraga kubabarirwa ibyaha byabo kandi bagahabwa imbaraga zo kumvira amategeko y'Imana. Niba barashakaga kwemerwa n'Imana, bagombaga kureka kwishingikiriza ku mbaraga zabo ngo bibe byabahesha agakiza, bagombaga kwiringira rwose ibyo Umukiza wasezeranywe yakoze." Ibid, p.529.

## 3. KURANGIZA ISEZERANO

**a. Mose arangije gusoma amategeko n'ibyangombwa byayo byose bihesha umugisha n'umuvumo, ni gute Abisirayeli bashimangiraga uko babyakiriye? Kuva 24:7.**

---

---

"Imitima y'abantu yari yarahumishijwe kandi igahenebezwa n'uburetwa, ntabwo yari yiteguye kwakirana ubwuzu amahame yagutse yo mu mategeko icumi y'Imana. Kugira ngo ibyo amategeko icumi asaba bibashe kumvikana neza kandi bishimangirwe, hatanzwe andi mabwiriza y'inyongera, arushaho gusobanura no kumvikanisha amahame y'amategeko cumi. Mu buryo butandukanye n'amategeko cumi, ayo mateka yahawe Mose atari mu ruhame, bityo nawe yagombaga kuyamenyesha abantu." – Amahameshingiro y'Uburezi bwa Gikristo, p.506.

"Mose ntiyanditse amategeko icumi, ahubwo yanditse amateka Imana yari yarababwiye ko bagomba kwitondera, n'amasezerano y'ikigombero kugirango bumvire Imana. Ibi yabisomeye abantu, maze barahirira ubwabo kumvira amagambo yose Uwiteka yavuze. Mose yanditse mu gitabo indahiro yabo ikomeye. Nuko atambira abantu igitambo ku Mana. 'Yenda igitabo cy'isezerano agisomera abantu, baramubwira bati "Ibyo Uwiteka yavuze byose tuzabikora, kandi tuzamwumvira' (Kuva 24:7). Abantu basubiyemo indahiro ikomeye barahiriye Uwiteka yo gukora ibyo Yavuze byose no kubyumvira." – *Mwuka w'Ubuhanuzi,* vol 1, p.240.

**b. Mbese ni iki cyahise gikorwa mu kugaragaza uburyo ayo masezerano yari akomeye? Kuva 24:6,8.**

---

---

---

"Abantu basezeranye indahiro ikomeye yo gukora ibyo Uwiteka yavuze byose, no kumwumvira." – *Ibimenyetso by'Ibihe,* kuwa 06 Gicurasi 1880.

"Aha niho abantu baherewe ibyangombwa by'isezerano. Bagiranye n'Imana isezerano rikomeye, rishushanya isezerano Imana igirana na buri mwizera muri Yesu Kristo. Ibisabwa byashyizwe imbere y'abantu mu buryo bweruye. Ntibarekewe mu kutabimenya. Igihe basabwaga guhamya niba bemeye ibisabwa byose, basubizanyije icyizere ko bemeye kumvira buri nshingano. Bari bamaze kwemera kumvira amategeko y'Imana. Amahame y'amategeko ubu yari yagizwe umwihariko, kugirango bashobore kumenya ingano y'ibikubiye mu gusezerana kumvira amategeko; kandi bemeye ubusobanuro bw'umwihariko bw'amategeko." – *Manuscript Releases,* vol 1, p.114.

## 4. IGISEKURU CYAZIMIYE

**a. Mbese byagendekeye gute benshi mu ishyanga rya Isirayeli kuko bananiwe gusobanukirwa uburyo batari bashoboye kwikiza no gukomeza amategeko mu buryo butunganye badafashijwe n'Imana? Kubara 26:63 – 65.**

---

"Ikintu cyose twebwe ubwacu dushobora gukora gihindanywa n'icyaha" – *Imigani ya Kristo,* p.311.

"Nikodemo yari yarumvise kubwiriza kwa Yohana Umubatiza yigisha ibyo kwihana no kubatizwa, kandi yerekeza abantu ku Uzaza abatirisha Umwuka Wera. We ubwe yumvaga ko hari intege nke mu by'umwuka mu Bayuda, kuko ahanini, bayoborwaga n'inarijye no kurarikira iby'isi. Yiringiraga ko kuza kwa Mesiya hari icyo bizahinduraho. Nyamara ubutumwa burondora imitima bw'Umubatiza bwari bwarananiwe gukora muri we ngo bumwemeze icyaha. Yari Umufarisayo udakebakeba, kandi ishema rye yarishingikirizaga ku mirimo ye myiza. Yubahirwaga cyane ubuntu agira no gutanga ibishyigikira imirimo yo mu rusengero, kandi yumvaga bimuhesha gushimwa n'Imana. Yatangajwe n'igitekerezo cy'Ubwami butunganye atabasha kubona akimeze uko ari." – *Uwifuzwa Ibihe Byose,* p.171.

**b. Mbese muri iri sezerano rya kera, ikibazo cyabaye Imana cyangwa cyabaye abantu? Abaheburayo 8:8.**

---

" 'Ubukristo bwa kamere!' Iki gitekerezo kiyobya, abenshi cyababereye nk'umwambaro wo gukiranuka bihangiye, kandi cyayoboye benshi ku kugira muri Kristo ibyiringiro bidafashije, ntibazi Kristo, ntibazi imibereho Ye, ibigeragezo Bye, imibereho Ye yo kwigomwa no kwitanga. Gukiranuka kwabo babara ko ari kwinshi ni ubushwambagara bufite ibizinga gusa. Umwigisha w'igikundiro, Kristo, aravuga ati 'Umuntu nashaka kunkurikira yiyange, yikorere umusaraba we ankurikire'. Yego, nimukurikire Yesu kabone nubwo byaba ari mu gihe cyiza n'ikibi. Mumukurikire mu kugirana ubucuti n'abakene bari hanyuma y'abandi n'abatagira inshuti." – *Ibihamya by'Itorero,* vol 2, p.177,178.

"Mbese ni iki kigize ubutindi no kwambara ubusa by'abumva ari abakire batunze kandi batunganiwe? Ni ubukene bwo gukiranuka kwa Kristo. Gukiranuka kwabo bwite kumeze nk'ubushwambagara bufite ibizinga, nyamara mu kumera gutyo bishuka ubwabo yuko bambaye gukiranuka kwa Kristo. Mbese igishuko cyashoboraga gukomera biruseho? Nkuko byagaragajwe n'umuhanuzi, bashobora kurangurura bati: 'Urusengero rw'Uwiteka, urusengero rw'Uwiteka, urusengero rw'Uwiteka nguru' (Yeremiya 7:4), nyamara baguranye iby'agaciro maze imitima yabo bayuzuza ibyanduye n'ibyo gukiranirwa." – *This Day With God,* p.228.

## *Kuwa Gatanu* *16 Werurwe*

### 5. IRINDI SEZERANO RYARAKENEWE

**a. Guhera igihe isezerano rya kera ritabahesheje ibyiringiro, mbese ni irihe sezerano rukumbi ryahaye abantu bo mu gihe cy'isezerano rya kera ibyiringiro? Yeremiya 31:31 – 33.**

---

"Binyuze mu kwizera muri Kristo, kumvira buri hame ryose ryo mu mategeko birashoboka.

"Umwuka w'uburetwa ukomeza kongerwa no gushaka kubaho bihuje n'idini rikurikiza amategeko, binyuze mu guharanira gusohoza ibyo amategeko asaba mu mbaraga zacu bwite. Hari ibyiringiro kuri twe uko tugerwaho gusa n'isezerano rya Aburahamu, ariryo sezerano ry'ubuntu kubwo kwizera Yesu Kristo. Ubutumwa bwiza bwabwirijwe Aburahamu binyuze mu cyo yiringiraga, bwari ubutumwa bwiza tugomba kubwirizwa muri iki gihe binyuze mucyo twiringira. Aburahamu yahanze amaso Yesu, We banze ryo kwizera kwacu akana ari nawe ugusohoza rwose." – *Ubusobanuro bwa Bibiliya*, vol 6, p.1077.

**b. Vuga amazina ya zimwe mu ntwari zo mu Byanditswe Byera zemeye ayo masezerano y'ubufasha bw'Imana. Abaheburayo 11:4 – 32.**

---

---

"Mu bihe byose intwari zo kwizera zaranzwe no kuba indahemuka ku Mana, kandi bazanywe imbere y'ab'isi kugirango umucyo wabo ushobore kumurikira abari mu mwijima. Daniyeli na bagenzi be batatu ni ingero nyakuri z'ubutwari bwa gikristo… Mu mibereho yabaranze mu bikari by'i Babuloni dushobora kuhigira [icyigisho] cy'uko Imana izagira icyo imarira abayikorera n'umutima wose batizigamye." – *My Life Today*, p.68.

## *Kuwa Gatandatu* *17 Werurwe*

### IBIBAZO BYO KUZIRIKANWA

1. **Ni gute dukurikiza imibereho yaranze Abaheburayo uko dushoboye gusobanukirwa akamaro nyakuri k'amategeko cumi y'Imana?**
2. **Ni ukubera iki bari biteguye kwinjira mu masezerano batashoboye kubahiriza?**
3. **Ni gute byoroshye yuko natwe muri iki gihe dusezeranira Imana amasezerano nk'ayabo?**
4. **Mbese ni iki cyarindwa kongera kubaho kw'amateka y'Abisirayeli asigaye?**
5. **Mbese ni izihe ngero dufite, zigaragaza yuko ubuhakanyi bw'ishyanga butazaba urwitwazo rw'ukwizera kwacu kudashikamye?**

# Nimuze Tujye Inama

**Isomo ryo kuzirikanwa: "Nimuze tujye inama", ni ko Uwiteka avuga, " Naho ibyaha byanyu byatukura nk'umuhemba birahinduka umweru bise na shelegi, naho byatukura tukutuku birahinduka nk'ubwoya bw'intama bwera." Yesaya 1:18.**

"Iryo sezerano rishya ryari rishingiye ku mategeko y'Imana, kandi bwari uburyo bwo gutuma abantu bongera guhuza n'ubushake bw'Imana, bagashyirwa aho babasha kumvira amategeko y'Imana." – Abakurambere n'Abahanuzi, p.371.

**Ibitabo byifashishijwe:** *Ibitekerezo byo ku Musozi w'Umugisha,* p.45 – 77.

## *Kuwa Mbere* *19 Werurwe*

### 1. AMASEZERANO ABIRI

**a. Kugirango dutsindishirizwe n'Imana, mbese ku ruhande rwacu hakenewe irihe sezerano? Zaburi 50:5.**

---

---

**b. Kugirango tugirane iryo sezerano, ni iyihe nyifato dukwiriye kugira? Yesaya 1:18.**

---

---

**c. Mbese ni sezerano bwoko ki duhabwa? Abaheburayo 8:6 – 13.**

---

---

"Ingingo zari zigize "Isezerano rya kera" zari 'Umvira maze ubeho.' "Ibyo uzabikora azabeshwaho nabyo." (Ezekiyeli 20:11; Abalewi 18:5); ariko "Udasohoza amagambo y'ayo mategeko ngo ayumvire, avumwe." (Gutegeka kwa Kabiri 27:26). 'Isezerano rishya' ryo ryari rishingiye ku "masezerano meza kurushaho" ari yo isezerano ryo kubabarirwa ibyaha ndetse n'iry'ubuntu bw'Imana buhindura umutima ukaba mushya kandi bugatuma wumvikana n'amahame y'amategeko y'Imana. "Ariko isezerano nzasezerana n'inzu ya Isirayeli hanyumay'iyo minsi ngiri. Ni ko Uwiteka avuga ngo: 'Nzashyira amategeko yanjye mu nda yabo, kandi mu mitima yabo ni ho nzayandika… nzababababarira gukiranirwa kwabo, kandi icyaha cyabo sinzacyibuka ukundi." Yeremiya 31:33, 34." – *Abakurambere n'Abahanuzi*, p.372.

## 2. NI UKUBERA IKI ISEZERANO ARI NGOMBWA?

**a. Mbese ni iki kidutandukanya no kuba abafatanyije n'Umuremyi wacu? Yesaya 59:2. Mbese ni iki kidukwiriye? Itangiriro 2:17; Abaroma 6:23.**

"Adamu ntiyatindiganyije gutsindwa n'ikigeragezo cya Satani, maze akora icyo Imana yamubujije gukora. Kristo, Umwana w'Imana, yahagaze hagati y'abazima n'abapfuye, aravuga ati: 'Reka igihano kibe kuri Jye. Nzahagarara mu mwanya w'umuntu. Muhe ikindi kigeragezo.' Igicumuro cyashyizeho isi yose igihamo cy'urupfu. Ariko mu ijuru humvikanye ijwi rigira riti: 'Nabonye incungu' Utarigeze acumura yahindutse icyaha kubw'umuntu wacumuye. 'Kuko Imana yakunze abari mu isi cyane, byatumye itanga Umwana wayo w'ikinege kugira ngo umwizera wese atarimbuka, ahubwo ahabwe ubugingo buhoraho' (Yohana 3:16). Kristo yiyambuye umwambaro We n'ikamba Rye bya cyami, maze areka gutegeka ijuru ryose. Ubumana Bwe yabwambitse ubumuntu, kugirango ashobore gutwara ubumuga bwose kandi yihanganire ibigeragezo byose by'umuntu. Yabaye umunyamibabaro, ndetse wamenyereye intimba. Ibicumuro byacu nibyo yacumitiwe, yashenjaguriwe gukiranirwa kwacu. Igihano kiduhesha amahoro cyari kuri we, kandi imibyimba ye ni yo adukirisha. Yabaye umukene ku bwacu, kugirango binyuze mu bukene Bwe dushobore kuba abatunzi. Yasize ukuramywa n'abamarayika kubera twe, kuko abatambyi n'abatware bamurakariye cyane bamugira igitutsi n'igicibwa." – *Ibimenyetso by'Ibihe,* kuwa 27 Kamena 1900.

**b. Mbese ni iki Imana yatanze uhereye mbere na mbere kugirango ikureho iki gihano cy'urupfu? Yobu 33:24, na none gereranya 1Yohana 4:19; Ibyahishuwe 13:8.**

"Inama yo gucungurwa kwacu ntabwo ari igikorwa cyatunguranye, igikorwa cyaba cyaratekerejwe nyuma yo kugwa kwa Adamu. Kwari uguhishurwa "kw'ibanga ryari rihishwe uhereye kera kose." Abaroma 16:25. Kwari ugushyira ku mugaragaro amahame agize urufatiro rw'ingoma y'Imana uhereye kera kose. Kuva mw'itangiriro, Imana na Kristo bari bazi ubuhakanyi bwa Satani, no kugwa kw'umuntu bikomotse ku gushukwa n'umuhakanyi. Ntabwo byari muri gahunda y'Imana ngo habeho icyaha, ariko yabibonye mbere y'igihe ko bizaba, iteganya ingoboka, kugira ngo ihangane n'icyo kibi. Urukundo rwayo ruhebuje yari ifitiye isi, rwatumye itanga Umwana wayo w'ikinege, "kugira ngo umwizera wese atarimbuka, ahubwo ahabwe ubugingo buhoraho." Yohana 3:16." – *Uwifuzwa Ibihe Byose,* p.22.

## 3. URUBYARO RW'UMUGORE

**a. Ni ryari inzoka ya kera, ariyo Satani, yariganyije ababyeyi bacu ba mbere muri Edeni, kandi ni irihe sezerano Imana yatanze rihesha inyokomuntu ibyiringiro? Itangiriro 3:15.**

"Ibyifuzo bya kamere yacu nibidakosorwa n'Umwuka Wera w'Imana, muri byo byifitemo imbuto z'urupfu. Nitutagirana n'Imana umushyikirano muzima, ntidushobora kurwanya ingaruka kirimbuzi z'ukwikunda, gukora ibyo twishakiye no gushukwa gukora icyaha." – *Ibihamya by'Itorero,* vol 8, p.315,316.

**b. Ni nde rubyaro rw'umugore? Itangiriro 22:18; Abagalatiya 3:8,16; Abaheburayo 2:14.**

"Uhereye igihe ubutumwa bwiza bwa mbere bwigishwaga, ubwo muri Edeni byavugagwa ko urubyaro rw'umugore ruzakomeretsa inzoka umutwe, Kristo yashyizweho nk'inzira, ukuri ndetse n'ubugingo. Kristo yari inzira igihe Adamu yabagaho, igihe Abeli yazanaga imbere y'Imana amaraso y'umwana w'intama, ari byo byashushanyaga amaraso y'Umucunguzi. Kristo ni we wari inzira abakurambere n'abahanuzi banyuzemo ngo bakizwe. Ni we nzira rukumbi dushobora kunyuramo ngo tugere ku Mana." – *Uwifuzwa Ibihe Byose,* p.663.

**c. Niba nta kindi Aburahamu yizeye uretse Kristo kugirango ababarirwe ibyaha (Abagalatiya 3:6 – 8), mbese ni iki cyabaye umusaruro w'ukwizera gumeze gutyo? Itangiriro 26:5.**

"Urupfu rwa Kristo ku musaraba rwashyizeho irimbuka ry'impamo ku uwari ufite imbaraga z'urupfu, we nkomoko y'icyaha. Igihe Satani azarimburwa, nta n'umwe uzongera kugushwa mu cyaha, impongano ntizongera kongera gukenera kongera gutangwa, kandi ntihazongera kubaho undi mwigomeke kirimbuzi mu biremwa by'Imana. Icyo nicyo gusa gishobora kurinda iyi si y'umwijima icyaha, kandi bizakumira icyaha mu ijuru. Abera ndetse n'abamarayika bazabona akamaro k'urupfu rwa Kristo. Abantu bacumuye ntibashobora kuba muri paradizo y'Imana badafite Umwana w'Intama watambwe uhereye ku kuremwa kw'isi. Mbese ntituzerereza umusaraba wa Kristo? Abamarayika baha icyubahiro Kristo bakanamuhimbaza, kuko batabyibuza keretse baretse kureba imibabaro y'Umwana w'Imana. Abamarayika bo mu ijuru barindwa ubuhakanyi binyuze mu byiza by'umusaraba. Hatariho umusaraba abantu ntibarindwa umubi nkuko byagendekeye abamarayika mbere yo gucumura kwa Satani. Ubutungane bw'abamarayika bwatsindiwe mu ijuru, n'ubutungane bw'umuntu bwatsindiwe muri Edeni, paradizo y'umunezero. Abantu bose bashaka umutekano mu isi cyangwa mu ijuru, bakwiriye guhanga amaso Mwana w'Intama w'Imana." – *Ibihamya by'Itorero*, vol 5, p.1132.

## 4. UGUHAMA KW'ISEZERANO

**a. Nubwo iri sezerano ryahawe Adamu kandi rikavugururirwa Aburahamu, ni ryari ryashoboraga guhama maze rikitwa isezerano rishya cyangwa irya kabiri? Abaheburayo 9:16.**

---

"Nubwo iri sezerano ryahawe Adamu rikongera kuvugururirwa Aburahamu, ntiryashoboraga guhama bitaragera igihe Kristo yapfiriye. Ryari ryarabayeho kubw'isezerano ry'Imana uhereye igihe itangazo rya mbere ryo gucungurwa ryatangwaga. Ryari ryaremewe kubwo kwizera, nyamara ubwo Kristo yarihamyaga akarishimangira, ryiswe isezerano rishya." – *Abakurambere n'Abahanuzi*, p.370,371.

**b. Niba ritararangiye kugera ku rupfu rwa Yesu, ni gute ryasohorejwe abana b'Umwami wo mu ijuru mbere y'umusaraba? Abaheburayo 6:13 – 18.**

---

---

"Isezerano ryahawe Aburahamu ryahamijwe n'amaraso ya Kristo bityo ryitwa isezerano rya "kabiri" cyangwa "rishya," kuko amaraso yarihamije yasheshwe nyuma y'amaraso y'isezerano rya mbere. Kuba isezerano rishya ryari rifite agaciro mu gihe cya Aburahamu bigaragarira mu kuba ryarahamijwe n'isezerano ndetse n'indahiro by'Imana — ibyo bikaba ari "ibintu bibiri bidahinduka, ibyo Imana itabasha kubeshyeramo" Abaheburayo 6 :18." – *Abakurambere n'Abahanuzi,* p.371.

"Ijambo ry'Imana rirarahiye. Imisozi izavaho n'udusozi tuzakurwaho, ariko imbabazi Zayo ntizizava ku bwoko Bwayo, kandi n'isezerano ry'amahoro yabasezeranije ntirizabakurwaho. Ijwi ryayo ryumvikana rigira riti: 'Nagukunze urukundo ruhoraho' (Yeremiya 31:3). 'Nzakubabarira nkugirire imbabazi zihoraho' (Yesaya 54:8). Mbega uburyo uru rukundo rutangaje! Imana imanukira gukuraho ibintu byose bitera gushidikanya n'ibitera abantu ubwoba n'intege nke maze mu kwizera igasingira ukuboko guhinda umushyitsi. Kandi Imana idufasha kuyiringira kubwo kuduha ubwishingizi n'umutekano inkubwe nyinshi. Yagiranye natwe amasezerano ashingiye ku kumvira kwacu, kandi ihurira natwe mu byo dusobanukiwe. Dutekereza ko isezerano tugiranye na bagenzi bacu, iyo ryanditswe, rigira igihe rirangirira. Kristo yahuye n'ibyo ngibyo bitera abantu ubwoba, maze isezerano Rye arihamisha indahiro: 'Ni cyo cyatumye Imana ishatse kurushaho kugaragariza abaragwa ibyasezeranijwe uko imigambi yayo idakuka, yongeraho indahiro…' Mbese ni iki Umwami wacu yashoboraga kurushaho gukora kugirango akomereze ukwizera kwacu mu masezerano Ye?" – *That I May Know Him*, p.262.

## *Kuwa Gatanu* 23 Werurwe

### 5. IBISATE BY'UMUTIMA

**a. Mbese ni ayahe mahirwe dufite kubera igitambo cya Kristo ku musaraba? Abaheburayo 9:15.**

---

**b. Mbese ni uwuhe muhamagaro Imana iha buri wese muri twe ku giti cye ubwo dusuzuma inshingano yacu imbere y'Imana? 2Abakorinto 6:2.**

---

"Ya mategeko yanditswe ku bisate by'amabuye ni yo yandikwa mu mutima n'Umwuka Wera. Aho kugira ngo twishyirireho gukiranuka kwacu bwite, twemera gukiranuka kwa Kristo. Amaraso ye ahongerera ibyaha byacu. Kumvira kwe kwemerwa mu cyimbo cyacu. Bityo umutima wahinduwe mushya n'Umwuka Wera uzera "imbuto z'Umwuka." Kubw'ubuntu bwa Kristo, tuzabaho twumvira amategeko y'Imana yanditswe mu mitima yacu. Kubera ko tuzaba dufite Umwuka wa Kristo, tuzagenda nk'uko yagendaga. Abinyujije mu muhanuzi yavuze ibye ati: "Mana yanjye, nishimira gukora ibyo ukunda; ni koko, amategeko yawe ari mu mutima wanjye." (Zaburi 40:8). Kandi igihe yari kumwe n'abantu yaravuze ati: "Kandi uwantumye turi kumwe; ntiyansize jyenyine, kuko mpora nkora ibyo ashima." Yohana 8:29.

"Intumwa Pawulo yerekana neza isano iri hagati yo kwizera n'amategeko mu isezerano rishya. Aravuga ati: "Nuko rero, ubwo twatsindishirijwe no kwizera, dufite amahoro ku Mana kubw'Umwami wacu Yesu Kristo." "Mbese none duhinduze ubusa amategeko kwizera? Ntibikabeho! Ahubwo turayakomeza." "Kuko ibyo amategeko yananiwe gukora kubw'intege nke za kamere yacu," (ntiyashoboraga gutsindishiriza umuntu kuko umuntu muri kamere ye y'icyaha atashoboraga kubahiriza amategeko), Imana yabisohoje ubwo yatumaga Umwana wayo afite ishusho ya kamere y'ibyaha, kuba igitambo cy'ibyaha, icira ibyaha bya kamera ho iteka; kugira ngo gukiranuka kw'amategeko gusohozwe muri twe, abadakurikiza ibya kamere y'umubiri, ahubwo bakunikize iby'umwuka." Abaroma 5:1; 3:31; 8:3,4." – *Abakurambere n'Abahanuzi,* p.372,373.

## *Kuwa Gatandatu* 24 Werurwe

### IBIBAZO BYO KUZIRIKANWA

1. **Mbese ni ubuhe bunararibonye wagize ubwo wagiranaga n'Imana amasezerano?**
2. **Ni ukubera iki Imana yari yiteguye igihe Adamu yacumuraga?**
3. **Mbese ni ibihe bishushanyo Imana yakoresheje kugirango ihore yibutsa ukuza kwa Mesiya?**
4. **Ni gute twasobanukirwa yuko Aburahamu yahawe isezerano rishya?**
5. **Mbese uri kwitegura kugirana n'Umuremyi wawe isezerano bwoko ki?**

## KUJYINAMA N'UMUREMYI DUSABA IVUGURURA

"Yesu yageragejwe uburyo bwose nkatwe, kugirango ashobore kumenya uko yafasha abagomba kugeragezwa. Imibereho Ye ni urugero rwacu. Agaragaza ko umuntu ashobora kwitondera amategeko y'Imana kubwo kumvira ubushake Bwayo, kandi ko gucumura amategeko ntayumvire bimushyira mu bubata. Umukiza yari yuzuye impuhwe n'urukundo, ntajya asubiza inyuma abantu bihana by'ukuri, kabone nubwo ibyaha byabo byaba bikomeye, ariko Yamaganira kure uburyarya bw'uburyo bwose. Asobanukiwe ibyaha by'abantu, azi ibikorwa byabo byose, kandi asoma imigambi yabo y'ibanga, nyamara ntabwo abatererana ngo abarekere mu gukiranirwa kwabo. Arasaba umunyabyaha ngo bajyinama bahuje umutima, kugirango We ubwe yishyireho intege nke z'umuntu, We ubwe yishyire ku rwego rwe. 'Nimuze tujye inama', ni ko Uwiteka avuga, 'Naho ibyaha byanyu byatukura nk'umuhemba birahinduka umweru bise na shelegi, naho byatukura tukutuku birahinduka nk'ubwoya bw'intama bwera'.

"Umuntu wahindanyije ishusho y'Imana mu mutima we kubw'imibereho yanduye, ntashobora kugira impinduka ihamye muri we kubw'umuhati wa kimuntu usanzwe. Akwiriye kwakira ibyo ahabwa n'ubutumwa bwiza, akwiriye kwiyunga n'Imana binyuze mu kumvira amategeko Yayo no kwizera Yesu Kristo. Kuva ubwo imibereho ye ikwiriye kuyoborwa n'ihame rishya. Binyuze mu kwihana, kwizera n'imirimo myiza, ashobora kuboneza imico ikiranuka, maze binyuze mu bugiraneza bwa Kristo; akamamaza amahirwe y'abana b'Imana. Amahame y'ukuri kw'ijuru niyakirwa kandi agashyirwa imbere mu mutima, azatugeza ku gihagararo cy'imyitwarire myiza icyo tutigeze dutekereza ko byadushobokera kukigeraho…

"Aha hari umurimo umuntu agomba gukora. Agomba kwireba mu ndorerwamo, ariyo mategeko y'Imana, agasobanukirwa inenge ziri mu mico ye, maze akiyambura ibyaha bye, akamesa ikanzu y'imico ye mu maraso y'Umwana w'Intama. Ishyari, ubwibone, igomwa, kuriganya, amakimbirane, n'ubuhemu, bizahanagurwa mu mutima wakiriye urukundo rwa Kristo kandi ugashyira imbere ibyiringiro byo kumera nka We…

"Ariko impinduka ituruka ku byiringiro by'ubutumwa bwiza ntizayobora umunyabyaha guhanga amaso ku gakiza ka Kristo nkuko byakorwa n'ubuntu butanzwe nta kiguzi, mu gihe akomeje kubaho acumura amategeko y'Imana. Igihe umucyo w'ukuri umurikiye intekerezo ze, nibwo asobanukirwa byuzuye ibyo Imana isaba kandi asobanukirwa uburemere bw'ibicumuro bye. Uwo azavugurura inzira ze, bityo akiranukire Imana binyuze mu mbaraga ahawe n'Umukiza we, maze ayoborwe mu bugingo bushya kandi burushijeho kubonera." – *Ibihamya by'Itorero,* vol 4, p.294,295.

# Ituro ry'Isabato ya Mbere




## 07, Mutarama

Azagenerwa ikubaka Ishuri n'Ikigo nderabuzima muri Adigeya, mu Majyaruguru ya Kawukasusi, mu Burusiya

( Reba p. 4 )

## 04, Gashyantare

Azagenerwa Kunganira Abagezweho n'ibīza ku isi

(Reba p. 25






## 03, Werurwe

Azagenerwa Urusengero rw'i Patankoti muri Iniyo y'Ubuhinde bw'Amajyaruguru

(Reba p. 46)